

Donat NIYITANGA Ngabo

Hirya y’Imbereka

Werurwe 2021

Ndashimira Inteko Nyarwanda y’Ururimi n’Umuco (RALC) yatanze ibitekerezo byayo kugira ngo iki gitabo kinonosorwe

Ndashimira Prof. Chrysostome Nkejabahizi wanyigishije muri Kaminuza y’u Rwanda ndetse akaba yaranatanze umusanzu we mu iyandikwa ry’iki gitabo

Uwakoze igifuniko cy’igitabo: Mpayimana Dieudonné

Ibikubiye muri iki gitabo bishingiye ku nganzo y’umuhanzi. Mu myaka itagera muri mirongo ishize, umugabo yavaga kurima igisigati, gutabira ibijumba cyangwa gusanza umuhunga w’ibishyimbo, akikiza ubwo burimiro, agafungura, ubundi ikoti akarishyira ku bitugu akajya gusoma agacupa ku kabari.

Akenshi yahahuriraga n’inshuti ze bakizihirwa, amacupa ya matiyusi cyangwa Joni Warikeri (John Walker) ni yo yagaba ari igipimo; bamara gutamo umusa, akanyamuneza kakabasaba bati “ubundi erega manyinya ni mucyurabuhoro”. Ubwo inka zigatangwa, hari n’uwavugaga ati “ka gahungu kawe uzakabwire kaze ngashyingire uriya mukobwa wanjye dore bose bakuze”. Ubucuti bugatangira ubwo, ejo ubwatsi bugakurwa inka zigataha, inkwano zikaza, abageni bagashyingirwa.

Umwami Cyilima Rujugira yabuze uko yimana Kalinga Kalira ati “Ntabyera ngo de”. Kuko ahari abantu hatabura urunturuntu, aba babaga bahanye inka n’abageni hari ubwo bapfaga ko umwe yarengereye undi ho isuka imwe, ubwo intambara ikarota, gucudika bigacikira aho.

Reka rero abana babo batazi igipfa n’igikira bazikundanire! Akenshi icyo izi ngo zikuze zapfuye, bakakizana mu rugo rukiri mu ruhumbikiro, bakaruhorahoza batyo.

Ese iyi ntorezo yica urukundo rw’abana hari ababyeyi bakiyikwikeye? Wowe hari aho wabyumvise? Cyangwa se byabaye ku nshuti yawe, byanashoboka ko byakubayeho wowe ubwawe. Niba ibi bibazo nkubajije, unshubije OYA se, biramutse bikubayeho cyangwa bikaba ku nshuti yawe wakora iki nk’umuntu mukuru?

Iki gitabo **Hirya y’Imbereka** gikubiyemo inkuru y’urukundo ishingiyeye ku mibanire ya buri muni mu bantu, ni inkuru y’umwana w’umukobwa wakunze umuhungu aramushotora kugeza umuhungu ari we ubyivugiyeye ariko hazamo kidobya y’ababyeyi, gusa abana barwana inkundura ntibakundira urwango rutsinda urukundo.

Reka noye ayo ndeke kukuvumbisha ayo wengewe, reka nguhe urubuga wisomere.

Donat NIYITANGA Ngabo

Kigali, Rwanda

Email: donatniytanga@gmail.com

Tel: +250 789 171 755

Donat NIYITANGA Ngabo 2021

Uburenganzira bw'umuhanzi burubahirizwa

Kwandukura cyangwa gufotora ibiri muri iki gitabo bigomba uburenganzira bw'uwayanditse.

Ikinyotera cy'urukundo mu mutima wa Gihozo

Iyo Rwema ari wenyine, ibitekerezo bye biba byibereye kuri Gihozo, yiyibutsa ibiganiro baganira, inama bagirana, uburyo bahanana ndetse n'uburyo bishimirana. Ntabwo umunsi wira atamutekerejeho, ageze aho yumva baba bari kumwe kenshi. Ibi bituma rimwe na rimwe yiyemeza kujya kumureba nubwo baba nta gahunda bahanye, rimwe akamubona ubundi akamubura.

Iyo atabashije kumubona cyangwa akamara kabiri batavuganye, areba agafoto bifotoje kuri Noheri imwe yabaye bari kumwe. Noheri yegereje, Gihozo ni we wasabye Rwema ko bazizihiriza Noheri hamwe. Ati: "Reka tuzizihize uwo muni turi hamwe maze dutemberane, dusangire ibyishimo byose by'uwo muni mukuru." Rwema biramutungura cyane kuko atari abyiteze. Ikindi kandi ni ubwa mbere yari agiye gusangira umunsi mukuru n'umukobwa kuko ubundi yizihizaga iminsi mikuru ari kumwe n'inshuti ze magara: Ntwari na Nshizirungu.

Mu kubyumva, Rwema aratungurwa cyane, maze abanza kubyangira kuko yumvaga atazi icyo azasobanurira inshuti ze ku bijyanye no kutazasohokana na bo kuri uwo muni mukuru. Gihozo afata umwanya wo kubimwumvisha, amubwira ko nubwo atazaba ari kumwe n'inshuti ze ariko bazagirana ibihe byiza, binarenze ibyo agirana na ba Ntwari. Rwema ntibyabemera kuko atari yakishimiye Gihozo nk'umukobwa batemberana. Umukobwa batakuranye, bamenyanye bakuze, umukobwa umuruta mu myaka,... byose byamuteraga kutiyumvisha ukuntu ari we agiye kugurana inshuti ze ku muni mukuru nk'uwo.

Gihozo agaragariza Rwema ko amwifuzaga cyane mu byishimo by'umunsi mukuru. Ati: "Ndabizi neza ko tutaramenyana. Iyo ishobora kuba ari imwe mu mpamvu zituma ushidikanyaga ku cyifuzo nakugejejeho. Humura ibyo uzaba wigomwe ntibizaba bigendeye ubusa. Tuzitwara neza kandi ibihe tuzagirana uwo muni bizakubera urwibutso rw'iteka. Sindi umwana mubi ngo nzakuyobya, nkunyweshe amayoga cyangwa ngo nkucyure nijoro; oya. Bigerageze rimwe, nibiba bibi, ntuzongere kumpa umwanya wawe, kandi wabonye ko mu gihe gito tumaranye tutajya tugirana ibihe bibi."

Gihozo akomeza kubimwumvisha ubutarambirwa, bimusaba iminsi bahura mu bihe bitandukanye kugira ngo abashe kubyumva. Kuko kwihangana bitera kunesha, ukudacika intege kwa Gihozo gutuma Rwema yemera icyifuzo cye maze baricara bashakira uburyo uwo muni wazagenda neza. Bari bakeneye kwicara bakareba uburyo bazaba bambaye, uko umufuka wabo uzaba uhagaze kugira ngo bazabashe kwifata neza, amasaha akwiriye bazahuriraho n'ayo bazatahiraho n'ibindi byinshi.

Mu gihe bakibaza ibyo, Gihozo nk'umuntu wari wazanye igitekerezo yagombaga kugira icyo avuga. Araterura abwira Rwema ati: "Urabona tugomba kuba twambaye neza. Ikindi tugomba kuba dufite amafaranga nubwo yaba make. Ibyo bizadufasha kwizihiza Noheri neza. Amafaranga azadufasha kwifotoza ifoto yo kuri uwo muni." Ubusanzwe, byari bimenyerewe ko abantu benshi bifotoza amafoto kuri Noheri kuko baba bambaye imyenda mishya, barya ibiryo

byiza, banywa amayoga n'ibindi byinshi. Mbese uwo munsu uhagarika indi mirimo yose, abantu bakabona umwana wo kwishimira ivuka rya Nyagasani.

Igitekerezo cya Gihozo cyakirwa neza, ariko Rwema agira ikibazo cy'ahantu ayo mafaranga azava. Byari bigoranye kuvuga ko atazapfa kuyabona ariko nanone yumva ko aramutse ayabuze yaba atengushye Gihozo kandi ko yaba asebye imbere y'inkumi. Ibi bimutera gutekereza cyane no gushaka uburyo yabona ayo mafaranga, kugira ngo ibyo yemereye umwana w'umukobwa bizagerweho.

Mu gihe ibitekerezo bikimubanye byinshi, nyamukobwa aba amuteye imboni abona ko umutima udatuje, maze akomeza ijamba yari yafashe kare, aramubwira ati: "Kugira ngo tuzabone amafaranga dushaka, tugomba kugira icyo dukora. Njye iyo Noheri igeze, mba mfite amafaranga make, iwacu bakanyongeraho; hari icyo nkora rero kugira ngo nyabone. Byaba byiza noneho kuri iyi ncuro dufatanyije tukabona menshi kurushaho." Rwema akibyumva, abyakirira hejuru maze amubaza icyo ngicyo akeka ko bakora maze na we aramubwira ati: "Iwacu bampaye aho niharika, ubu rero mfite ibishyimbo bizaba byeze kuko ni bimwe byitwa shyushya kandi nabiteganyirije iminsi mikuru. Ndumva amafaranga azavamo yagira icyo atumarira twembi."

Rwema nk'umusore biramugora kumva ko azasangira iminsi mikuru na Gihozo, adafite amafaranga. Ubusanzwe we n'inshuti ze ebyiri, bakora imirimo ibazanira amafaranga, irimo gukora ubuyede, kubumba amatafari n'indi bakora bakishyurwa. Ibyo byatumye atekereza gushaka icyo akora cyamubyarira amafaranga mu gihe gito kugira ngo na we azabe afite uko ameze muri icyo minsi. Rwema uyu, ari mu mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye.

Buri wese ku ruhande rwe akomeza gukora atikoresheje, maze igihe kijya kugera bafite amafaranga ahagije. Ku mutima wa Rwema, hariho ibyifuzo byinshi, atekereza ati: "Ubwo niyemeje gusangira na Gihozo, ntabwo ngomba kugenda nizeye kumurya imitsi. Umuntu w'umusore singomba kugenda imbokoboko kuko byatuma anshishamo ijisho. Imana imfashe wenda nzabone make ariko nibura abe ahagije kugira ngo ibihe bizagende neza. Ndabizi na we azaba yiteguye bihagije; ni yo mpamvu nanjye ngomba gukora iyo bwabaga nkahatambukana umucyo." Amafaranga babonye bahitamo kuyagura imyenda bambaye ku munsu mukuru wa Noheri n'Umunani, basigarana ayo kurya no kwifotoza muri icyo minsi mikuru; asigaye aharirwa Rwema kugira ngo azabashe kuguramo bimwe mu bikoresho by'ishuri ryendaga gutangira mu ntangiriro z'umwaka wari ukurikiyeho.

Ku munsu mukuru, babyuka babukereye. Rwema ashyiramo ishata nziza, ipantaro n'inkweto bishya. Ishata y'ubururu bwera, imukwiriye neza, imubereye, mbese wagira ngo ni umukozi wo mu biro. Ipantalo yari umukara imanutse neza, itari nini cyane mu maguru ariko nanone itamufashe, yayikubise ku nkweto Gihozo yari yamuhitiyemo zasaga n'ibihogo, maze biba mahwi.

Gihozo we agura agakanzu keza k'urwirungu, gafunze mu ijosi, gafite amaboko ajya kuba magufi, kamanutse kamwegereye kakagarukira kuri ruseke. Hasi yambara inkweto ndende zitukura ku buryo umureba abona ikanzu yambaye ijyanye neza n'inkweto ze. Ntabwo turi buvuye ibyabaye byose kuri uwo munsu, icy'ingenzi ni uko bishimye bihagije, byarangira

bakifotozanya ifoto y'urwibutso. Iyo foto bayihanagujemo amafoto abiri: Rwema ajyana imwe na Gihozo ajyana indi.

Icyo ni igihe kandi haburaga amezi make ngo hakorwe ikizamini cya leta gisoza amashuri yisumbuye. Rwema atekereza ko byamutera imbaraga cyane akoze icyo kizamini ari kumwe na Gihozo nk'umukunzi we kuko yiyumvishaga ko amukunda, igihe cyo kumubwira ko amukunda kikaba kigeze. Ikindi kandi yumva ko Gihozo yamufashije kugera kuri uwo munsu w'ikizamini, amufasha cyane mu masomo ye. Urukundo n'umutima mwiza Gihozo yagiye amugaragariza ni byo byatumye yumva ko agomba kumwegurira umutima we, akamukunda, kandi akamuhora hafi.

Ibi byose yabitekerezaga wenyine, yicaye iwabo mu ruganiriro nyuma yo gukora imirimo yari yasigiwe n'ababyeyi be.

Ku rundi ruhande, Gihozo na we ntiyoroheye. Imyaka amaranye na Rwema abona ihagije cyane ku buryo yibaza niba bizarangirira aho cyangwa se bizatera indi ntambwe. Ku bwe, akunda Rwema cyane uretse ko atakora ibidakorwa bimwe byo kwica umuco nyarwanda uvuga ko nta mukobwa ufata iya mbere ngo abibwire umuhungu. Ahora yibaza uko azabigenza kugira ngo Rwema areke kumufata nk'inshuti ye bisanzwe maze amufate nk'umukunzi.

"Umuhungu ufite umutima mwiza kuriya, utega amatwi, naba mubwira ibishimishije cyangwa ibibabaje, umuhungu tujya inama muri byose kandi inyinshi tukazihuza, umuhungu ntazi yazuye umunya cyangwa ngo mwumve atera amahane, ubwitonzi no kudahubagurika bimuranga byo sinabivuga, ubwitange, kuganira, gufata iya mbere mu guhangana no gukemura ibibazo n'ibindi byose mubonana bingaragariza ko ari umusore ukwiye urukundo ruhamye. Ubu se ntamuhaye umutima wanjye nazawuha nde wundi?"

Ayo yose ni amagambo Gihozo yibwiraga mu mutima we, maze akibona ari kumwe na Rwema bishimye bityo akumva arushijeho kumukumbura.

Akenshi ari wenyine ahantu hatuje, aba atekereza ati: "Ese ubu koko Rwema ankunda nk'uko mukunda? Ubu uru rukumbuzi na we ararugira? Ese ubundi kuki adaheruka kumvugisha? Kuki tudaheruka kubonana? Ubu se ko numva mukunda cyane, aramutse atankunze sinasara? Nzakore iki kugira ngo abashe kubona ko mukunda by'ukuri maze ansabe urukundo? Cyakora arunsabye sinazuyaza pe! Nahita mbyemera ako kanya. Ariko se ubu aramutse ankunze ariko ababyeyi be bakanyanga byagenda bite? Apuuu, ibi reka ndeke kubitekereza bitazanavaho biba.

Nk'uko abakobwa babigenza iyo bari mu rugo, Gihozo yafashe umwanya wo gukora isuku mu rugo, mu nkoko yari yabyutse, akenyera agatenge akubura umuharuro, mu rugo no mu nzu ari na ko areba niba nta mirayi yaritse mu gisenge, arangije ateka icyayi kugira ngo abandibabyuka basange byatunganye. Mu gihe bakibyuka yibuka ko hari n'imyenda itameshe aravuga ati "Hinga nywe icyayi mbere, mbone uko mesa n'iriya myenda." Amaze kunywa icyayi aratekereza ati: "Nimpita mesa imyenda ntarajya guhaha biraza kungora. Uwabanza nkajya guhaha hakiri kare kugira ngo ntasanga ibyo nshaka byashize." Ako kanya, afata amafaranga yerekeza ku isoko ajya guhaha ibyo kurya kuri ayo manywa.

Ibaruwa Rwema yandikiye Gihozo

Mu nzira ajya guhaha, ahura n'umuntu atazi. Yari umuhungu muremure wirabura, ufite umusatsi ujya kuba mwinshi kandi w'umusirimu. Uwo muhungu ahagarika Gihozo aramusuhuza, maze amubaza niba ari we witwa Gihozo. Undi na we ntihazuyaza ati: "Ni njye." Nuko batangira kuganira.

- Nitwa Ganza. Naturutse hirya iriya nkubaririza, sinari nzi ko nkubona. Imana ishimwe ko nkubonye.
- Ubundi se uranshakira iki, Ganza? Ndabona ntakuzi nubwo mbona amaso atari aya. Wagira ngo hari ahandi hantu twahuriye.
- Giho, nanjye amaso si aya. Gusa icyari kinzanye si ukukureba ngo twibwirane ahubwo nari nkuzaniye ubutumwa.
- Butumwa ki se unzaniye?
- Humura urabubona n'ubundi ni wowe bugenewe (abivuga akora mu gikapu yari afite mu mugongo maze amuha ibahasha.)
- Ganza iyi bahasha irimo iki?
- Ni iyawe Giho. Ibirimo n'ibyayo byose urabimenya neza nuyisoma. Ikindi uze kuyisoma uri ahantu hatuje. Gusa ntukuke umutima ntabwo ari inkuru mbi.
- None se Ganza, iturutse kuri nde ko wowe tutaziranye cyane?
- Gabanya amatsiko Gihozo! (Abivuga amukomanga ku rutugu) ibirimo byose uraza kubimenya. Njye ahubwo reka mbe ngiye ndimo kwihuta. Iyo nza kumenya ko mpita nkubona, ipikipiki yanzanye iba insubiranyeyo. Reka nyaruke mfate indi ariko ntacyo. Ubwo tuzongera tubonane ubutaha. Turi kumwe!
- Yego urabeho nawe Ganza. Urakoze gusohozza ubutumwa. Ahubwo se ubu moto ntiyaguhenze ra? Iyo wigira ku muhanda hariya ugatega imodoka ko ziba zihari zijya i Kigali?
- Oya, nta kibazo. Moto ni yo yihuta kandi nanjye ndihuta.

Ganza agitirimuka, Gihozo asigara mu muhanda yumiwe. Amashyushyu yari menshi cyane ku buryo yumvaga yayifungurira aho, ariko nanone akibuka ko ari mu nzira. Umutima we wuzuye ibibazo byinshi biganisha ku kwibaza iby'uwo muhungu uyimuzaniye, akabona atamuzi neza uretse ko yabonaga isura imuca mu jisho.

Ibikubiye mu ibahasha na byo bikomeza kumutera urujijo no gutekereza cyane ariko bikamuyobera. Nta muntu bari bafitanye gahunda ko aza kumwoherereza ubutumwa biciye mu ibahasha, cyangwa se ngo atekereze ko haba hari umuntu wagira icyo amubwira abinyujije mu

nyandiko, kuko uwo baganiraga cyane yari Rwema; kandi ntiyari kwirirwa yandika icyo ashaka kumubwira kuko bari bamenyeranye.

Kubera ukuntu yari amaze iminsi yitekerereza Rwema aniyumvamo urukundo, ahita yumva ko abo ari abamutesha umutwe, bamusaba gukundana na we.

Inzira yose Gihozo ayimara asa nk'urota ku manywa y'ihangu, amaze kugera mu rugo, atunganya ibyo avuye guhaha kugira ngo abitereke ku ziko, arangije yicara ku buriri bwe bw'itarure, maze atangira gusoma iyo baruwa yanditse muri aya magambo:

“Gihozo mwana wa mama, ndagusuhije cyane. Ese ko twaburanye cyane uhugiye mu biki? Ese ubu uracyabona umuntu muganira? Njye nawe mbona twarahindutse nk'abanyamahanga kuko kubonana bisigaye bitoroshye.

Ndagushimira cyane ko wampaye umwanya uhagije wo kwitegura ibizamini. Warakoze cyane. Ndagushimira kandi ko wambaye hafi mu masomo yanjye kuva twamenyana. Warakoze. Ndagira ngo nkumenyeshe ko niteguye neza nk'uko wabinsabye.

Gihozo rero, nihanganiye gusubiramo amasomo hashira iki gihe cyose tutabonanye. None ndakwinginze reka tuzabonane ku wa Gatandatu aho dusanzwe duhurira. Uzasanga mpagutegerereje nimpamara nk'isaha nzamenya ko utakije.

Yari Rwema ugutekereza.”

Gihozo akimara kubona ko ibaruwa ari iya Rwema biramutungura cyane, ni ko gutekereza ukuntu yari amaze iminsi amukumbuye, yumva arasubijwe. Umutima we wuzura ibyishimo maze ashimira Imana yo ireba ku mutima none ikaba imusubije. Nuko asoma igika cya nyuma kivuga ko Rwema azamara isaha amutegereje, maze aravuga ati: “Isaha yarinda kugera ubwo njye nkiri mu biki? Ahubwo njye ngomba kuba nahageze mbereho isaha.”

Ibyo bimwongerera imbaraga zo kumesa imyenda ye. Nuko ahera ku myenda yakundaga kurusha iyindi, iyo abantu bose bamubwira ko yaberewe igihe yayambaye. Yagombaga gukora ibishoboka byose kugira ngo kuri uwo muni azagende asa neza, maze agaragare neza imbere ya Rwema. Ikindi kandi, gusa neza byari kumubera iturufu yo gukurura no kureshya Rwema kugira ngo arebe ko nyamuhungu yashiduka maze akamuterekamo ijambo.

Ku muni wa gatandatu nk'uko babyumvikanye, gahunda yari ntugasaze. Rwema abyuka akora imirimo yose yo mu rugo. Buri kazi kose akagakora yemwe n'ako atari asanzwe akora. Mu byifuzo bye, amasaha yo kubonana na Gihozo nta kindi cyagombaga kuyabangamira, ngo usange hari umuntu umujyana muri ibi cyangwa biriya. Akazi kose agakorana ibakwe kandi ntiyigera na rimwe agira umunaniro imirimo yose itararangira.

Abo mu rugo barumirwa, bayoberwa uko byagenze kuko bitari bisazwe. Imirimo y'ingenzi ayisoza mu ma saa sita maze bamusaba kuruhuka kugira ngo bamugaburire. Icyakora ibi nyamuhungu ntiyabikozwa ahubwo yigira kureba ko imyenda ari bwambare imeze neza kugira ngo hatagira ikimukoma mu nkokora. Muri ayo masaha, Rwema arashyashyana reka sinakubwira! Umubona wese yahitaga yibwira ko afite ibindi bintu arimo bidasanzwe, kubera ukuntu yasaga nk'uwataye umutwe; adafite ibintu byo ku ruhande ashaka kumva, kugeza n'aho

adashobora kuruhuka cyangwa gufata umwanya ngo yicare hasi afungure, nk'umuntu wiriwe mu kazi wagombaga kuba ashonje.

Imyiteguro irarimbanyije! Nubwo atasobanuraga byeruye ngo avuge gahunda afite n'abo mu rugo bayimenye, babonaga neza ko bidasanze ariko bagakeka ko ubwo wenda ashaka kuza kujya gukina na bagenzi be mu masaha ya nyuma ya saa sita cyangwa se agatemberana n'inshuti ze. Ni we wenyine wari uzi ikiri ku mutima we.

Gihozo na we akomeza kwibaza uko biri bugende ubwo bari bube bahuye. Wagira ngo ni ubwa mbere bagiye guhura! Buri wese yumvaga ari bishya, igitima kikadihagura. Ibyumweru bibiri gusa bamaze batabonana barumva bingana nk'imyaka ibiri! Bari barabyumvikanyeho kuko byari uburyo bwo guha Rwema umwanya kugira ngo yitegure bwa nyuma ikizamini cya leta.

Isaha yo guhura igeze, buri wese yikoraho maze yerekeza aho bemeranyije guhurira. Gihozo agera aho bagombaga guhurira mbere y'iminota cumi n'itanu ku isaha bari bavuganye. Aricara arategereza, hashize nk'iminota itanu areba aho ajya kwikinga kugira ngo aze kureba uko Rwema ari buze yambaye. Amatsiko yo kureba uko Rwema aza kuza yambaye yari menshi, ariko akanashaka no kwishimira kuza kumureba atagira icyo yikanga cyangwa ngo agire isoni kuko bahuje amaso arimo amureba. Gihozo yashakaga kubanza kwimarira urukumbuzi yari afitiye umuhungu yihebeye da!

Nyuma y'indi minota itanu, Rwema na we arahasesekara. Aza akebaguza, areba hirya no hino ngo arebe ko Gihozo yahageze ariko ntiyamubona. Na we yashakaga kumubona cyane ariko nanone akiyumvamo ikintu cy'ubwoba kubera ibyo bari bagiye kuganiraho, byari bidasanze kandi ari we ugomba kubigiramo uruhare rukomeye.

Habura amasegonda make cyane ngo ahagere, Rwema atangira kugira umutima uhagaze yibwira ko Gihozo atakije; ahangayikishijwe n'uko aramutse atahageze, imigambi ye yose yahita ipfa kandi bikamubera ikimenyetso cy'uko atamukunda. Ubusanzwe, uyu mukobwa si umuntu wica gahunda. Nuko Rwema atangira kureba hirya no hino ngo arebe ko yahinguka aramubura. Uko ahareba ni na ko areba ku isaha yambaye ku kuboko.

Gihozo na we aho yari hirya aho, areba ibintu Rwema yikoraga byose, bikamuhamiriza neza ko amukunda. Uburyo Rwema atari atuje, ahangayitse, uburyo agaragaza ko amushaka cyane, ko yamukerereje kandi isaha bari bavuganye itari yakageze, byose byamugaragarije ko na we yashakaga kumubona rwose.

Gihozo yigira inama yo kumucunga areba mu kindi cyerekezo, maze amuturuka inyuma amupfuka mu maso. Rwema ntiazuyaza, mu ijwi rituje, ati: "Giho, nizere ko ntarota uyu akaba ari wowe!" Gihozo aramurekura maze undi na we arahindukira babisikanya ibiganza bagwana mu byano. Nuko Rwema ati "Twiyicarire aha nta ribi" Uko abivuga ari nako amanurira ikiganza inyuma ngo yicare, Gihozo ati "Ba uretse sha!" Ni ko gukora mu isakoshi akuramo igitenge gishya ati "Reka twicare kuri iki gitenge, utiyanduza". Umuhungu biramushimisha ati "Ko mbona wabasha kwita ku mugabo ra!" Basekera rimwe baricara.

Nk'uko bari basanzwe babigira, maze batangira kuganira. Umwe akabaza undi amakuru ye, hashira akanya akongera akabisubiramo. Kubera urukumbuzi, ntawabashaga kumenya ngo

nabajije ibi cyangwa sindabibaza. Ibyazaga mu mutwe ni byo bavugaga batitaye ku kuba babivuzeho cyangwa batabivuze.

Bakomeje kuganira buhoro buhoro, amagambo yabo aturuka kure ariko ibyishimo ari byose ku mpande zombi, bamaze gusubiza amaso inyuma no kwibukiranya ubuzima bwose basangiye, Rwema abona ko ari umwanya mwiza wo kuvuga icyamuzinduye. Igitima cye kiradiha cyane ku buryo wabashaga kucyumva uteze amatwi neza, maze yirinda kwegera Gihozo cyane kugira ngo atumva ko hari ikibazo kidasanzwe afite, yakimubaza akabiburira ibisobanuro bityo bikamutera guhangayika.

Ibyo bigatera Rwema kwibaza ati: “Ko ngiye kubivuga ubu arabyakira ate? None Gihozo abyanze nabona imbaraga zincyura ko numva bitanyorohera? Ese ubundi we ntankunda ra? N’ubundi nta yo itinya itarungurutse, kandi uwo uzaheka ntumwicisha urume.”

Gihozo yari yakomeje kwivugira atamenye intambara umwana w’umuhungu ari kurwana na yo mu mutima we. Kukubwira badateganye ku buryo umwe yareba undi mu maso, Gihozo yariyibye areba Rwema mu maso abona hari ukuntu yahindutse, ntiyabitindaho cyane ahubwo akomeza kwivugira. Ubwo yabaraga inkuru z’ukuntu yigeze gufasha Rwema mu modoka ubwo yari amubonyemo atameze neza.

Amaze kwishyiramo akanyabugabo, Rwema arahindukira areba Gihozo mu maso. Yamurebye nk’umunota nta cyo aramubwira. Yabikoze atyo kugira ngo nabasha kumureba igihe kingana gityo, ubwoba bugabanuke maze abone uko avuga atadidimanga. Gihozo na we akomeza kumureba ariko abonye ko bishobora kuba bitoroshye, akajya agira isoni akareba hasi. Umusore uri aha yari yiyemeje kandi uko amureba, ni ko yarushagaho kwiyumvisha ko na we amukunda nubwo batarabiganiraho. Ibyo byose bikamwongerera imbaraga no gushira amanga kugira ngo abashe kubivuga atikandagira.

Hashize umwanya yari yihaye, atangira kumuganiriza. Umwana atangira yitsa imitima, avugana ijwi rituje kurusha uko yajyaga abikora kandi avuga yitonze ubona ko atisanzuye nk’uko bari bamenyereye kuganira ubwo babaga bari kumwe.

Gihozo akimwumvane iryo jwi n’uburyo atuje, akeka ko byanze bikunze Rwema agiye kumubwira ijamba rikomeye. Nuko aratuzaga, amwereka ko amuteze amatwi kandi akajya amwikiriza kenshi kugira ngo amwereke ko bari kumwe kandi ashigikiye ibyo arimo kumubwira.

“Gihozo mukobwa mwiza. Twavugaga ibyo twanyuranyemo byaba ibigoye n’ibishimishije. Ni koko twasangiraga ibihe by’ibyishimo n’iby’amarira. Ndagushimira cyane ko wambaye hafi muri ibyo bihe byose. Ndagushimira ko witanze uko ushoboye nta ngororano utegereje. Iyo ataba wowe simba mfite icyizere mfite uyu muni. Iyo ataba wowe simba mfite umutima ukomeye nk’uko mfite uyu muni. Mu by’ukuri, ubumuntu mfite uyu muni si bwo nakabaye mfite.

Ubwo twahuraga bwa mbere, wanyeretse umutima mwiza ngira ngo wenda nibwo ubyize cyangwa se uragira ngo abantu bakubone nk’umwana mwiza. Nyuma naje gusobanukirwa ko ari uko uteye. Naje gusobanukirwa ko umutima mwiza ari impano wiherewe na Rurema. Naje

kumenya ko ubumuntu, kwitanga n'urukundo ari byo bikuranga. Mu by'ukuri wampinduye uwo ndi we uyu munsu.

Iyo mba uwishyura ibyo wankoreye sinari kubona ibyo nishyura. Kumbera mwarimu unyigisha amasomo yose byo byagombaga kwishyurirwa igiciro cyinshi. Ndagushimira ko wabikoze nta cyo ugamije kindi. N'ikimenyimenyi, uyu munsu nturagera iwacu, yewe ntunahazi ngo mbe navuga ngo wenda wabikoze kuko iwacu dufite imitungo cyangwa hari ikindi ushaka.

Ibyo bikorwa byawe byose rero byanyubatswe umutima. Nakubonyemo umuntu udasanzwe Giho. Nakubonyemo imico idasanzwe. Wandeye nka musaza wawe mutoya kandi byose narabikunze.

None rero ubwo ngiye gukora ikizamini cya leta, ku rugamba twembi twiteguranye kuva kera, ndagira ngo nsige nkubwiye ikintu. Nagitekerejeho igihe kirekire ngerageza kukihanganira ariko nasanze na cyo gikwiriye kwiyongera ku ntwaro n'impamba nitwaje muri iki kizamini.”

Arongera amureba mu maso, abonye ukuntu undi na we amuteze amatwi, maze arakomeza:

“Giho, ni wowe wanyigishije ubwenge butuma nkura mu mutwe. Ni wowe wabaye mushiki wanjye aho bashiki banjye batari. Ni wowe mbona nk'incuti y'igiciro gikomere mu buzima bwanjye. Ibyo wankoreye byiza ni byinshi ariko kandi hari ibindi byinshi utarankorera kandi na byo nkeneye. Ni yo mpamvu nkushaka iruhande rwanjye. Bizankomeza igihe cyose nzaba ngeze mu mage, bizambara akabando nicumba mu rugendo rw'ubuzima. Bizambara ingabo inkingira kandi bimbere ishingiro ryo kubaho.

Giho, nta kindi mfite naguhemba gikwiranye n'ibyo wankoreye byose. Nahisemo kuguha umutima wanjye. Nkawukwegurira wose ukawijyanira kandi ukawugenga. Sinzi niba uhwanyeye n'igihembo kigukwiriye ariko ni wo mfite muri aka kanya. Ikiwugeretseho, umusaruro uzava muri ibi bizamini ni wowe nzawuturako. Ni wowe twawuruhanye hamwe ni na we uzi ibyo twanyuzemo kugira ngo bigere aha. Gihozo rero n'ubundi nta cyo wanyimye, ndakwiginze ngo wemere umutima nkweguriye.”

Amaze kuvuga aya magambo ahita yicecekera. Umutima na wo uratuzaga ntiwakomeza kudiha kubera ko ubwoba bwari bwashize. icyawuteraga ubwoba yari yakivuze. Nuko akomeza kwicara yitonze atuje, asa nk'utegereje icyo nyamwari ari bumububize, icyakora akanyuzamo akamureba mu maso akabona Gihozo asa nk'aho yumiye.

Ni byo koko Gihozo ntitorohewe. Mu mutima we hararwaniramo ibintu byinshi. Nubwo na we amukunda, ntiyari azi neza ijana ku ijana ko abimubwira kuri uwo munsu. Ikindi kandi, yumvaga Rwema asa n'ushaka ko amububiza ako kanya kuko ngo igisubizo cyari kumubera impamba mu kizamini. Gihozo ntiyashakaga guhitamo amububiza by'umuco wa gikobwa, nanone ariko akagira ubwoba ko byamuhungabanyaga muri ibyo bihe by'ibizamini yarimo bitoroshye.

Amaze kubitekerezaho, asanga ari umwanya we wo kugira icyo avugaga cyane ko umuhungu yari yacecetse amutegereje.

Nuko mu ijwi rituje na we araterura aravugaga ati: “Rwema, uri umwana mwiza. Nta kibi nigeze nkubonaho. Nkunda ukuntu tujya inama tugakemurirana ibibazo bihari. Mu magambo make cyane, warakomeze cyane kandi urakomeze gushima. Nzaguhora hafi igihe cyose uzaba unkeneye.

Icyifuzo wangejejeho cyo, ndabanza nkitekerezeho. Nzagusubiza, uretse ko numva wakita cyane ku bizamini byawe. Ubu nkufata nka musaza wanjye nanjye nkitwara nka mushiki wawe ukureberera. Ukomere kandi ukomeze gutuza. Nkwifuriye amahirwe masa mu bizamini ugiyemo. Nizere ko hazabaho umunsi umwe twicaye twishimira ko wabitsinze.”

Nyuma y’ibyo, baganiraho umwanya mutoya maze basezeranaho barataha kuko bwari bwije. Mu nzira, Gihozo agenda yicinya icyara. Ibyishimo byari byose kuko Rwema yari yorosoye uwabyukaga. Yishimira cyane ukuntu yikomeje ntahite amusubirizaho. Ngo ibyo yari yakoze ni byo bijyanye n’umuco nyarwanda: *“Umukobwa arabanza akabitekerezaho”*

Rwema na we ataha yishimiye ko yabashije kuvuga ikimuri ku mutima. Yari yabaye ‘umugabo.’ Nyamara, ataha atanyuzwe kuko atari yiyumviye Gihozo avuga ko amukunda. Umuntu wamubwiye ko amufata nka musaza we, na we akiyumva nka mushiki we! Biramugora kubyizera neza yumva ko bishoboka ko Gihozo amufata nk’inshuti bisanzwe. Akomeza kubyibazaho muri iryo joro ariko ntiyabiha umwanya munini.

Nanone kandi akomezwa n’uko umutima we wamubwiraga ko iyo Gihozo aba atamukunda, yari guhita abimubwirira aho. Akumva ko ataba agamije kumuha igisubizo kibi ngo akimuhe muri iyo minsi y’ibizamini. Ibyo byose bikamukomeza bikamuha icyizere cy’uko igisubizo kigomba kuza ari cyiza.

Umunsi umwe urahita, Rwema ntiyagira ijambo yumva rituruka kwa Gihozo. Uwa kabiri urahita, biba uko. Uwa gatatu na wo bigenda bityo, kugeza ku munsi w’ibizamini nta cyo Rwema arumvane uwo yasabye kumubera umukunzi. Uko ni ko arushaho gutekereza ko wenda akibitekerezaho, ariko agaterwa ubwoba n’uko yumvise abwirwa ko yamufata nka musaza we. Ayo magambo agatuma umutwe umurya. Yashakaga kumva ko afatwa nk’umukunzi. Ibindi ntiyabishakaga.

...

Mu minsi ya mbere bakimenyana, Rwema na Gihozo bicaraga mu busitani bakundaga kuganiriramo. Ubwo busitani bwari buzengurutse n’indabyo z’amoko atandukanye n’amabara yose. Bityo, ugasanga igice kimwe gitatse indabyo z’amaroza, igikurikiyeho kikagira iz’umweru, igikurikiyeho kikagira iz’umuhondo, gutyo gutyo. Waba ubireba, ugasanga binogeye ijisho.

Umunsi umwe, Rwema ahurira na Gihozo ahandi hantu hatari mu busitani, maze amubaza ikintu kimushimisha iyo bagiye kubuganiriramo. Gihozo amusubiza ko anezezwa cyane n’urwenya bagira. Rwema agira amatsiko menshi, ni ko kumubaza ati: "Mbwira urwenya rwagushimishije cyane ku buryo utapfa kurwibagirwa." Gihozo na we aramusubiza ati: "Guhitamo ururenze izindi biragoye kuko ibyo twahaganiriye ni byinshi. Icyakora, sinakwibagirwa urwo wambwiye rw’umuntu wari ufite ubumuga bwo mu mutwe." Kubera kuganira byinshi, Rwema ntiyahita yibuka neza urwo rwenya maze amusaba kurumusubiriramo. Nuko Gihozo arusubiramo uko rwakabaye.

"Ahantu hamwe hari habaye ubukwe maze ibyokurya no kunywa babibika mu nzu yo hasi, hejuru hategurirwa kwakira abageni n'abashyitsi." Abashinzwe iby'ubwo bukwe basiga bakururiye urugi kuri icyo cyumba maze bajya gutunganya ibindi no kwitegura abageni. Abageni n'abashyitsi bamaze kuhagera, imisango y'ubukwe iratangira, maze bagera mu gihe cyo gufungura. Ababishinzwe bamanutse mu nzu yo hasi kuzana amazimano, bagaruka biruka bavuzza induru, batabaza. Abari aho barakangarana maze bategeka ko abantu bareka abagabuzi bakabanza bagashira impumu, kuko bose bababarizaga icyarimwe uko bibagendekeye. Hashize akanya barababaza bati: 'Ko mutazanye amazimano ahubwo mukaza mutabaza ni amahoro?' Abagabuzi barabasubiza bati: 'Iyo biba amahoro ntitwajyaga kuza imbokoboko dutabaza. Iriya nzu yinjiyemo inyamaswa y'inkazi irimo kurya abantu. Turakeka ko n'ibirimo byose yabiriye cyangwa ikabyangiza.' Bababaza icyemeza ibyo bavuga maze bavugira icyarimwe bati: 'Uragera ku muryango wakora ku rugi ikaba yakumvise, maze ikavuga igira iti: 'Umanuka nkumira, umanuka nkumira!' Ikabisubiramo kenshi. Urumva ko abagiye bajyaye bavuye muri iyi nzu yo hejuru bose yabamize.

Abari aho bose bagira ubwoba bwinshi ariko biyemeza kujyayo. Bagikora ku rugi, bumva rya jwi, rivuga ngo 'Umanuka nkumira.' Abantu bose bashya ubwoba maze bahamagara abashinzwe umutekano. Nuko na bo bumvise ayo magambo babanza gutinya, ariko kuko bari bataabajwe kandi bizeweho ubutwari, bategura intwari zabo maze bitegura kwinjira. Bamaze kwitegura, barinjira. Bagezemo, batungurwa n'ibyo babonye. Basanze umuntu ufite ubumuga bwo mu mutwe yiyicariye hagati ya bya bifungurwa byose, abwira amatembabuzi ava mu mazuru ajya mu kanwa, ati: 'Umanuka nkumira.'

Gihozo agisoza uru rwenya, bose basekera icyarimwe barakumbagara. Nuko abwira Rwema ko yibuka cyane urwo rwenya, ku buryo n'iyi ari kumwe n'abandi ashakisha uko arubaterera bakisekera. Amuhamiriza ko abo yarubwiye benshi barwishimiye, bakagorora imbavu kandi ngo na n'ubu iyo barwibutse baraseka, nubwo baba bari bonyine.

Gihozo akomeza kubana neza na Rwema nubwo yari yaramutanze kurangiza amashuri. Bakomeza kugirana inama, Gihozo amubwira ko akwiye kwitwara neza ku ishuri, agatsinda neza amasomo ye n'ibindi byose. Rwema na we akubaha Gihozo nka kumwe umuntu aba yubashye umuntu umuruta, akamutega amatwi kandi bikagaragara cyane ko arimo kwitondera amagambo aturuka mu kanwa ke.

Nyuma yo gutera urwenya, bakaganira ibyerekeranye n'ubundi buzima busanzwe, mbese ukabona bisanzuranyeho mu buryo bwose bushoboka. Rwema yagira ibyo ashidikanyaho, akabaza neza ibisobanuro byimbitse kugira ngo abashe kubyumva neza. Hari n'ubwo wasangaga umwe ashuna undi, akamurya icyara cyangwa akamukubita agashyira nk'iyi yabaga agaragaye nk'utumvise neza ibivuzwe ngo abisobanukirwe, cyangwa se arangaye. Utwo dukino tugatuma batarambirwa kuganira kandi tukabatera ibyishimo.

Bakomeza batyo ntibanamenya uko amasaha agenda yicuma kuko uko igihe cyagendaga, ari ko barushagaho kuryohereza n'ibiganiro. Bakajya banyuzamo bakabazanya utubazo dutandukanye, mbese nta na kimwe bataganiraho.

Umugoroba uguye, akazuba kabaye agashukabaja, Rwema na Gihozo bafata umuhanda barataha, bagenda buhoro buhoro mu nzira baganira. Mu nzira, bagenda bibukiranya ibyo baganiriyeho uwo muni, bakibukiranya ibyo bigiye hamwe mu masomo. Buri uko baturaga, Gihozo yasobanuriraga Rwema amwe mu masomo atasobanukiwe neza imbere ya mwarimu.

Muri uko kuganira bataha bagendaga bafatanye agatoki ku kandi, bageze aho batandukanira basezeranaho Gihozo arisimbukuruza asoma Rwema ku itama, bifurizanya kugira ijoro ryiza no gukomeza kugubwa neza mu mirimo yabo ya buri muni. Nuko baratandukana.

Inshuti za Rwema zibazaga ibyo ahuguyemo

Ntwari na Nshizirungu, bombi bakaba inshuti za Rwema, bari bamaze iminsi babona asa n'utakibikoza nk'uko babivugaga, bakibaza icyo aba akora mu gihe cyose batari kumwe. Nyuma batangira kubona Rwema ari kumwe n'umukobwa baje kumenya nyuma ko yitwa Gihozo, kandi ngo bombi bagakunda kumwana igihe kitari gito. Ntwari ntiyiyumvisha neza ukuntu inshuti yabo bayibura mu kanya nk'ako guhumbya, bakayitakaza igiye ku mukobwa bakekaga ko atanayikwiye, batanasobanukiwe neza.

Ni abana b'abahanga bakunda kuganira ariko bakanagira umwana basubiranamo amasomo, bakibukiranya ibyo bize uko bishoboka kose. Ibi bikabafasha gutsinda no gusobanukirwa neza ibyo biga. Umuntu utabazi ntiyabaga yabakekera kuba abahanga kubera ukuntu babaga biganirira, baseka kandi nyamara wenda banaganira ibyerekeranye n'amasomo. Bagaragaraga nk'abagira akavuyo kenshi.

Uko baganiraga ku inshuti yabo ariko ni nako umutima wari ku bizamini bya Leta biteguraga vuba, uko baganira uko, batangira kwiyibutsa umugani bize mu ishuri kuko bari babwiwe ko bashobora kuzawubazwaho mu kizamini gisoza umwaka. Wari mu rurimi rw'icyongereza maze na bo bifuzaga kuwusubiramo kugira ngo bibukiranye iby'ingenzi biwugize, na bimwe mu bibazo bishobora kuwubazwaho.

Mu kuwusubiramo, Nshizirungu asaba Ntwari kuwutangira maze na we akagenda amwunganira. Ntwari awutangira mu Kinyarwanda ariko Nshizirungu amusaba kuwuvugaga mu Cyongereza, kubera ko na wo ubwawo wari muri urwo rurimi kandi bakaba bazawubazwaga mu Cyongereza n'ubundi.

Nuko Ntwari biramugora, maze asaba Nshizirungu ko yareka bakabanza bakawumenya neza mu rurimi bumva neza hanyuma bakitoza gusubiza ibibazo biwerekeyeho mu rurimi rw'Icyongereza. Ni umugani uvugaga ku muryango w'ibikinisho, ibi ngibi bita ibipupe, abantu bagurira abana, kugira ngo bibafashe kubarera. Ugizwe n'umugabo Gepeto, umugore we n'umuhungu wabo Pino. Babayeho neza ariko bafite ikibazo cy'umwana wabo w'umunywewe. Reka turebe uko byagenze.

Gepeto yari afite umugore, bakagirana umwana umwe witwa Pino. Umunsi umwe, Gepeto arabyuka, abwira umugore we Marita kumutekera ikawa, dore ko ari yo yakundaga kunywa cyane mu gitondo. Nuko amusaba kubimukorera vuba kuko yumvaga anagana kandi yashakaga

gutangira umurimo hakiri kare. Marita na we nk'umugore uzi ko umurimo ari uwa kare, akorana ingoga ngo atabare umugabo we wari watashye nijoro bigatuma arara imbehe. Umwana wabo Pino we yazindutse mu museso ajya kuzerera mu baturanyi.

Pino aba muri uwo mudugudu arawumenyera, amenyerana n'abantu yewe agira n'inshuti. Ibintu byose akabasha kubikora ariko akagira ubunebwe mu bisaba gukoresha imbaraga. Ntumubwire kuvoma amazi, gutashya, cyangwa ikindi icyo ari cyo cyose.

Abantu basanzwe bakunda Pino, bamukundira kudakubagana no kutagira icyo abangamiyeho abandi kandi azi gusetsa. Uburyo avuga ibintu bitumvikana neza, bigatuma benshi bifuzaga kuganira na we umwanya munini, bityo bakamuha ibyo kurya.

Gepeto yingingira Pino gukura amaboko mu mufuka akagira umurava wo gukora. Akenshi ntibabyumvikaneho ahubwo bagahora babishwanira. Umunsi umwe, Pino aramuka yarakajwe n'uko bahora bamubwira ko ari umunebwe maze biramubabaza cyane. Umwana ababazwa cyane n'uburyo abantu bose bamunenga, bamushinja ubunebwe, ugasanga buri wese amubwira gukora. Maze aravugaga ati: "Ubwo bahora bannyega, ubwo babona ko ntacyo mbamariye. Uwakwigendera nkajya iyo batazongera kumbona. Nazagaruka bankumbuye, baramenye agaciro mfite. N'ubundi agaciro k'umugezi kamenyekana iyo wakamye."

Nuko amaze kubitekerezaho, ahitamo gutoroka aragenda. Mu nzira agenda, ahura n'inshuti ye Mani ayitekerereza ibye. Mani amaze kubyumva, amugira inama muri aya magambo ati: "Mugenzi wanjye, gutoroka si byo bizakemura ikibazo. Ntawubona icyo ataruhiye. Gutoroka bizatuma wangara kandi uzifuza kugaruka bikugore." Iyo nama Pino ayamaganira kure maze yikomereza urugendo. Mani abonye ko inshuti ye yabaye mudakurwakwijambo, akora mu mufuka, amuhereza ibihumbi icumi ubundi amusezeraho baratandukana.

Pino ajyana ayo mafaranga atekereza ko ari yo azamubera impamba, ajya hanze y'igihugu. Agezeyo ahura n'abandi bantu bataziranye, baba inshuti. Inshuti ze zimaze kumenya ko afite amafaranga, zimubwira ko hari aho yayashyira akazikuba kenshi. Nuko bamuyobora mu murima bise "Uw'uburumbuke." Ni umurima umuntu yatabagamo amafaranga noneho akajya yiyongera bitewe n'igihe amazemo. Ngo buri kwezi yikubaga nibura inshuro cumi.

Uwo murima wari ahantu mu kibaya gikikijwe n'imisozi miremire, kirimo urukangaga rukiri ruto. Inyoni, udusimba duto tuguruka n'utundi tunyamaswa duto tutaryana bikakirangwamo cyane. Icyo gishanga nticyageragamo abantu benshi, keretse gusa bagiye kugishakamo amahumbezi yagiturukagamo. Uwo murima wari uzwi kuri iryo zina kubera ko byavugwaga ko uwashyinguragamo ubutunzi bwe bwagwiraga ndetse akazajya kubukuramo bwarikubye inshuro nyinshi.

Pino amaze kukitegereza no kumva amakuru yacyo, aragenda atabamo ya mafaranga yahawe na Mani kugira ngo azabone menshi cyane, abikora yumva ko bitazamusaba imbaraga nyinshi keretse gusa gutegereza. icyakora, yibuka kuvanaho azaba amutunze muri icyo gihe abaye ategereje.

Ako gace kandi kari kegeranye n'ikiyaga kinini cyarimo ikirwa hagati. Pino n'inshuti ze bajyaga kogamo, bakaroba amafi ariko nanone bikabasaba kwigengesera kuko cyarimo ibifi binini byamiraga abantu.

Muri ako gace, Pino aza kuhungukira inshuti, amenyana n'abantu benshi kugeza ubwo aza kuba ikirangirire. Ako gace ni ko kari gatuyemo umugore ugira ubuntu, bikavugwa ko ari nyina w'umuntu kubera ko yagiriraga ineza buri wese. Ubwo buntu bwe bukaba bwaramuhesheje akabyiniriro ka 'Nyinawumuntu'. Nyinawumuntu ni umubyeyi udafite amikoro menshi nyamara agasangira bike afite na buri wese. Umwana udafite aho aba n'icyo atamira, ni we wamwakiraga akamutunga kugeza igihe azabonera iyo ajya. Iyo wabaga udafite amafaranga agufasha, yarayaguhaga ukazaba umwishyura nyuma. Yagiraga igihe cyo guteka ibiryo bihagije, akenga inturire n'umutobe maze agatumira abantu bose bakaza kunywera iwe.

Pino agera ubwo agubwa neza n'agace maze akagwirizamo inshuti, abifashwamo cyane n'uko yakagezemo afite amafaranga. Ngo akaryoshye ntigahora mu itama koko! Igihe kiragera amafaranga aramushirana maze atekereza kuja kureba ayo yashyinguye mu murima w'uburumbuke kuko yari amaze amezi menshi ayarindiriye. Ku munsu yateganyije kujyayo, ahamagara inshuti ze, azibwira ko nta mafaranga yo kumutunga asigaranye maze abasaba kumuherekeza bakajya gusarura ayo bashyinguye.

Bageze mu murima, Pino yegera aho yashyinguye amafaranga ye. Hari haramaze ibyatsi ariko ntiyari kuhayoberwa, yari yarahashyize akamenyetso ariko katapfa kubonwa na buri wese. Akihabona, ibinezaneza biramusaba. Ntibyari bimworoheye kumenya icyo aza guheraho akoresha ayo mafaranga.

Ese arahita asubira iwabo? Ese arahita agura isambu muri icyo gihugu akaba ari ho yitwira? Ese arajyana n'inshuti ze mu kindi gihugu cyangwa bari bujye gutura muri icyo kirwa cyari hagati y'ikiyaga dore ko buri wese yifuzaga kuhagera?

Inshuti ze zari inyuma ye zimukurikiye, zisa n'izitamwitayeho, zirimo kwiganirira zikajya zicishamo zigatembera hafi aho. Pino aracukura, aracukuraaa, ategereza ko agera ku mafaranga araheba, asanga nta kintu kirimo. Amarira azenga mu maso, abura uko agira, acika intege umubiri wose. Agaruka atavugisha inshuti ze kuko yari yarubiye. Inshuti ze zimubwira zimwishongoraho ziti:” Ihangane nta we bitabaho. Iki gihugu gitandukanye n'icy'iwanyu, nta we ubona icyo atarukiye; bamugira Karobwa”

Nuko wa mutindi wanitse izuba ntirive asubira aho yabaga, aya amafaranga yari asigaranye maze afata inzira aragenda nubwo atari afite iyo ajya. Akomeza kugenda, ijoro riguye yicara ku muhanda aya imigati ibiri yari afite. Nuko aravanirwa, agwa agacuho, arasinzira. Ku muhanda aho aramye, hanyura umugore mwiza, areba uwo mwana, amugirira impuhwe nuko amujyana iwe. Amugejejeyo, aramugaburira, amwambika imyenda mishya maze amuryamisha ku buriri bwiza.

Mu gitondo, Pino akanguka atazi aho ari. Uwo mugore aramuganiriza, amubwira ko ari we abantu bita Nyinawumuntu. Nuko amusaba ko niba adafite ababyeyi, yaguma aho bakabana kuko nta mwana yari asigaranye mu rugo aho. Abe bese bari barashatse. Pino arabyemera, ahaba

imini ndetse arahamenyera. Kubera ineza yagirirwaga n'uwu mugore, atangira kujya amwita nyina, agakora imirimo yo mu rugo ariko akagira ubunebwe.

Nyinawumuntu atangira kumwigisha gukora imirimo itandukanye, ariko Pino ubunebwe bukomeza kumuzonga. Nyinawumuntu amushishikariza gushyira imbaraga mu bintu byose, amubwira ko ntacyo yakorana umwete ngo cyange. Pino agorwa no kumanirwa vuba muri buri murimo akoze. Ntiyashakaga ibimuvuna cyane, kandi ni mu gihe yari yaravuye kwa se Gepeto ari byo ahunze.

Nyuma y'igihe kirekire abana na Nyinawumuntu, Pino aza kurambirwa akazi ahakora maze aramutoroka, ajya gushaka ubundi buzima azabamo butamuhatiriza gukora. Aho yimukiye, ahahurira na Mani wari warahaguze inzu akayikodesha. Yari yaje kureba uko isambu ye imeze no kwishyura abayibagamo. Nuko baricara baraganira maze Pino amubwira ko na we ashaka kujya gutura mu kirwa, aho azajya aba wenyine, nta muntu umuha amategeko yo gukora imirimo adashoboye. Mani akomeza kumukangurira gukora, ariko Pino amubwira ko umwanzuro yawufashe kandi atazisubiraho.

Bamaze kuganira, Mani arataha, abwira Gepeto ko yabonye umuhungu we, kandi ko ari kwitegura kujya kuba mu kirwa kiri mu kiyaga. Iki kirwa kukigeramo bigasaba kwambuka ikiyaga kinini cyabagamo ibifi binini bishobora kumira umuntu. Gepeto yongera kugira ibyishimo byo kumenya amakuru y'umwana we wari umaze igihe batabonana, yiyemeza kuzajya kumushaka mu kirwa. icyakora muri icyo minsi, yari afite indwara amaranye iminsi, maze abanza gutegereza ko akira ubundi akajyana na Mani kureba umwana we.

Muri icyo minsi kandi, Nyinawumuntu aza gufatwa n'indwara itunguranye, nuko Pino yiyemeza kujya kumurwaza, bityo afata igihe ari iwe kugira ngo abashe kumwitaho. Ibyo byatumye gahunda yo kujya mu kirwa ayisubika ahubwo yibera kwa Nyinawumuntu mu gihe yari arwaye.

Umunsi ugeze, Gepeto azindukana iya marumba na Mani, inzira bayihata ibirenge sinakubwira. Biyemeza kubanziriza mu gace Mani yamusanzemo, ubwo yamubwiraga ko azimuka. Bahageze, babwirwa ko Pino yimutse akajya gutura ku kirwa, na bo bafata gahunda yo kwerekezayo.

Ariko bataragenda Gepeto wari umaze igihe kirekire arwaye ataranagarura agatege, yiroha mu mazi kuko yabonaga ko Mani arimo gutindatinda. Yoga buhoro buhoro ariko ntiyari azi ko mu kiyaga haba ibifi binini. Nta n'ubwo yari azi ko hari aho batogera kuko byakumira. We akagenda hose atumbiriye ikirwa yibwira ko aza gusangayo umuhungu we.

Mani amusaba kubanza kwitonda bakabaza abahatariye amakuru y'ikirwa, umusaza ntiyabyumva. Atararenga umutaru, igifi cya rutura gihita kimumira kuko yari yogeye mu ruhande rubi. Gepeto yinjira mu nda y'ifi asakuza cyane, ahamagara izina rya Pino anasaba abantu kuzamubwirira umwana ko amukunda.

Abari hafi aho bumvise izina Pino, bihutira kurangira Mani aho uwu mwana aherereye maze bamuyobora kwa Nyinawumuntu. Nyinawumuntu acyumva ko se wa Pino amizwe n'ifi kubera urukundo rw'umwana we, ahita ahaguruka ku buriri maze biruka bagana ku kiyaga. Bahageze, Pino yiroha mu mazi we na Mani maze bajya gushakisha Gepeto. Binjirana ibyuma mu mazi n'ibindi bakwifashisha bitabara.

Hagati mu mazi, Pino ageze aho ararambirwa. Nyinawumuntu wamureberaga ku nkombe, akomeza kumushishikariza gushyiramo imbaraga, ahita yishakamo akanyabugabo yogana ibakwe kugira ngo babashe gutabara umubyeyi we. Mani we yabaga yamusize, yageze kure ari na ko acunga aho Pino ageze. Pino na we yari ababajwe cyane na se witanze akaza kumureba nyuma y'uburara yagize akamuhunga, none akaba amizwe n'ifi aza kumureba. Ibi bikamutera imbaraga zo koga vuba vuba kandi cyane, bashakisha iyo fi kugira ngo batabare umusaza. Kubera izo mbaraga, abana bageze kuri ya fi maze ishatse kubamira, Pino arayitambika iba ari we imira Mani asigara hanze.

Mu nda y'ifi, Pino agenda ayibaga ayitobagura kugira ngo Mani abone ikimenyetso cy'aho Pino na se bari, maze na we aheraho arayibaga, abakuramo bombi. Gepeto ajyanwa kwa Nyinawumuntu kwitabwaho, aravurwa, aragaburirwa, ku buryo mu minsi mike yari amaze kongera kugira imbaraga. Pino arahirira Nyinawumuntu na se ko agiye gukorana umurava muri byose, agahinduka umwana mwiza wubaha. Abivuga anabaha ubuhamya bw'ibyo yanyuzemo abantu bakamwiba amafaranga ye ashaka indonke ataruhiye.

Ababyeyi bombi bababarira umwana, maze Nyinawumuntu arabaherekeza baheraho barataha. Pino ashyirwa mu ishuri maze ahinduka umwana mwiza, wubaha, ukora kandi uhorana ishyamba.

Ntwari amaze kuvuga uyu mugani, Nshizirungu amukomera amashyi nk'ikimenyetso kigaragaza ko yawusubiyemo neza. Bibukiranya bimwe mu bibazo bishobora kuwubazwaho, amagambo akomeye awugize barayasesengura, banasesenguramo amasomo umugani wigisha. Kuko bwari bumaze kwira, biyemeza gukomeza gufatanya uko bashoboye mu masomo yose, biyemeza ko bazegera Rwema bakamubaza ibijyanye n'imyitwarire asigaye afite, n'uko byose byakosoka bakongera kuba inshuti nk'uko bisanzwe.

Umubano wajemo agatotsi mu ibanga rikomeye

Umunsi umwe, Gihozo ajya gusura inshuti ye biganye yabaga i Kigali maze asiga avuze ko ari burareyo. Ageze i Kigali, aganira n'iyi inshuti ye bahuza urugwiro bishyira kera, ariko biza kuba ngombwa ko uwo mukobwa yari yasuye ahamagarwa, amenyeshwa ko ku bitaro bya Rwamagana harwariye nyirakuru wari urembye cyane. Asabwa kujya kumureba byihutirwa kuko atari afite abantu bahagije bo kumwitaho, iyo mu bitaro. Amaze kubyumva, asobanurira Gihozo uko byose bimeze, amubwira ko agomba guhita agenda akaza kurarayo. Gihozo na we afata umwanzuro wo gutaha kuko atagiye yiteguye ibyo kujya i Rwamagana. Amusezeranya kuzamusurayo, arasezera arataha.

Gihozo ataha yihuta, agera mu rugo mu ma saa kumi n'imwe n'igice. Agihinguka mu bikingi by'amarembo, ayoberwa ibintu byabaye mu rugo. Hariyo ukutumvikana, se asa nk'utonganya nyina ari ko na we amusubiriza hejuru. Ni ubwa mbere umwana yari yumvise ababyeyi be bavuga batyo, basa nk'aho batumvikana. Ibyo byose bimutera amatsiko, maze yikinga ku bikingi by'amarembo ngo yumve icyo kintu kidasanzwe, gituma yumva ababyeyi be batumvikana ku buryo banavugira hejuru.

Mu gutega amatwi neza, Gihozo yumva ko mu rugo hariyo undi muntu waje kubasura. Ni Gatabazi umuturanyi wabo waje mu rugo ngo yiganirire n’umusaza mugenzi we, umunsi ube wicuma.

Nyina Kankindi agaterana na se amagambo avuga ko atazakomeza guhishira ibintu azi neza ko bitazanamukoraho. Akavuga yihanangiriza Rugarika ko nadafata iya mbere ngo ajye gusaba imbabazi umuryango Gihozo atumvise neza uwo ari wo [kuko batawuvuze amazina], atazamubabarira kandi ko azahora amufata nk’umugome.

Rugarika utumvikana n’umugore we amusubizanya uburakari bwinshi, amubwira ko yibeshye akamuvamo nta ho yaba yisize, ko na we yazahanirwa ubufatanyacyaha kuko yamuhishiriye igihe kirekire. Amusaba amwinginga guceceka bagakomeza kubaho nk’uko babayeho kuko nta cyo bibatwaye. Akomeza amubwira ati: “Icyo utazi rero wa mugore we ngo ni Kankindi, ni uko 'Nyiri ikirimi kibi yatanze umurozi gupfa'. Uritonde rero mu byo uvuga. Dore abagore ntimwumva. Ngaho komereza aho nibamfunga uzunguka. Ubwo urashaka kwinjiza abandi bagabo, ukaba warabuze uko ubikorera mu maso yanjye.”

Kankindi na we utaratinyaga kuvugira mu mugabo we yari asanzwe yubaha, aramusubiza ati: “Rugarika mugabo mwiza, umugabo ni uwisubiraho kandi usabye imbabazi arazihabwa. Watuje tukabana neza n’abandi ko nta cyo byaba bitwaye. Ese ubwo uba wumva udafite igitoto ku mutima wowe? Ubwo wumva nta cyo umutima ugushinja? Ese ugira ngo nubwo wagwiza ibya Mirenge ku Ntenyo udafite amahoro hari icyo byamara? Tera intambwe usabe imbabazi nzagushyigikira rwose. Tureke kwishimira mu by’abandi bababaye. Nta cyo byazatugezaho nubwo twatabaruka uwo muvumo wazakurikirana abana bacu. Uretse ko tuba twabivuze mukobwa wawe yagiye, ugira ngo ahari, akabyumva, yazakubabarira?”

Gihozo aho yikinze, atangira kumva hajemo ibintu atazi. Ngaho ngo gusaba imbabazi, ngo kwishimira mu by’abandi n’ibindi byose bimutera ubwoba, maze akarushaho kwibaza ikibiyihishe inyuma. Nuko yiyemeza kuguma inyuma aho kugeza birangiye. Akomeza gutegereza ko wenda yakumva ukuri kubiyihishe inyuma, akamenya ibanga ababyeyi be babitse igihe kingana gityo.

Mu bushobozi aba babyeyi bari bafite, bagerageje kurera Gihozo neza bamuha ibyo akeneye byose. Gihozo yari azi ko ari ubushobozi ababyeyi be bifitiye ndetse n’urukundo bamufitiye nk’umwana wabo. Akomeza kugenda atungurwa cyane ubwo yumvaga ibiganiro biri kubera mu rugo iwabo. Kumva nyina na se batumva ibintu kimwe, bimutera guhagarika umutima, akumva ko hari ibanga bamaze igihe babitse we atazi. Ubwo akumva yava aho yihishe akajya gusobanura ibyo ari byo, ariko akumva ko ahahingutse baruca bakarumira. Nuko ahitamo gucweza ngo abikurikirane neza, hanyuma nibatabyerura azashake ukuntu aganiriza nyina abimubaze neza.

Gatabazi, wabyumviraga ku gacuma k’urwagwa, atangira gushyigikira Rugarika. Amagambo ye yumvikanishaga ko nta mpamvu yo gusaba imbabazi. Ku bwe, gusaba imbabazi ni uguca bugufi kandi abakire benshi babanza guhemuka kugira ngo bagere ku byo batunze. Iyi myumvire ayihuriraho na Rugarika maze bituma barusha imbaraga Kankindi utarabumvaga na gato. Gatabazi amwumvisha ko bagomba kuryumaho bakikorera akazi kabo nk’aho nta cyabaye.

Kankindi amaze kumva ko na Gatabazi ashyigikiye umugabo we, aramubwira ati: “Gatabazi wowe sinakurenganya, ushobora kuba waje ukabidusangamo ntiwumve neza uko byatangiye ngo unamenye uburemere nyakuri bifite. Umugabo wanjye yahisemo kwikubira imitungo y’abandi kugira ngo abashe kubaho neza. Iyago byabo ni byo yahinduyemo amahirwe ye, maze kugira inzara kwabo abyuriraho kugira ngo agwe ivutu. Imitungo yabo ni yo idutunze kandi ntashaka kuyirekura, ahubwo yateye ubwoba abantu ko nihagira uyikurikirana atazabihonoka amahoro.

Ikimbabaza cyane rero, ntitwari twakamenye neza ko ba nyiri iyo mitungo twambuye bahari kugeza ubwo twaje kumenya ko hari akana ko muri uwo muryango kabonetse kandi ubu karakuze. Nahoze nsaba Rugarika ngo tuzagasubize ibyahoze ari ibyabo ubundi tugire amahoro arabyanga.

Umugore agikomeje kuvuga Rugarika amuca mu ijamba amubwira ko kutamenya ubwenge kwe bizamukoraho. Ati “Abandi bagira abagore bazi ubwenge, yewe inzira ntibwira umugenzi koko; ubundi ubwo uzagira umunwa kugeza ryari?”

Umugore utarakangwaga, cyane cyane iyo yumva avuga ukuri, akomeza kwibwirira Gatabazi, ati “umunsi bizamenyekana rero ni akazi ke. Ahora yibwira ko abarera uwo mwana batabona abatangabuhamya bamushinja kandi njye sinabyizera. Nubwo batabagira, nta mpamvu yo gutuma abandi babaho basabiriza kandi uzi neza ko uri mu byabo wabasubiza bikabarinda gusabiriza.”

Gatabazi wari uteze amatwi asa n’uwumiwe, aratangara cyane. Nuko araterura, ati: “Mbese ni uko bimeze? Rugarika yakoze ibara atyo koko? Uuuh! None se ako kana kaba he?” Kankindi amusubiza ko ari Rwema uba kwa Mariyana. Undi na we ati: “Yampayinka Gatabazi ka Gatare! Mariyana uyu se burya ni mushiki wa Gasana? Mariyana ariko ndabona ameze neza da! Abana be basa neza kandi nta cyo babaye. Nta mpamvu yo gusaba imbabazi no kubasubiza kuko ntibasabiriza nk’uko wabivuze. Ahubwo Kanki, uratesha umugabo wawe umutwe. Mureke atuze wimubuza amahwemo. Ubundi ko utaburara ikibazo kiri he? Uwo ni umurengwe ukuzengamo. Umunsi abana bawe bazatangira kuburara uzicuza.”

Rugarika akimara kumva ko Gatabazi akomeje kumuhagararaho, ahita amukora mu kiganza, maze amwongera indi nzoga. Kankindi akomeza kubumvisha ko bakwiye guca inkoni izamba, abasobanurira neza Rwema uwo ari we n’impamvu iyo miryango yombi idakwiriye guhemukirana.

Gatabazi akimenya neza ibya Rwema n’imvane ye, yibuka ukuntu bari babanye na se n’uburyo batahirizaga umugozi umwe, bagasabana, bagasabana amazi n’umuriro, bagasangira, agarura ubwenge maze acyaha Rugarika, ashyigikira Kankindi.

Ni ko gukomeza agira ati: “Ba uretse gato! Oya! Reka reka! Mbese ni Gasana wa wundi waje ari umukire? Nari nagize ngo ni umwe muri ba bandi bari batuye mu Gisaka, akaza kwimukira ino, none ni umuvandimwe wacu? Rugari, ukwiriye kwisubiraho ugasaba uriya muryango imbabazi. Ni gute utinyuka gutwara imitungo y’umuvandimwe nk’uwo koko? Ubwo wari watewe n’ibiki? Ukwiriye kwisubiraho rwose. Kubaho ku gihemu nta cyo byakumarira.

Nubwo atari wowe wabaye inkomoko y'urupfu rw'ababyeyi b'uriya mwana ngo bimutere ubupfubyi, ariko watumye akurira mu buzima atari gukuriramo. Hagarara kigabo usabe imbabazi pe! Reka kwinangira. Gasana yari asanzwe ari umuntu wa hafi. Ubundi ntitwasangiraga agatama ra? Ntiyatuguriraga akantu iyo yabaga yavuye iyo za Kigali ubundi tugatarama? Udahemukira uriya mwana kuko igihango cyazaguhagama. Uuuh! Uranyumvira bahu! Sinari nakabyumvise neza.”

Rugarika akomeza kwinangira umutima, yanga kugira icyo abivugaho, yemwe yanga no kwisubiraho. Bakomeza kumuhatiriza maze ababwira ko adafite umwanya wo gutakaza, bavuga kuri ibyo bintu we yitaga ko bitamwubaka. Ababwira ko ibyabaye byabaye kandi ntacyo yabihinduraho kuko byarangiye. Ibi akabishingira ku kuba nta muntu yishe. Agahamya ko iyo mitungo y'abandi ayifata nk'impano Imana yamwihereye, ishaka kumwikiriza. Ntiyari gufata impano y'Imana ngo ayijugunye.

Nuko arababwira ati: “Ubundi iyo ubuze ubwenge Imana iraguta. Imana impaye nkajugunya se ubwo nayisubira imbere nyisaba iki n'ibyo yampaye narananiwe kubikomeza? Reka mbareke nigire kwisomera icupa n'ubundi ndumva nta kiri bunyubake mu byo muvuga.”

Gihozo hirya yumvaga byamurenze. Yibaza niba ibyo arimo kumva ari byo biri kuvugwa cyangwa se arimo kurota. Nta byinshi yari azi kuri Rwema. Nta n'ubwo yari azi ko ari umwana wanyuze mu buzima bukomeye butyo. Iyo baganiraga, Rwema yabaga amubwira uburyo nyina na mushiki we bamukunda kubi. ‘None disi yari umwana wababaye bene ako kageni!’ Yari yataye umutwe atazi n'icyo yakora. Iki gihemu ababyeyi be bakoze gituma yumva abanze ku rugero rwo hejuru, ariko cyane se wanangiye umutima ku buryo abantu bose bamusaba kwisubiraho akabyanga.

Akiri muri ibyo, abona se asohokana mu rugo na Gatabazi bagiye gusoma agacupa. Nuko yikinga mu miyenzi kugira ngo batabona ko yabumvaga. Bamaze kugenda, amanuka munsu y'urugo, areba aho yicara mu nsina z'intuntu zari zihari, atangira kurira. Yibaza byinshi ariko bikarushaho kuremereza umutima we kuko nta gisubizo na kimwe yabiboneraga.

Akomeza kwibaza ukuntu umuhungu yakunze icyo gihe cyose ari we uhindutse umwanzu w'ababyeyi be. Ibihe byiza bagiranye, urugamba barwanye hamwe n'ibyo banyuranyemo byose byari bigiye gupfa ubusa, ibyabo bikarangira bitanamaze umwaka. Ntiyiyumvishaga ko ababyeyi bakuze bamugaragariza umutima mwiza, bahinduka ababyeyi gito gutyo kugeza ubwo bambura abandi uburenganzira bwo kubaho bishimira ibyabo. Ntiyari azi uko azasubira imbere ya Rwema, bakongera kwicarana bagaseka.

Umutima we ukomeza kurwaniramo ibintu byinshi no kubabazwa n'uko atagira icyo abonera igisubizo gihamye. Yatekereza kujya kubibwira Rwema, akamusaba imbabazi mu izina ry'umuryango we, akabona nta ho yamuhera. Yatekereza ibyo kureka urukundo akunda Rwema, akabona azamubabaza kandi yaramwemereye kumuba hafi.

Hanze aho ahamara igihe kitari gito yayobewe. Yumvaga yanze iwabo kuko harimo abantu buzuye ubugome budasanzwe. Ababyeyi be bararengereye ku buryo babura n'umutima wo gufasha umwana wagize amahirwe, akarokoka nyamunsi yajyanye umuryango we wose. Nibura

se ntibari no kumugirira impuhwe, bakamurera aho kumutwara ibyakamufashije mu buzima? Nibura se ntibari gufasha umuryango we, bakawuha amwe mu masambu awufasha kumurera bamubonera ibyo yakenera byose? Kuki abo babyeyi bagize umutima wo kwikunda cyane? Kuki bifuriza abandi bana ibibi batakwifuriza abo babyaye? Ubu se yari kuzabwira iki Rwema? We se yari kubyakira ate, agafata ate Gihozo? Ibi bibazo bimutera umutima wo kwiyahura ariko akabona na byo nta cyo byakemura.

Ibyo byose ni ibibazo byakomeje kuzenguruka mu mutwe we, ariko mu by'ukuri akabura icyo akora. Ni ibitekerezo birenze ubwenge bwe. Hashize akanya, ava aho ngaho amaso yatukuye kandi yabyimbye kubera kurira. Umusatsi wasandaguritse kandi imyenda ye yaguyeho amakakama y'urukoma bari baciye ngo barupfundikize inkono y'ibijumba. Yahagurutse yarakaye, bigaragara ko atishimye na gato. Yagaragaraga nk'umurwayi urembye. Nta kintu ashaka kurya ndetse adafite amagambo menshi.

Ageze mu rugo, asangayo nyina maze atinzwa no gusuhuza, ubundi arengera mu buriri. Nyina amukurikiyeyo agira ngo amubaze ukuntu ameze kuko yabonaga uko aje bidasanzwe, Gihozo yanga kumuvugisha byinshi ahubwo amusaba kumureka akaruhuka kuko yumvaga ananiwe. Nuko amumenyesha ko adashaka kurya, amusaba kutirirwa yirushya ngo aramugaburira. Nyina yubaha icyifuzo cy'umukobwa we, aramureka yikomereza imirimo ye.

Mu gitondo, Gihozo ananirwa kubyuka ngo ajye mu kazi kubera umunaniro n'umubabaro byari bimwuzuye. Mu rugo bayoberwa uko byamugendekeye kuko batari basanzwe bamuziho kuryamira. Na we ntiyababwiza ukuri, ahubwo ababwira ko ku munsu wabanje yari yakozwe ibintu byinshi byamuteye kunanirwa, ko bityo aza kumererwa neza.

Ubwo buriri abumaramo icyumweru yumva atazi icyo gukora. Icyo cyumweru akimara ataratora agatege kandi yumva nta n'ikindi kintu ari gutekereza. Yabashaga kurya ibiryo bike birimo ibirayi n'igitoki gusa, kandi na byo akabirya gake. Ibindi ntiyabibashaga na gato. Kubera kurambirwa kuryama, yigira inama yo kuba asindagira agatembera, kugira ngo ananure amaguru.

Zimwe mu nshuti zamugiriye inama yo kureka Rwema

Mu nzira agenda, ahura na Mahoro na Kamariza, maze batungurwa no kumubona agenda kuko baherukaga arembye, ubwo bajyaga kumusura. Nuko bareba aho bicara, batangira kuganira maze bamubaza mu by'ukuri indwara yari arwaye yamutunguye ikamufatirana, ikamusuzugura bene kariya kageni. Gihozo abanza kwanga kubabwiza ukuri kose, ariko nyuma y'uko bamuhatirije asanga nta mpamvu yo gukomeza guhishira ibishobora kuzagaragara, ahitamo kuberurira kuko n'ubusanzwe bari basanzwe ari inshuti zikomeye.

Nyuma yo kumenya ukuri abana barumirwa. Babura icyo bavugaga nk'igihe cy'iminota icumi. Bamubwira ko batigeze bamenya mu by'ukuri iby'iyi ndwara maze baramwihanganisha. Bakomeza kumwumvisha ko ubuzima bukwiye gukomeza kandi ko agomba kwihangana agakomera.

Nuko baramwihanangiriza, bamubwira ko Rwema yabaye umwanzi w’umuryango. Bamusaba kumureka no kumugendera kure kuko atari mwiza wo gukomeza kuba hafi. Baramubwira bati “Umuntu ushobora kubafungisha si mwiza. Ibaze baramutse babatse imitungo yose mufite, mwasigara he? Ubuzima bwagenda bute? Reka uwo muhungu uzabona undi. Ubundi uriya ni we kamara? Urinda kujya kure gutyo unikururira ibibazo wabuze aba hafi yawe?”

Ni koko na Gihozo yumvaga bitazamworohera gukomezanya na Rwema. Kumureka na byo akumva bikomeye ariko yagombaga kwishyiramo akanyabugabo akamuhakanira kuko n’ubundi atari yakamwemerereye urukundo. Ibyo bituma yiyemeza kumubwiza ukuri yitwaje ko n’ubundi yamufataga nka musaza we gusa, iby’urukundo atari yarigeze abyifuza. Uko rero ni ko byagenze maze Gihozo ahakanira Rwema ku mugaragaro izuba riva.

Icyo gihe bari bajyanye ahantu maze Rwema abaza Gihozo umwanzuro yafashe nyuma yo kubitekerezaho. Gihozo amaze kumuhakanira, Rwema akubitwa n’inkuba agira ngo umukobwa arimo kumukinisha ariko aza gusanga akomeje. Kubyakira biramunanira, amara iminsi atameze neza ariko yimenyereza gukomeza ubuzima.

Umutima ukunda nta ho ujya koko! Rwema akomeza kujya atekereza ku byamubayeho akumva atari byo, agatekereza ko ashobora kuba yarabibwiye Gihozo wenda ataramutse neza bigatuma amuhakanira. Yibutse ibyo yigeze kumva abahungu biganye bavuga ku gutereta, bavuga ko nta mukobwa utanga urukundo akirusabwa, ko ahubwo bisaba gukomeza kugerageza maze yigira inama yo kuzasubira kwa Gihozo, akongera kubimubaza neza.

Iminsi yabaye myinshi umutima we warananiwe kwibagirwa no kwikuramo Gihozo. Yarushagaho kumutekereza no kumushaka hafi ye. Byatumye afata umunsi, arongera aramusanga arabimubaza. Gihozo yongera kumuhakanira, noneho kuri iyi nshuro abikora ashize amanga. Nubwo yamuhakaniye inshuro nyinshi, yasigaraga umutima umucira urubanza kuko na we yamukundaga.

Yakomeje kubitekerezaho neza, asanga arimo kubabaza umuhungu wamukunze kandi na we akamukunda. Nuko asubira kubiganirizaho inshuti ze maze zumvise ko Rwema atacitse intege, zimugira indi nama.

Kamariza araterura ati: “Nk’uko twakubwiye ubushize, umuryango wa Rwema ufitanye inzigo n’uwanyu urumva ko nta ho muhuriye. Muri abanzi kandi muri mu nzira zihabanye. Ikindi kandi nje Rwema sinamukunze. N’iyo mureba rwose numva ntamukunze. Sinzi n’uburyo mwahuye pe. Umuntu mufitanye ibyo bibazo byose ubwo urumva ari uwawe koko? Ubu se uratekereza ukumva ari we mukwiranye? Urumva uwo muntu mwazahurira he? Wasanga yaragukunze kugira ngo azabone aho ahera yihorera ku muryango wawe kandi nawe byakugiraho ingaruka zikomeye. Ubishatse wagira ubwenge ma! Urumva utaba wiyahura? Genza make muko!”

Ayo magambo akomeretsa Gihozo, yakwibuka ibyo umuryango we wakoze, agasanga na byo birimo ukuri. Nawe se, ni gute yari gukomeza urukundo rwe n’umusore iwabo bahemukiye? Ubundi se yari kubyizera ate ko Rwema we azakomeza kumukunda namenya ukuri? Icyakora Mahoro agashyigikira urukundo rwabo akumvikanisha ko bakwiriye kurukomeza uko byagenda

kose. Yamubwiraga ko ibyo bibwira ko bibatandukanya bidakwiriye kubera urukundo rwabo imbogamizi, kuko kuba bakundana bitsinda ibindi byose.

Inshuti ze zombi zikamuha ibitekerezo bitandukanye kandi, mu matwi ye, byose bikumvikana nk'ibifite ishingiro. Gihozo amara igihe kirekire atajya kureba Rwema. Yari afite isoni zo kongera kumwiyereka kandi azi ibyo umuryango we wamukoreye; byari biteye agahinda.

Uko iminsi yahise, ni ko yarushagaho kubiganira n'inshuti ze, maze Mahoro amufasha kwiyakira no gukomeza urukundo. Kamariza na we agera aho abona ko urukundo rurenze ibitandukanya abantu. Batera Gihozo akanyabugabo, bamusaba kuvugana na Rwema akamwemerera urukundo ubundi bikazagenda uko bishaka.

Rwema akomeza kuyoberwa icyabaye kuri Gihozo. Yabaza inshuti za Gihozo zikamubwira ko na zo zitazi impamvu Gihozo amwima umwanya. Umuhungu arahangayika cyane, abura uko abyifatamo. Inshuti ze zimuca intege, zimwumvisha ko Gihozo atari we mukobwa umukwiriye. Bumvaga ko Rwema akwiriye undi mukobwa bo bitaga mwiza, uwo bakuranye kandi umukobwa bamufashije guhitamo. Rwema na we akababwira ko akunda Gihozo kurusha uko akunda abandi bose, kuko ibyiza yamubonanye nta wundi yigeze abibonana.

Rwari urugamba kuri Rwema kuko ari we wenyine wari ushyigikiye urukundo rwe na Gihozo. Abo yabibwiraga bose baramukwenaga bakamuca intege, bamwe bakavuga ko yatandukiriye cyane ngo kuko umukobwa atari mwiza na mba. Nyamuhungu yaziraga guhemuka akazira amakemwa: icyemezo yari yarafashe cyo gukunda Gihozo yaracyubahaga kuko yari yaragitekerejeho akagifata wenyine. Ntiyari gupfa kubona imbaraga zihemukira Gihozo kuko ni we yakeshaga byinshi mu buzima bwe. Ikindi yumvaga adakwiye kugendera ku magambo y'abantu, kuko burya ngo ijisho ry'undi ritakurebera umugeni.

Ibyo bitekerezo byose bikamutera gushikama, nubwo na we yageraga aho agacika intege akibaza ukuntu azakunda umuntu inshuti ze zidakunda, umuntu abantu bose batamushimira, uvugwaho amagambo menshi, mbese uwo azabana na we wenyine, hatagize undi muntu ubashyigikira. Nyuma y'ibitekerezo nk'ibyo akicara akongera akiha imbaraga yiyumvisha ko Gihozo ari we umukwiriye kandi ari we yahisemo gukunda. Yari abizi neza ko guhitamo uwo adakunda asize uwo akunda byazamutera ukwicuza gukomeye kandi ko urugo azashinga ruzaba ari urwe rutazaba ari urw'undi.

Byose akabitekereza afite urukumbuzi atewe no kumara igihe kirekire, nta kanunu k'umukunzi we. Abamucaga intege bamuteraga kumukumbura kurushaho. Hari ubwo yumvaga yakwisubiraho ngo amureke, agasubizwamo intege n'uburyo Gihozo yamubaye hafi mu buzima bwe, ibihe byiza bagiranye n'ibiganiro bagirana iyo bahuye.

Umunsi batangira kurwana intambara bafatanyije

Muri iyo minsi, Gihozo atuma Mahoro kureba Rwema, akamusabira ko bazabonana kuko yumvaga nibura akeneye kumubona, bakongera bakaganira nubwo atari azi aho azahera. Nuko amuha akabaruwa amushyira, maze akamumusabira ko baza guhura kugira ngo baganire neza.

Mu gitondo cyo kuri uwo muni, Rwema yicara ahantu arimo gusoma igitabo, hamwe n'inshuti ye Ntwari, babona Mahoro araje. Akimara kubasuhuzwa, akora mu gikapu cye, avanamo urupapuro rufunze neza aruhereza Rwema.

Rwema afata umwanya ajya kurusoma yiherereye. Akirufungura, atungurwa n'ibyari byanditseho. Ese Gihozo yari amubwiye ko amukunda? Rwema arihangana areba neza kugira ngo asobanukirwe ibyo ari byo. Mu by'ukuri, urwo rupapuro rwariho amagambo make cyane. Rwema atangazwa n'ukuntu igisubizo cya Gihozo kije mu magambo make nk'ayo ngayo ariko amaze kuyasoma aranyurwa. Yari yanditse kuri kimwe cya kabiri cy'urupapuro ikindi kiriho ubusa.

Ayo magambo aragira ati: *“Rwema, nagukunze mbere y'uko ubivugaga kandi nanyuzwe n'uko wari ubikuye ku mutima. Nzakomeza ngukunde kandi nkuhore hafi. Nkwifurije amahirwe masa mu byo ukora byose. Ugukunda Gihozo.”*

Akimara kurusoma, ibinezaneza bimukwira umubiri wose, agira ngo ararota. Arusubiramo inshuro nyinshi areba inyuguti ku yindi kugira ngo arebe neza ko ibyo yasomye ari byo byanditse. Ibyishimo byamukoresheye byinshi.

Uwo muni barongera barahura baraganira, bagirana ibihe byiza nk'ibisanzwe maze urukundo rwabo rutangira gukura rurasagamba. Mu gace batuyemo, abantu benshi batangira kumenya ko Gihozo na Rwema bakundana kandi ko ibintu byabo bikomeye. icyakora, nk'uko bisanzwe, ntibigeraga bakora amakosa y'urubwiruko. Ntibanywaga inzoga, ntibatahaga imbwa ziniha cyangwa ngo bakore ibindi bidasanzwe. Nuko bakomeza gusangira ubuzima nk'uko byahozwe, basangira akabisi n'agahiye, maze baba abana beza bakeburana, bagahanurana kandi bagatanga urugero rwiza ku rubwiruko rugenzi rwabo.

Urwo rukundo rutuma bakunda kuba bari kumwe kenshi, mu muhanda bakaba bafatanye agatoki ku kandi, mu misa bakaba bicaranye, mbese ukabona bameranye neza. Ibi byatumye ababyeyi babo batangira gukuka ko abana babo batangiye kwishora mu ngeso mbi cyangwa kubasuzugura, kuko batabaga bari mu rugo kenshi. icyakora, icyo gihe ababyeyi ba Rwema ntibari bakamenye ko akundana na Gihozo kandi n'aba Gihozo byari uko.

Abo kwa Rwema bakomeje kwibaza ibintu umuhungu wabo abamo, ku buryo bituma ataboneka mu rugo nk'uko bisanzwe. Rwema akagira mushiki we witwa Kanyange. Uyu mushiki we yabonaga kenshi amafoto yifotozanyije na Gihozo, akagira ngo wenda ni inshuti ye isanzwe kuko n'ubundi Rwema yagiraga inshuti nyinshi. Ibyo bigatuma atabyibazaho cyane kuko akenshi ayo mafoto yabaga anarimo ba Ntwari na Nshizirungu, kandi bo bari bazwi nk'inshuti ze.

Reka rero inkuru y'urukundo rwa Gihozo izagere kuri Rugarika, maze bimutere guta umutwe yende gusara! Nuko aheraho ahamagaza umugore, we aramubwira ati: *“Kanki, sinakubwiye ko umwana umuha icyo ufite? Umukobwa wawe unaniwe kumwigisha ubwenge buzima none abaye bukorikori bwa Nzikoraho? Ubu se umwanzi wacu ko amutuzaniye mu rugo hano noneho ubu duhungiye he?”*

Kankindi aya mu gikoni ikubagahu atareba neza kubera kuzibiranywa n'imyotsi kuko yari yacanye imibwirwa y'iminyitsi, aza abyiringira amaso, nuko abaza neza umugabo we icyo

ashaka kumubwira. Umugabo we araterura ati: “Ibyo wigishije mukobwa wawe byagaragaye. Ubundi kiriya cyohe nari nayobewe ibyo kimazemo iminsi. Iminsi amaze azerera yari yikoreye kabutindi! Ubu se wamenye ko asigaye akururana na wa muhungu wa Gasana twavugaga ejobundi? Buriya koko azagira ubwenge ryari? Ab’iki gihe ni ukubona barangiza amashuri gusa nta bwenge bafite! Kubyara kw’iki gihe we!”

Kankindi akibyumva akubitwa n’inkuba, arajumarirwa. Nuko abura icyo asubiza umugabo we, abura icyo akora yikorera amaboko. Aho agarukiye abwira umugabo we ati: “Ariko Rugari, na we warahemutse nubwo urenganya Gihozo. Sinzi niba bakundana koko, ariko niba ari na byo sinabarenganya ni abana nta cyo bazi. Mpora nkwinginga ngo usabe imbabazi ukinangira, none dore uwo wahemukiye agiye kukubera umukwe, nzaba ndeba uw’abasindi, reka nifurufumbire, mbiswa ma!”

Rugarika akomeza kuyoberwa no kwibaza niba ibyo yamenye ari ukuri cyangwa niba ari ibihuha. Aho agarukiye, abwira umugore we ko rubanda bamuzi nk’umubyeyi mwiza, urera abana be neza akabatoza urukundo. Akomeza amwibutsa ko abantu bamuzi nk’umuntu ukunda amahoro, utuje kandi ugirira bose ineza atizigamye. Bityo, arahirira ko nta cyamwanduriza izina afite mu baturanyi kandi ko n’iyo cyabaho, yakemera agakora icyo atigeze akora ariko izina rye akaririnda.

Umugore we akomeza kumutakambira, amwumvisha ko niba atekereza kugirira nabi Rwema atari byo byamukuraho urubwa ko ahubwo bishobora kurumwongerera. Amwibutsa ko ukundana n’umukobwa ashobora kumubera umukwe maze amusaba gushyira ibintu ku murongo kugira ngo atazababaza abo bana bombi, cyane cyane umukobwa we yareze nk’inka imwe. Amusaba ko amuha umwana akaza kubiganirizaho umukobwa we kugira ngo bamutere ingabo mu bitugu, bajye gusaba imbabazi ibintu bitaragera kure.

Rugarika arushaho gutsemba, ahagarara ku ndahiro ye. Avuga ko Gihozo na Rwema batagomba kubana kuko nta ho bahuriye, maze abwira umugore we ati: “Reka nkwbire ibanga ahubwo Kanki, Gihozo mfite undi muhungu nzamushyiringira. Naramumuboneye. Ni mwiza kandi afite ibintu. Aramutse abanye na Gihozo nta gahinda yazagira kandi...”

...

Kankindi wasaga n’uwarakaye amuca mu ijamba maze amwibutsa ko inda nini akomeje kwimika izamukoraho, natareba neza. Nuko amwiringira guca bugufi agasaba imbabazi hakiri kare kandi amusaba kwirinda kwivanga mu buzima bw’umwana we, cyane ko umwana ari we ufite uburenganzira bwo gukunda uwo ahatse, agashaka uwo ahatse kandi akifatira ibyemezo binyuze umutima we.

Rugarika akomeza ashimangira ko afite ukuntu azakemura ikibazo adateje umwana we kubabara cyangwa guta umutwe. Aahirira ko atakwemerera umukobwa we gushakana na Rwema.

Iminsi iba myinshi Rugarika ahangayitse, yibaza ukuntu umukobwa we yatangiye kugendana n’umwanzi wabo n’uburyo yakemura iki kibazo. Nuko ahagarika umutima cyane, abura amahoro

kuko yumvaga ko iby'abo bana nibikomeza, ashobora kuzavumburwa maze ibyo yapfukiranye igihe cyose bikajya ahabona. Amajoro amubana menshi atabasha gusinzira, ndetse no kurya bikaba guhatiriza, ku buryo yanywaga inzoga gusa zigasa nk'aho ari zo zimutunze.

Hashize iminsi, Kankindi aganiriza umukobwa we, amubwira uko byagenze byose, kuva biba kugeza uwo munsu, n'uko umuryango we wahemukiye uwo kwa Rwema, ukabacucukura bagasigara iheruheru. Kankindi asaba Gihozo kwitondera Rwema akabanza akamenya icyo atekereza mbere yo gukomeza gukundana na we. Akomeza amusaba kumufasha kumvisha se ko akwiriye gusaba imbabazi, aho gukomeza kubana n'umutwari nk'uwo nguwo.

Gihozo utari uzi icyo yakora, bimubera ihurizo rikomeye. Amagambo yabwiye na nyina amuhamiriza neza ko ibyo yiyumviye n'amatwi ari impamo, ko nta handi afite ho guhungira ukuri cyangwa ngo agoreke amateka. Ibyo byose bikamutera umutima mubi kuko yumvaga yahaguruka akazinga utwangushye ubundi agashaka iyo ajya kure y'ako gace. Kugenda kwe kwari gutuma Rwema ababara kandi nyamara we ari umuziranenge, utari uzi ibyabaye hagati y'imiryango yombi. Nuko Gihozo agira ubwoba ko ashobora kugenda bigatuma umukunzi we agirirwa nabi, cyane ko yari yumvise ko se yarahiriye kutava ku izima ngo asabe imbabazi. Yagombaga gukora ibishoboka byose akarinda icyubahiro cye.

Gihozo yiyemeza kuba umurinzi wa Rwema. Umutima we ukamubwira ko abamwambuye imitungo y'ababyeyi be bashobora no kumugirira nabi, nuko yiyemeza kutagira aho ajya kugira ngo abere Rwema umurinzi. Wakwibaza uko yari kumurinda kandi ari umwanzi w'umuryango we. Ubwo se bivuze ko yari agiye kurwanya umuryango we akarwanirira uwa Rwema? Yaba se yari agiye kubwiza ukuri Rwema akamubwira byose nta cyo asize inyuma?

Nuko muri icyo minsi, Gihozo yiyegereza Rwema, bakomeza iby'urukundo rwabo atitaye ku magambo y'ababyeyi be. Urukundo rwabo rukomeza gufata indi ntera kandi bakomeza kubera abandi intangarugero. Abantu bakomeza guhwihwisa amagambo no kujujura ibyabo, kugeza ubwo ababyeyi ba Gihozo na bo babonye ko urukundo rw'abo bana rukomeje gufata indi ntera. Rugarika abona ko ibintu bitoroshye maze akomeza guta umutwe no gushakisha icyo yakora, nuko birangira yiyemeje kugira icyo akora kugira ngo abo bana badakomeze gukundana.

Rwema agwa mu gico cy'abagizi ba nabi

Hari mu masaha ya nimugoroba, mu kantu k'akabwibwi. Icyo gihe Rwema ntiyari yiriwe mu rugo, ahubwo yari yagiye kureba ibyangombwa ku karere abiga Kaminuza bagombaga kuba bafite, dore ko yari ageze mu mwaka wa kabiri. Kuri uwo munsu, yazindukiyeyo kare cyane maze umurongo muremure w'abanyeshuri uza kumubera intandaro yo gutindayo bityo ntiyabasha gutaha kare kuko icyangombwa yashakaga cyari ingenzi kandi gikenewe cyane.

Ayo masaha y'ijoro amusaba guhamagara mu rugo kugira ngo bamwoherereze amafaranga ahagije abone uko atega ipikipiki, bityo agereye hakiri kare. Gahunda ze zari nyinshi muri icyo minsi.

Muri uwo mugoroba bagenda kuri moto, bahitamo gukoresha inzira ya bugufi kugira ngo babashe kwihuta. Iyo nzira ntiyari igihogere ahubwo yari iya bugufi gusa. Yanyuraga ahantu mu gashyamba ubundi igasa nk'igororotse ku buryo bidasaba umuntu kuzenguruka nk'uko uwanyuze umuhanda munini yabikora. Kuyinyura bikagabanya iminota makumyabiri ku rugendo rw'uwanyuze umuhanda munini. Ibyo bituma bahitamo gukoresha uwo muhanda, cyane ko butari bwakije birenze urugero.

Urugendo ntirwabagoye cyane kuko bari bafite amatara ya moto akora neza. Ikindi uwo muhanda ntiwanyuragamo ibindi binyabiziga, bityo bikabafasha kwihuta nta cyo batinya kugonga. Rwema yari afite agakapu gato ahetse ku rutugu, ari ko atwayemo ibyo byangombwa. Yari yambaye kandi ikoti ryamurindaga imbeho y'iryo joro n'umuyaga wo kuri moto.

Ikibazo rero reka kizavuke bageze muri ka gashyamba. Ku ikubitiro, babanza kunyura ku bantu babiri b'abasore bahagaze basa nk'abaganira kandi ubona nta gahunda yo gutaha bafite. Abo batumaguraga amatabi banaganira. Bagira ngo ni ibisanzwe nka bimwe abantu bahura bakaganira. Barikomereza. Bageze imbere, babona abandi babiri barimo kuganira nk'abo banyuzeho mbere. Umushoferi wa moto atangira kumva ko hashobora kuba harimo ikibazo maze atangira kuganiriza Rwema.

-Aba bantu bose tunyuzeho urababonye?

-Yego ndababonye. Hari ikibazo?

-Ndabona ibyabo bidasobanutse neza. Barasa nk'abafite uwo bategereje, bafitiye imigambi mibisha.

-Kubera iki se?

-Akazi kacu ni ugutwara abagenzi. Urumva ko tuba twarabonye byinshi. Ahantu hose tunyura tuba tuhazi. Ahabi n'ahaza. Nk'ubu aho twanyuze hose hatari ishyamba hanatuye abantu, ntitwigeze tuhasanga abantu nk'aba. Dore ahubwo aho baje kuganirira. Urumva icyabazanye muri aka gashyamba cyoroshye?

- (Afite ubwoba) None dukore iki? Ibaze ari twe bategereje. Cyakora ntugire aho uhagarara. Nihagira uguhagarika ahubwo wongere umuvuduko.

- Ahubwo mfata unkomeze kuko tugiye kwihuta. (Rwema aramufata aramukomeza cyane)

- Imana idufashe idukize irya none pe. Kuko gahunda zose mfite zaba zipfuye.

Nuko bakomeza kugenda baganira kugira ngo barebe ko baterana imbaraga, bakarenga icyo kigeragezo ariko mu by'ukuri biranga biba iby'ubusa, kuko umwanzi wabateye yari yabiteguye. Bageze imbere bahasanga noneho abantu benshi: abagabo bageze muri batanu. Barabahagarika barabyanga maze umumotari agerageza uko ashoboye ngo abanyuzemo moto yiruka, ari na ko babakubita inkoni bari bafite mu mugongo. Umwe muri bo, akubita igishyitsi uwari utwaye moto ku maboko, maze arekura moto irabajyana ibatura hirya, bagwa nabi.

Ba bagabo bahabwaga amabwiriza n'undi utaragaraga neza mu maso kubera ibintu yari yambaye byamukingiraga mu maso, bahita babasanga aho baguye maze batangira kubakubita inkoni bari

bafite. Abandi na bo barwana no guhaguruka ngo biruke ari ko bavuzura induru. Abasore barakubitwa bikomeye, bagerageza kwirwanaho ariko biranga biba iby'ubusa kuko bari hagati mu ishyamba kandi bwari bwije hatakigenda abantu benshi.

Umukuru w'abo bagizi ba nabi abonye ko induru imaze kuba nyinshi, ateguka abagabo be kwica abo bantu. Nuko bakura ibyuma bari bitwaje, batangira kubiteragura umumotari na Rwema. Inzara n'umunaniro Rwema yari yiriranywe ntiyari gutuma abasha no kwirwanaho cyangwa se ngo abashe kwiruka. Yari yiriwe atariye kuva mu gitondo, yiriwe ahagaze ku karere, ategereje ibyangombwa; yari ananiwe cyane. Umumotari agera kumurwanaho ariko nabwo bamurusha imbaraga, kuko bari benshi.

Induru yabo iza kugera kure, abantu baza baturuye kugira ngo bamenye ibyayo. Abaturage bazana n'abari baraye irondo maze bagerageza gufatamo bamwe, ariko uwabahaga amabwiriza arabacika. Umwami agucira akobo Imana igucira akanzu! Ku bw'amahirwe, basanga umumotari na Rwema batashiramo umwuka ariko ari intere. Bari bafite ibikomere byinshi ku mubiri, imyenda yabo yahindutse amaraso. Moto yari yangiritse cyane ku buryo itabasha kongera kugenda.

Abo bantu bahamagara ubutabazi bw'ibanze maze abashinzwe umutekano barahagera, babahamagariza imbanguriragutabara, na bo bahita batangira iperereza.

Mu gitondo cya kare, abashinzwe umutekano bamukira aho icyaha cyabereye kugira ngo barebe niba hari ikimenyetso cyahasigaye, bityo bakamenya uwakoze ibyaha. Burya koko umutege mutindi ushibukana nyirawo akibereye! Uwaje ayoboye agatsiko k'amabandi agateguka gukubita no gutera ibyuma, yakozwe ibishoboka byose ngo yiyoberanye ariko yibagirwa ko yahazanye ibyangombwa bimuranga. Ibyo ni indangamuntu ye n'ikarita y'itora.

Ubwo yatashye yizereye ko gahunda ze yazisoye neza nta nkomyi. Buriya yatashye yicinyira icyaha ko icyo yashakaga akigezeho, mbese atanze isomo. Ashobora kuba yarageze ahantu akajya mu kabari akiyakira kuko yumvaga yesheje umuhigo, cyangwa wenda yagera mu rugo akababarira inkuru y'uho ashize akagera ku cyo yari ategereje. Nk'uho umunyabwenge buke wese amera, ashobora kuba atarategereje ko ineza uyisanga imbere naho inabi ikagukurikirana.

Iyo amenya ko umuheto woshya umwambi bitari bujyane, ntabwo yarashutswe n'inda nini ngo ajye kwishyira mu byo kumena amaraso, nyamara ibintu byari gukemuka mu bundi buryo. Uruzi iyo aba yarakurikije inama yahawe n'abatari bake! Uruzi iyo atinangira umutima! Uruzi iyo aba yaririnzwe ikibi cyose hakiri kare cyangwa akakitwaramo neza bigishoboka! None arimo arishimira ko yageze ku byiza kandi bishobora kumugwa nabi mu gihe runaka. N'ubundi iminsi y'igisambo ni mirongo ine.

Ubundi se ubu ibi byangombwa byabonywe byanditseho amazina ye? Uyu muhemu bigeze aha se, yatewe na Satani wa he ku buryo yifuzaga kumena amaraso mu gihugu kirimo umutekano nk'iki? Ubundi yifuzaga iki gutuma akora ibara nk'iri? Ni ishyamba se yari afitiye Rwema wari mu mashuri ye ya Kaminuza? Ni ugushaka kwambura ikinyabiziga cy'abandi? Ahaaa! Ibyo ari byo byose sinzi ko byari kumuhira.

Kwa muganga aho ba Rwema bajyanywe, bagezeyo batagifite ubwenge. Bari muri *koma*. Bari bavuye amaraso menshi cyane. Ntibabashaga kureba, kuvuga, kunyeganyega, yewe ntibari babashije no kurya cyangwa kunywa. Biba ngombwa ko babashyira aho bashyira indembe zigomba kwitabwaho byihariye.

Abaganga n'abari babazanye kwa muganga bagerageza uko bashoboye, babasha kumenya ababyeyi ba Rwema maze babamenyesha ko ari mu bitaro. Ababyeyi na bo bari bahangayitse cyane kuko bari baraye batamubonye, batanamenye ibyamubayeho, bariheba cyane. Bamaze kumenya iyo nkuru y'inshamugongo, bese bahagurukira icyarimwe berekeza ku bitaro kureba uko byagenze.

Bagezeyo, basobanurirwa uko byagenze bakurikije amakuru bari bahawe n'abashinzwe umutekano bazanye n'abarwayi. Babasaba kumuba hafi mu gihe akiri muri *koma* kandi ko nakira azababwira neza uko byose byagenze. Ababyeyi ntibari bahangayikishijwe no kumenya uko byagendekeye Rwema, ahubwo bashakaga kumenya niba bishoboka ko yakira. Abaganga babasezeranya ko bagiye gukora uko bashoboye mu bushobozi bafite ariko ko umwanzuro wa nyuma ari uw'Imana.

Mu by'ukuri, abaganga na bo babonaga ko bikomeye, ni uko gusa banze guca intege abo kwa Rwema kugira ngo batiheba. Ariko nanone bakamenya neza ko kugera kure atari ko gupfa. Bagombaga gukomeza kugerageza, bagatumbira iherezo rya byose. Ikindi kandi na bo bari bafitiye impuhwe uwo mubyeyi wa Rwema babonaga yihebye cyane. Bagombaga gukora uko bashoboye kugira ngo bamugarurire ibyishimo.

Nuko akazi kabana kenshi abo babyeyi bari bagize abarwayi babiri bo kwitaho, kandi barembye cyane. Ntibari kwita kuri Rwema gusa ngo basige uwo bababaranye kugeza ubwo bombi baja muri *koma*. Nubwo batari bakabimenye, umumotari yitangiye Rwema cyane kuko iyo atahaba bari kumwica mbere y'uko abatabara bahagera.

Umunotari yari umugabo muremure kandi udakuze. Ni umugabo wagaragaraga nk'uri mu kigero cy'nyaka mirongo itatu n'itanu. Yari umuntu ugaragara ko afite imbaraga rwose. Mu giturage aho yari atuye, abenshi baramutinyaga kuko byavugwaga ko yakoraga imyitozo ngororamubiri cyane, aterura ibyuma, yiruka ahantu harehare kandi akabikora kenshi. Mbese yakoraga imyitozo buri gitondo n'igihe cyose yabaga acyitse imirimo. Nta wapfaga kumukiniraho kuko n'iwe ngo nta mujura wahahingutsaga amazuru.

Abamuzi bakundaga kubara inkuru y'ukuntu abajura batatu bigeze kujya kwiba iwe mu rugo bibwira ko adahari.

Ngo abajura bagiye inama yo kujya kumwiba iwe mu rugo. Nuko bajyayo ahagana saa tanu z'ijoro bibwira ko atarataha. Yari amaze iminsi ataha nijoro. icyo gihe, hari abantu baturutse hanze yatwaraga, akanabacyura, akaryama ari uko baryamye kandi ntibaryamaga mbere ya saa munani. Akenshi na we ni cyo gihe yatahiraga.

Abajura bagambana kumuca mu rihumye ngo batere iwe atarataha, maze ntibamenya ko uwo munsu atakoze. Bagezeyo, batangira kugerageza kwinjira mu nzu batoboye. Nyir'urugo abumva kare, arabyuka arabategereza. Nuko arabareka baracukura maze bamugeraho mu nzu aho yari,

yabyutse, yambaye, arindiriye gusa ko bamugeraho. Ni ko kubafata, abakubita bose adakoresheje intwariyo ari yo yose kandi nyamara bo bari bazifite.

Amaze kubagenza atyo, arababoha, arabararana, maze mu gitondo abahamagarira abayobozi babakatira urubakwiriye.

Kuva ubwo, akurirwa ingofero. Buri wese atangarira ukuntu yifasha abantu batatu bafite intwariyo kandi akababasha atanakomeretse. Batangira kumutinya, abamukiniragaho bose bagenza make kuko bari babonye ko adasanze.

Uyu mugabo iyo atahabaye, Rwema ntiyari bubashe kuhava amahoro. Imana irinda umuntu mu buryo butandukanye kandi buri gihe itugenera ibidukwiriye. Ababyeyi ba Rwema biyemeza kumwitaho bamubaha hafi, bityo baha umugore we umwana wo kwita ku bana no gushaka ikibabwira, kuko umugabo wagombaga kubabwira hafi muri byose yari agize ikibazo akarembere kwa muganga. Umugore n'abana be bakajya baza kumusura gusa bitabasabye kuza kubabwira umunsi ku wundi.

Uko abo babyeyi bafataga Rwema, ni na ko bafataga uwo mugabo. Barabameseraga, bakabakurabya, bakababwira mu buryo bwose bushoboka. Mbega ibyishimo bari kugira iyo babona bombi bakabwira rimwe! Mbega ukuntu byari kubabwira byiza iyo bombi basohokanye mu bitaro baseka, bongeye kuba bazima! Mbega ukuntu byari kuryohere aho abo kwa Rwema kumunye ko uwo mugabo yitangirye umwana wabo bigatuma aticirwamo gico?

Kwa Gihozo bo babyukirye mu rugo bakora imirimo isanzwe. Se, Rugarika, abukira mu mayoga. Abukira atumira amayoga maze yicara iwe mu rugo ayirirwaho, asangira izo nzoga n'abandi bagabo baze basanzwe basangira barimo na Gatabazi. Mu rugo birirwaho batuje binywera, baganira neza nta kibazo. Ntibigeze banywa byo gusinda ahubwo banywagaho iyo babaga bagize icyaka gusa.

Mu masaha y'umugoroba, Gihozo yumva abantu benshi baze iwabo mu rugo. Baza ari igihiriri ubona ko hari ikintu kidasanzwe. Nuko ajya ahirengere ngo abitegere neza, asanga harimo n'abaporisi. Ubwoba buramutaha, yibaza ikibabwira ariko arategereza ngo yumve uko bigenda.

Bageze iwabo, babaza nyiri urugo maze Rugarika avuga ko urugo ari urwe, batangira kumubwira ibibagenza.

- Niba ari wowe witwaga utyo, turagushakira kuri sitatiyo ya Polisi.
- Munjyana se kandi nakoze iki?
- Ni ibintu ukeneye gusobanura gusa. Barashakira kukwifashisha kuko hari iperereza ririmo gukorwa.
- Ntacyo, ibyo biroroshye, tugende rwose.

Abantu benshi bubabwira Rugarika, yari yiyubashyeye kandi akungahaye. Yanywaga icyo ashakira kandi agasangira n'uwo ashakira. Abayobozi na bo bari bamuzi. Nta we yatinyaga kuko icyubahirira cyo kitatumaga bamusuzugura. Kubwirwa ko agiye kuri sitatiyo ya Polisi

ntibyamukanze na gato kuko kuri we n'ubundi yari kurara atashye n'ubwo bwari bwije. Kuri we, ngo nta wari gutinyuka kumushinja amakosa.

Abo mu rugo rwe bagira ubwoba ariko kuko nta wari uzi ibyo ari byo, baratuza kugira ngo barebe iherezo ryabyo. Rugarika wajyanywe nimugoroba baramutegereza baraheba. Bugorobye, bajya kuryama atagarutse ndetse batamenye ibye. Barara bahangayitse cyane kuko nta makuru bari bafite ku byamubayeho. Gihozo akibaza icyabaye kuri se, akumva umutima uramusimbutse.

Buri wese watekerezaga uburyo Rugarika yagiye yiyizeye, ntiyakekaga ko yari burareyo. Byagaragaraga ko na we afite icyizere cy'umuntu udafite icyo yishinja. Bategereza mu gitondo bigera saa yine batarabona umuntu. Nuko bakomeza guhangayika, maze Gihozo na nyina biyemeza kwitegura bakajya kuri Polisi kureba uko byagendekeye se.

Mu gihe bakitegura ngo bagende, babona umwe mu baturanyi abasesekayeho umutima wamuvuyemo. Babonye ukuntu abahingutseho nk'iya Gatera, umusatsi uborosokaho maze bamubariza hejuru.

- Niko, ko uje nk'iya Gatera nta no gusuhuza ni amahoro?
- Oya amahoro ntayo. Nimutabare.
- Habaye iki? N'ubundi ndakubonye njye n'umukobwa wanjye ibikoba biradukuka
- Rugarika arafunzwe.
- (Bamuca mu ijamba) Ugize ngo Rugarika umugabo wanjye arafunzwe? Urabeshya si we ubonye.
- Oya ni we namwiboneye. Nyuze kuri Polisi ndamubona. Afunganywe n'abandi basore nka bangahe. Ni bo rwose bawurimo.
- (Yikoreye amaboko) Ayi weee! Noneho umugabo wanjye yazize iki? Ubu se mbikitse nte noneho bakobwa bakowe ? (Ahamagara Gihozo na we aza yihuta). Burya ngo so arafunzwe wo gacwa we! Gira vuba tujye kumureba ngo yawurayemo. Ubu noneho turasanga yamenetse amaso kuko yaraye atanariye!
- None se ubundi afungiyeye iki mama?
- Erega wibaza nyoko kuko na we ntabizi. Mpanyuze nonaha ndamubona. Ari hamwe n'abandi bantu. Nanjye simenye neza icyo bazize ariko numvise ibihuha ko ngo barimo gushinjwa urugomo. Ngo hari umuntu bakubise baramukomeretsa cyane ku buryo ubu ari mu bitaro. Sinamenye uwo bahohoteye uko yitwa ariko numvise abenshi babihwihwisa.

Kankindi ahita akenyera vuba maze na Gihozo ntiyatangwa aba aramukurikiye. Ntibibagirwa kwitwaza ibyo kurya no kunywa kuko bari bazi ko Rugarika yaburaye. Bamujyanye mu mugoroba atariye none yari ageze mu masaha ya saa tanu. Bagenda bafite ubwoba, bibaza ukuntu Rugarika yaba afungiwe icyaha cy'urugomo yakozwe, bikanatuma umuntu ajyanwa mu bitaro bakabiburira igisubizo. Rugarika n'icyubahiro yari afite mu giturage ntiyari uwo gukora urugomo nk'urwo. Ibyo ni byo bibwiraga bigatuma bumva ko aza kurekurwa vuba ndetse

bagatahana. Ku bwabo, ntibari gutinda kubona ko Rugarika abeshyerwa maze bagahita bamurekura.

Bageze kuri sitasiyo ya Polisi bakutse umutima bose babaririza ibyabaye. Gihozo ntiyari azi ko umukunzi we ari mu bitaro. Basobanurirwa byose uko byagenze, basobanurirwa neza ko Rugarika ashinjwa gucura no gushyira mu bikorwa imigambi yo kwica Rwema n'uko yahasize ibyangombwa bigaragaza ko ari we.

Mu kumva ayo magambo yose, baba nk'abatunguwe bahita bamenya impamvu Rugarika yigambaga ko atazareka icyubahiro cye ngo cyangirike, kubera urukundo rwa Gihozo na Rwema. Ayo magambo akora Gihozo mu bwonko, abura icyo avuga arajumirirwa cyakora ahita yikubura atavuze. Yari amaze kumenya ibyabaye ku mukunzi we byose bitewe na se. Yari amaze kandi kumenya aho Rwema arwariye. Ahita yirukira kwa muganga kugira ngo arebe ko yasanga umukunzi we akirimo akuka nibura amusabe imbabazi bwa nyuma.

Kankindi asigara kuri Polisi yumiwe, abura uko yitwara n'icyo yakora. Yareba umutware we mu mapingu, agahinda kakamurenga maze agasuka amarira. Yirindaga guhuza amaso na Rugarika kubera ukuntu yumvaga yamumira bunguri. Ku rundi ruhande ariko akumva umugabo we ari we witeje ibyo bibazo kuko yishoye mu kumena amaraso.

Rugarika amara iminsi kuri iyo sitasiyo maze asabirwa kuba afunzwe mu gihe ba nyir'ugukorerwa ibyaha bakiri mu bitaro. Yagombaga kuba afunzwe akazategereza igihe bazakirira n' iperereza rikomeza gukorwa.

Gihozo atera umugongo umuryango we ku bwa Rwema

Gihozo agera ku bitaro yihebye cyane. Yashakaga kureba Rwema akareba uko ameze n'inguma. Ahagera abaririza uwo abonye wese icyumba Rwema arwariyemo, ayoborwa n'umukobwa yasanze hanze amesa imyenda.

Ageze mu cyumba, asangamo Rwema n'undi mugabo bari barwariye mu cyumba kimwe. Ni wa mumotari wari umutwaye ubwo babategaga. Asanga nta n'umwe ushobora kuvuga ndetse banamubuza kumaramo umwanya kuko yageragezaga gushaka kubakangura, akora kuri Rwema cyane. Bamusohora shishi itabona ari ko arira cyane, ku buryo buri wese yagize ngo hari umuntu we ushizemo umwuka.

Uwo mukobwa wamurangiye aho umukunzi we arwariye, amujyana mu cyumba yabagamo maze amwereka aho yari amaze iminsi aryama, arahamuryamisha. Gihozo yamaze umwanya munini arira, ishavu ari ryose.

Mu kwitegereza neza isura n'imyenda Gihozo yari yambaye, uwo mukobwa aramwibuka kuko yajyaga amubona ku mafoto ari na Rwema, ni ko guhita amenya ko ashobora kuba ari inshuti ye cyane akaba atewe agahinda koko n'ibyamubayeho. Nuko atangira kumuhoza amwumvisha ko Rwema azakira kuko abaganga bari babibijeje, ariko Gihozo ntabikozwe. Abandi baganga baraza basaba uwo mukobwa kureka Gihozo akarira kugeza igihe abishakiye kuko kurira na byo biruhura. Baramubwiye bati: "Mureke arire, nihashira akanya arasinzira. Kurira bituma umuntu

aruhuka bikanamufasha kwiyakira. Atarize nk'uko abishaka, yagumana agahinda n'umunaniro." Nuko bamureka muri icyo cyumba arariraaa! Uwo mukobwa amuba hafi, akamuzanira ibyo kurya, akamuha amazi yo kunywa akanamwinginga ngo arekere aho kurira.

Nta kintu na kimwe yashoboraga gufata cyaba icyo kurya cyangwa kunywa. Buri mwanya uko yibukaga uko yabonye Rwema ameze, atanashobora gufungura amaso ngo arebe, cyangwa kurambura intoki, yakwibuka ko se ari we wamugize atyo agira ngo batazakomeza gukundana, agasuka amarira, kandi akamara umwanya munini. Gihozo amara kwa muganga iminsi ine atagira ikintu na kimwe ashira mu nda. Muri icyo minsi ntiyagira muntu avugisha, ntiyabasha no gusohoka nibura ngo yicare hanze.

Nyuma y'icyo minsi, nyina aza kumureba kuko yari yaketse ko yagiye kwa muganga kureba Rwema, kandi yari amaze iminsi atagera mu rugo, maze asaba kubonana na we. Gihozo amutera utwatsi amubwira ko nta kintu na kimwe bashobora kuvugana. Nyina yari aje kumukura kwa muganga kugira ngo atagumana na Rwema kandi ari we se yari afungiyeye.

Nyuma y'iminsi ine, Gihozo yigira inama yo kujya kuganira n'abaganga ngo ababaze koko ko Rwema azabasha gukira. Nibura kumva abaganga bamubwira ko umukunzi we azongera kugarura ubuzima byari kumurema agatima.

Yegera umwe mu baganga yabonaga banyuranamo buri munota mu cyumba cya Rwema na wa mumotari, amubaza uko bimeze.

- Muganga, umukunzi wanjye Rwema ameze ate?
- Turacyagerageza ngo turebe ko yakira.
- Nibura se hari icyizere ?
- Byose birashoboka nta kintu twakemeza nonaha. Mukomeze kwiyaambaza Imana idufashe wenda bagaruka ibuzima.
- Mukore ibishoboka ndabasabye rwose mubyeyi. Ntabwo nshaka kubura umukunzi wanjye.
- Ni ko kazi kacu. Humura kandi wizere Imana dore natwe nta cyo tutarimo gukora.

Wa mukobwa urimo kwita kuri Rwema yari hafi aho, yumva ukuntu Gihozo atakambira abaganga ngo bite ku mukunzi we. Atungurwa cyane no kumva ko Rwema afite umukobwa akunda kuko atari yakabibabwiye byeruye. Icyakora, uwo mukobwa yamubonaga kenshi ku mafoto akabikeka, ariko yabaza Rwema akamusubiza ko igihe kitaragera ko nikigera azabereka umukobwa yakunze. Uwo munsu amenya ko umukobwa yajyaga ababonana ku mafoto kenshi ari umukunzi we.

Byari ubwa mbere kandi yumva Gihozo avuga amagambo n'akanwa ke, kuko kuva yahagera yari amaze iminsi itari mike arira, aryanye kandi atava mu nzu. Atungurwa cyane no kubona umukobwa uvuga ashize amanga ko Rwema ari umukunzi we, akanasaba abaganga gukora ibishoboka byose ngo barebe ko bamugarura mu buzima. Mu by'ukuri ku ruhande rumwe biramushimisha cyane nubwo yari ababajwe na musaza we uryanye ku gitanda muri koma.

Nyuma yo gutekereza kuri ibyo byose, yegera Gihozo maze atangira kumuganiriza. Abaza Gihozo ukuntu aziranye na Rwema maze Gihozo aramwihorera. Uwo mukobwa witaga kuri Rwema akomeza kumuhatiriza, maze Gihozo aramubaza ati: “Ubundi se wowe uri nde kuri Rwema ku buryo nakubwira uko tuziranye ? Utamfatanya n’agahinda nifitiye ukaba unyongerera ibibazo gusa.” Undi amusubiza ko na we ari mushiki wa Rwema bavukana mu nda, maze Gihozo atangira kumwizera. Amubwira ko iminsi Rwema amaze mu bitaro ari we urimo kumwitaho kandi asimburwa gake.

Uwo mukobwa yakomeje kumuganiriza ari na ko amurema agatima, amwumvisha ko musaza we azakira. Amubwira ko yitwa Kanyange, anamumenyesha ko ari mushiki wa Rwema. Amubwira byinshi byerekeranye n’ubuzima bwa bombi kuva mu bwana bwabo kugeza bakuze. Yakomeje kumuganiriza byinshi byibanda ku kuntu Rwema ari umwana mwiza, akagerageza kumuterera urwenya kugira ngo arebe ko nibura yakwishima.

Gihozo atangira kumva ko nta cyo agomba guhisha Kanyange kandi n’ubundi amenye ko ari mushiki we, maze atangira kumuganirira uko byatangiye ajya kumenyana na Rwema.

“Ubundi njye nitwa Gihozo, ntuye ku Ruyenzi, hariya mu Karere ka Kamonyi. Rwema yambwiye ko namwe mutuye i Musambira, nubwo ntaragera iwanyu mu rugo. Agace ko ariko ndakazi kuko njya mpanyura kenshi ngiye nko mu Marangara. Maze igihe kirekire nziranye na Rwema, musaza wawe.”

Ubundi se ubwo urwo rukundo rwatangiye rute ? Ko tuzi Rwema na Gihozo ari inshuti zisanze, baba barakuriye hamwe? Baba bariganye se? None se ni iki cyatumye bagirana umubano ukaramba kuriya kandi nta n’isano isanzwe bafitanye ? Reka turebe uko byose byagenze.

Imvano y’urukundo rwabo yatangaje mushiki wa Rwema

Hari ku gicamunsi cy’umunsi umwe, ubwo Gihozo yari avuye i Kigali agiye mu rugo. Nuko atega imodoka nk’uko abandi bose basanzwe babigenze. Muri icyo tagisi hakabamo umunyeshuri wari utashye mu rugo, bisa nk’aho avuye kwiga muri rimwe mu mashuri y’i Kigali. Harimo n’abandi bantu nk’ibisanzwe bagenda baganira ari na ko biyumvira umuziki umushoferi yari yabashyiriyemo. Ibiganiro byo byari biryoheye amatwi nubwo Gihozo atashoboraga kugira icyo avuga kuko yari akiri muto. Byavugaga ku nkundo z’iki gihe, aho usanga ababyeyi bamwe na bamwe bivanga mu rukundo rw’abana babo ku mpamvu zitandukanye.

Ababyeyi batandukanye bagenda bavuga uko babyumva. Bamwe bati: “Abantu ntibakwiye kwivanga mu rukundo rw’abana babo kuko wenda ababyeyi bafite ibyo bapfa, oya rwose; ibyo abana ntibibareba. Ubu se bifuzwa ko babashakira nk’uko kera byagendaga bakakuzanira cyangwa bakagushyingira uwo utazi ? Bajye bamenya ko umuco ugenda ukura kandi no kwigira ku bandi ibyiza nta ko bisa.”

Gihozo wumvaga ibyo bitekerezo, yumvaga bimushimishije cyane kubona imitekerereze ya benshi yaramaze kugera ku rundi rwego kandi rushimishije.

Harimo abavugaga ariko ko kuba ababyeyi batakigira uruhare mu rukundo rw'abana ngo imiryango ishyingirane ari byo bitera gutandukana kw'abashakanye ngo kuko umwe avuga ati "Ubundi se ndatitira ikihe gihango ? Ubundi ko imiryango nta bundi bucuti! Nzashaka undi". Mbese iyo tagisi yari yabaye nk'inama ariko shoferi we yari yicecekeye ahari kugira ngo ubwenge butaza kujya ku biganiro akaba yakora impanuka.

Ibyo bitekerezo byose Gihozo abikuramo isomo rikomeye, maze amenya ko umuntu wese agomba gutega amatwi umugira inama wese. icyo kiganiro kimurinda kugira irungu muri iyo modoka kuko umuntu bari bicaranye atavugaga. Iyo kitabaho yari kurambirwa n'urugendo kuko uwo muntu atari yakavuze ijamba na rimwe kuva imodoka yahaguruka.

Uwo bari bicaranye yari umuhungu mutoya ugaragara nk'umunyeshuri. Nta gushidikanya kuko yari yambaye ishata iriho ikirango cy'ishuri yigaho. Ntabwo byari bisobanutse ukuntu atashye kandi icyo gihe kitari igihe cy'ifunga ry'amashuri. Yari umuhungu utuje utavugaga menshi. Uko abandi bari baryohewe n'ikiganiro, we nta cyo byari bimubwiye. Hari n'ubwo bamwe bageraga aho bagaseka ariko we ntiyasekaga na gato. Uwamurebaga yashoboraga kugira ngo ibirimo kuvugirwa aho ntarimo kubyumva.

Gihozo yasaga n'uwumiwe pe! Umuntu bari bicaranye yari yamuyobeye. Umuntu udaseka abandi batembagaye! Umuntu abantu bose baba bavugaga ukabona we bitamufasheho? Ibye byari byamuyobeye. Yari umwana wituriye ariko wamureba neza ukabona asa nk'ukonje. Yari yicaye yipfumbaze, kandi atuje cyane. icyakora Gihozo ntiyari kubasha kumenya niba afite ikibazo cyangwa se ari ko ateye kuko ni inshuro ya mbere yari amubonye. Ikindi kandi yari ahugiye ku nkuru z'abandi bagenzi zari ziryohewe amatwi. Ntabwo yabyitaga cyane ngo akurikirane arinde kumenya ibibazo umuntu bahuriye mu modoka gusa, badafite ahandi baziranye, afite.

Gusa umukobwa akomeza kujya anaga akajisho kuri wa muhungu bicaranye, akabona yakomeje gutuza cyane. Urugendo rwo rurakomeza, uko bageraga aho imodoka ihagarara ku muhanda, Gihozo akagira ngo uwo muhungu bicaranye aravamo akabona ntavuyemo. Akibaza aho ajya bikamuyobera. Ageze aho, agira ngo kubera uko yabonaga ameze, wenda yibagiye aho aviramo imodoka ikaba yamurengeje.

Barenze gato ku Giticyinyoni, Gihozo yitegereza wa mwana abona atangiye kubira icyuza kandi mu by'ukuri hatari ubushyuhe bukabije. Arebye neza, abona umwana arasa n'ubangamiwe, biramuyobera abura icyo akora. Ntiyabasha gukomeza gukurikirana ibyo abandi bagenzi bavugaga, ahubwo yita cyane ku buzima bw'uwo mwana yabonaga bufite ikibazo.

Mu kanya gato cyane, uwo muhungu atangira kuva imyuna mu mazuru. Yampaye inka! Ikibazo kiba kiravutse. Gihozo wicaranye na we, abura uko abyifatamo. Kubera ukuntu yari atangiye kumwitaho cyane, abona ko uwo mwana arwaye cyane kandi bigaragara ko anashonje. Gihozo yari afite akenda yiteye mu ijosi, tumwe abakobwa bakunda kugendana kugira ngo badukinge mu ijosi tubarinde imbeho, maze abonye ko uwo mwana akomeje kuva cyane, arakijishura arakamuha kugira ngo agakoreshe.

Nuko Gihozo ahagarika umushoferi w'imodoka, amusobanurira uko ikibazo kimeze maze amusaba guhagarika imodoka ho gato. Yikoza hanze maze, mu mafaranga make yari asigaranye, agura icupa ry'amazi ararizana, arisukira uwo muhungu rimushiriraho, asubiraye azana irindi.

Gihozo ntiyita ku kuba ako kenda ke kareraga de, ahubwo ashishikazwa no gutabara umuntu. Abari bicaye hafi aho bamufasha kwita kuri uwo mwana no kumutunganya kugeza igihe kuva imyuna kwashiriye, noneho bihita bigaragara neza ko arwaye. Nuko Gihozo ahita amenya ko burya kuva kare yagendanaga n'umuntu urwaye iruhande rwe. Anamenya impamvu atigeze yumva ijwi ry'uwo mwana kuko we yahanganaga n'ububabare yari afite mu mubiri.

Kubera uko guhagarara umwanya, bamwe mu bagenzi batangiye kwijujuta bavuga ko bari gukererwa, shoferi ababaza niba bo bibabayeho bakwifuzaga gusigwa mu nzira. Abari gufasha uwo mwana bashima shoferi bavuga ko babonye ko hakiriho abantu bagishyira imbere umuntu kuruta ibintu.

...

Uwo mwana w'umuhungu atangira gutitira kuko we yari afite imbeho kandi anashonje. Gihozo akibivumbura, akura umupira yari yitwaje mu gikapu maze awambika uwo muhungu. Wari umupira ufite amaboko maremare n'ingofero yo mu mutwe. Wari umupira ugira ubushyuhe bwinshi umuntu atari gupfa kwikoza adafite imbeho.

Nyuma yo kumukorera ibyo imyuna irakama. Gihozo amugurira amata afunitse n'umugati muremure, arabimuzanira kugira ngo asamure bityo agarure ubuyanja. Undi ntiyashoboraga kuyanywa, ariko kubera ukuntu yabonye umukobwa atazi arimo kumwitangira bigeze aho, atinya ko atabiriye byamubabaza aragerageza. Nyuma yo kurya, Gihozo amugurira umutobe wo kugenda anywa mu nzira niyumva akabeho kagabanutse kugira ngo abashe kugera iyo ajya ameze neza.

Nuko bakomeza kugendana mu modoka, batangira kuganira nubwo Gihozo atari yirengagije ko arwaye.

- Urumva umeze ute?
- Uko biri ndumva meze neza. Sinkikonje cyane kuko noneho nifubitse neza. Amata nyoye na yo ndumva angiriye akamaro cyane, ahubwo ndabashimiye cyane.
- Oya nta kibazo. Ahubwo se witwa nde?
- Nitwa Rwema.
- Nanjye nitwa Gihozo Carine Umutesi, ndimo gutaha mvuye i Kigali. Iwacu ni hano imbere wenda kugera Bishenyi ariko ni ku Ruyenzi urebye.
- Nanjye ndatashye iwacu ni i Musambira. Ndumva dutuye mu karere kamwe, nta n'ubwo ari kure cyane turasa nk'abaturanyi.
- None se ko mbona uri umunyeshuri ukaba utashye?

- Yego ndi umunyeshuri. Maze iminsi ndwariye ku ishuri. Nagiye kwa muganga bampa imiti ndayigerageza ariko byaranze biba iby'ubusa. Ubu rero nta kintu nari nkishoboye kurya cyangwa kunywa mu biryo tugaburirwa ku ishuri. Mpisemo gutaha kugira ngo njye kwivuriza mu rugo, wenda ho byanyorohera, nzaka *taransiferi* njye kwivuriza i Rukoma burya ngo baravura cyane.
- Yoooo! Ihangane ni ukuri. Ndumva bitoroshye, gusa burya ahantu henshi baravura, gusa humura uzakira. Nugera mu rugo ukitabwaho n'ababyeyi bizagenda neza. Si nko kuba uri ku ishuri urya kawunga n'*imicuzi*(aramwenyura)
- Urakoze kunkomeza.

Bakomeza kugenda baganira, ari na ko Gihozo ashaka kugira ngo arebe ko yahuza Rwema, ububabare ntuyongere kubutekerezaho. Baganira utuntu twinshi turimo ubuzima bwo ku ishuri kuko na Gihozo yari umunyeshuri ariko wiga ataha mu rugo. Baganira ibibera ku ishuri bitangaje n'ibindi bintu byose.

Gihozo agiye kugera aho ari buviremo, aha Rwema numero ya telefoni y'umuturanyi azamuhamagaraho maze bagahura, akamuha umupira we. Undi na we ayandika ahantu mu mazina ya Gihozo. Imodoka igeze neza aho aviramo, amusezeraho, amwifuriza kurwara ubukira no gutsinda neza amasomo ye, anasezera abari mu modoka bose abifuriza urugendo rwiza ubundi arasohoka.

Abari muri iyo modoka bose batangarira uwo mukobwa babonye. Kubona yiyemeza akita ku mwana w'umuhungu abonye mu modoka gusa nta handi baziranye cyangwa ngo babe bafite ikindi bahuriyeho! Kwiyeze akamuhaguriza akenda ke kera, akamufubika umupira we atazi uko azongera kuwubona!

Iyi myitwarire irenze iy'abakuru bari muri iyo modoka irabanyura cyane, maze umwe muri bo ati: "Hahirwa uzamugira umugeni!".

Umwe muri ba bandi bavugaga ko bari gutinda igihe Rwema yasukirwaga amazi, avuga ko abakobwa b'iki gihe basigaye bazi kwibombarika ahantu hose kuko abagabo babuze. Ati "Si izindi mpuhwe buriya aragira ngo arebe ko yamwigarurira akazamuteturura".

Abandi bamusamira hejuru bamubwira ko imyumvire afite atari yo kandi ko bitamukwiye kuvuga atyo ugereranyije n'imyaka afite. Bati "Ntunareba ko bakiri abana?"

Ubwo Rwema aho yicaye abatega amatwi, maze akareba aho Gihozo yari yicaye, ibinezaneza bikamurenga. Yatekerezaga ko byanze bikunze bazabonana ubwo yamusigiye numero ya terefoni yamushakiraho. Uko abandi barushaho kuvuga kuri uwo mukobwa bafataga nk'akataraboneka, ni ko Rwema yarushagaho kumva amukunze. Nawe se, umukobwa wari washimwe n'abakuru, ni nde utari kumukunda? Ibintu yari yakoze nta n'undi wari wabitekereje mbere y'uko abikora kandi abari aho benshi ari abamurusha imyaka. Ibyo rwose byatumye bamwibazaho maze bese bemeza ko yarezwe neza.

Gihozo ataha yishimye. Nibura yumvaga anejeje n'uko abashije gutabara umuntu ufite ikibazo. Yari anejeje n'uko yabwiye ko ubufasha yatanze bwagize akamaro. Ku rundi ruhande ariko,

yishimiye kumenyana na Rwema nubwo atari yakamumenyeho ibintu byinshi cyane. Ahari bari kumenyana neza ku munsu bazahura bombi, amugaruriye umupira we.

Nyamara ariko ntiyabitindaho cyane, ahubwo we icyo yari ashyize imbere ni uko umuntu yafashije yakira akongera kugira ubuzima bwiza, maze akabasha gusubira ku ishuri. Gihozo yari akiri muto, ashishikajwe cyane n'amasomo ye kurusha ibindi bintu ibyo ari byo byose. Icyo gihe, yari mu mwaka wa gatanu naho Rwema ari mu wa gatatu.

Ageze mu rugo, akomeza imirimo ye nk'ibisanzwe. Abonye umwanya, ajya kureba umuturanyi we, ari we nyiri nomero yahaye Rwema, amusobanurira uko byamugendekeye n'uko byarangiyeye ahaye Rwema umupira we. Amumenyesha ko Rwema ashobora kuzamuhamagara amushaka kugira ngo bahure amutirurire umupira, amusaba ko umunsi yamuhamagaye kuri telefoni ye yazaza akamubwira.

Uwo muturanyi aratungurwa, atangazwa n'ubwitange bwa Gihozo. Gusa nanone ntiyishimira ko Gihozo yapfa kujya afasha abantu bese abonye atanabazi, kuko ashobora kuzabigwamo agira ngo arafasha umuntu kandi ari umutekamutwe. Nuko amugira inama yo kwitonda, gushishoza no kubanza kumenya neza uwo agiye gufasha kuko abatekamutwe na bo babaye benshi. Gihozo amushimira izo nama nziza maze amusezeraho arataha.

Rwema ntiyarindira ko abanza gukira. Yamaze iminsi nk'ibiri gusa ahita ahamagara Gihozo. icyatunguye Gihozo ni uko Rwema atamuhamagaye kugira ngo bahure amuhe umupira we kuko yari akirwaye, ahubwo yagiraga ngo amusuhuze. Bavugana amagambo make cyane arimo gushimira Gihozo ko yamwitayeho akamuba hafi, akanamutangaho byinshi atari yateganyije gukoreshamo amafaranga ye.

Gihozo yari ahangayikishijwe gusa no kumenya igihe Rwema yagereye mu rugo kuri wa munsu baherukana n'uko amereye. Kumva ko nibura Rwema abasha kuganira kuri telefoni biramushimisha cyane. Yibukaga neza ko ubwo bari hamwe mu modoka atabashaga kuvuga. Kumuhamagara bakaganira bakagera aho guseka, byamwongerera icyizere cy'uko Rwema agomba gukira kandi vuba.

Iminsi ikomeza kwicuma, Rwema arakira neza anafata umunsi wo gutirura umupira wa Gihozo. Gihozo abaza Rwema niba awumuzanira iwabo mu rugo cyangwa se niba baturira ahandi hantu akawumuha. Nuko Rwema ahitamo ko bagira aho baturira ndetse bemeza bombi umunsi n'isaha bagomba guhuriraho.

Bumvaga ari ibisanzwe. Buri wese yumvaga ko bagiyeye guhura hakabaho gutanga no kwakira umupira ubundi bagataha. Nta wakekaga ko hagira ibindi bivukira kuri ako kantu gato. Ni ko rero umuntu akura inshuti ku nzira.

Umunsi bahanyeye ugeze, baturira mu busitani bwari hafi y'ikibuga cy'umupira. Aho hantu hari heza cyane ku buryo abantu benshi bakundaga kuhakodesha mu gihe bagize ibirori bitandukanye birimo ubukwe, inama, kwizihiza iminsi mikuru nk'iy'amavuko, ibirori byo kurangiza amashuri n'ibindi bitandukanye. Ubwo busitani bwari buzengurutse n'indabyo z'amoko atandukanye z'amabara yose. Wasangaga igice kimwe gitatse indabyo z'amaroza, igikurikiyeho kikagira

iz'umweru, igikurikiyeho kikagira iz'umuhondo, umwura gutyo gutyo. Iyo warebaga wasangaga binogeye ijisho.

Gihozo ntiyari yakageze aho hantu na rimwe. Yumvaga gusa ngo abantu bajya bahakorera ubukwe kuko ari heza ariko ntiyari yakahageze. Akihakubita amaso, yifuza mu mutima we ko ubukwe bwe na bwo bwazabera aho ngaho. Atungurwa n'uko yasanze hameze hatyo. Hari hatatse neza cyane kandi hanogeye ijisho. Nta waharebaga ngo aharambirwe.

Kubera ukuntu yari yarangaye cyane, yatwawe n'ubwiza n'impumuro nziza biri muri ubwo busitani, Rwema abanza gusa n'umukebura kugira ngo bavuge icyabazanye ubundi buri wese atahe hakiri kare. Rwema yasaga n'uwihuta kuko no mu magambo yavugaga wabonaga adatinda mu makoni ngo yiraze i Nyanza.

Bamaze kwicara, Rwema afungura igikapu yari afite maze akuramo umupira wa Gihozo arawumuha. Mbega ukuntu wahumuraga neza? Yari yawumeshe, yawuteye ipasi n'imibavu ihumura. Iyo mpumuro Gihozo ntiyari yakayumvise. Ntiyamenye ubwoko bwayo, icyo yumvise ni uko yahumuraga neza gusa. Mbega ukuntu yishimye cyane! Nibura yabonye ko umuhungu yafashije ari umuhungu ugira icyo yitaho, ugira ikinyabupfura kandi wibuka gutirurira uwamutije. Biramushimisha cyane.

Nuko Rwema ashimira cyane Gihozo ko yamutabaye ari mu mage, aho atari afite umuntu n'umwe umwitaho. Amushimira ko yamwitangiye akanamutakazaho amafaranga atari yateguye gutakaza. Amushimira ko yamubereye imfura ku munsu wa mbere bari bakibonana nta kintu na kimwe agendeyeho. Amushimira kandi ko yamugiriye icyizere akamutiza umupira we adashidikanyije ko adashobora no kuzawugarura. Amushimira byimazeyo, anamubwira ko iyaba atari ku bwe, aba atarakize vuba akurikije uko yari arwaye.

Gihozo yakirana yombi ayo mashimwe yose, aranezerwa cyane. Yishimira ko nibura ineza yagiriye Rwema ayizirikanye akaba agarutse kumushimira.

Rwema arongera akora mu gikapu yari afite maze akuramo impano yari yageneye Gihozo, ifunze neza ku buryo umuntu atari kureba inyuma ngo apfe kumenya ikirimo imbere.

Ayireba umwanya mutoya maze arambura ukuboko ayihereza Gihozo, avuga aya magambo ati: “Wanyeretse uwo uri we. Wanyeretse umutima mwiza ufite. Ubumuntu nakubonye nta handi nabubonye. Wahisemo gukoresha amafaranga yawe kugira ngo undwanaho kandi nyamara nta handi wari kuyinjiriza. Witangiye umuntu utazi nta n'ikindi ugamije. Ibyo byose ntacyo nabikwitura. Si ndi mwiza ngo nzakwitura umutima nk'uwo wanyeretse kuko ntawufite. Mbabarira wakire impano nakugeneye uyu munsu. Ntufite agaciro kangana n'ibyo wankoreye ariko nibura nuyifungura uri bubone ko izakubera urwibutso rw'ineza wangiriye. Nitwa Rwema Fred.”

N'amatsiko menshi, Gihozo yakirana ubwuzu impano ahawe. Ku mutima we, amatsiko yari menshi. Yashakaga kuyifungura kuko kwihangana byari kumugora cyane. Abajije Rwema niba yayifungurira aho, amubera ibamba: amusaba kuyifungura ageze mu rugo.

Bakomeza kuganira utuntu dutandukanye ariko ubona batisanzuye cyane kuko batari bamenyeranye. Rwema wari wishimye cyane kuko yahuye n’uwamubereye intwari, amusaba kumutega amatwi akagira icyo amwisabira. Undi amaze kumutega amatwi, Rwema araterura ati: “Wambereye marayika murinzi, umbera umufasha kuri uriya munsu. Ndagira ngo nkusabe ntibirangirire hariya. Ujye ufasha umuntu wese ukeneye ubufasha nubwo waba utamuzi. Ku giti cyanyje, ndagusaba ko wakomeza ukamfasha.” Gihozo amubaza icyo yumva yamufasha, maze undi arakomeza ati: “Ndi umunyeshuri kandi wiga imbere yanyje: wamfasha mu masomo, ukangira inama, ukampana, mbese ukamba hafi mu bishoboka byose.”

Gihozo abyumva neza kandi vuba maze aramubwira ati: “Mu ishuri si ndi umuhanga cyane ariko ibyo nzi nzajya mbigufasha”.

Umukobwa yatindijwe no kugera mu rugo, amatsiko yari yamurenze ku buryo n’abo yasanze atibutse kubasuhuza. Nuko arengera mu cyumba cye, afunga umuryango kugira ngo hatagira umurogoya. Mu rugo bayoberwa uko byamugendekeye ariko ntibabitindaho ngo bamuhatirize bamubaza icyamubayeho, bahitamo kumutegereza kugeza igihe ashirira impumu.

Mu gufungura impano, asangamo ifoto iriho Rwema akiri umwana muto uri mu kigero cy’imyaka nk’itatu. Uwo mwana ari n’undi mugore wari umufashe ukuboko, basa nk’abari gutambuka. Ni ifoto bifotoreye imbere y’inzu basa nk’abayisohotseho. Icyo gihe, Rwema yari yambaye ikabutura n’umupira. Uwo mugore bari kumwe yari yambaye ikanzu, akenyeye igitege, ateze igitambaro mu mutwe. Gihozo ntiyabashaga kubona amabara y’iyo myenda kuko ifoto yari yarafatiwe mu mabara y’umukara n’umweru, ukaba utamenya ibara ry’umwenda umuntu yambaye.

Mbega ukuntu Rwema yari mwiza akiri muto! Mbega ukuntu yari yambaye neza nubwo atari yambaye inkweto! Yari ifoto iteye ubwuzu bigaragara ko yari imaze igihe ukurikije uko yari ifotoye.

Gihozo akomeza kuyireba, ayimaraho umwanya munini atagira icyo atekereza. Ntiyavanaga amaso kuri uwo mwana w’umuhungu abonye. Aho agarukiye, yibaza uwo mugore abonye ku ifoto. Yabonaga ajya gusa na Rwema ariko ntiyasobanukirwa niba ari nyina cyangwa atari nyina, kuko atari azi byinshi kuri Rwema kandi na we akaba nta cyo yari yamubwiye kuri iyo foto.

Umukobwa yakomeje kwibaza impamvu Rwema ahisemo kumuha iyo foto ya kera, aho kumuha iy’ubu imugaragaza neza ari umusore. Ibitekerezo bimubana byinshi mu mutwe we ariko ntabashe kumenya neza icyo bivuze.

Mu kureba neza, abonamo urundi rupapuro rwanditseho amagambo make maze ararusoma. Nyuma yo kurusoma, asobanukirwa neza abari kuri ya foto. Umwana muto ni Rwema, ubwo yari afite imyaka itatu n’igice. Umugore bari hamwe ngo Rwema yabwiye ko ari nyina wabo wamukundaga cyane ariko akaba yaratabarutse. Rwema amusobanurira ko amukunda cyane nubwo atabashije kumubona neza ngo amenye ubwenge agihari. Amubwira ko iyo foto ivuze byinshi ku buzima bwe ku buryo na we ayimuhaye, kugira ngo amwereke ko yamushimiye cyane.

Urwo rupapuro rwari rwanditseho ko ayimuhaye, kugira ngo uko ayibonye ajye yibuka ko nibura na we yamubereye nyina umunsi bahuriye mu modoka arwaye. Ni wowe nagereranya na mama wacu. Ni ko gaciro nguha kuva kuri uriya munsi.

Gihozo yumvise ayo magambo, yumva yiyongereyeho nk'ibiro icumi n'inusu! Ibyishimo biramurenga maze aribwira ati: "Noneho nsobanukiwe akamaro ko kugira neza."

Umubano w'abo bana ukomeza kuba mwiza kandi byari bishimishije. Babana nk'abavandimwe, ikibabaje umwe kikababaza undi, n'igishimishije kikabashimisha bombi. Ibijyanye n'amasomo byose Rwema yabibazaga Gihozo kandi na we akabimufashamo. Ibi byagize umusaruro cyane bifasha Rwema cyane gutsinda ikizamini cya leta gisoza icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye, afite amanota meza cyane bityo binamwongerera amahirwe yo gukomereza ku ishuri ryiza, mu cyiciro cya kabiri cy'ayo mashuri.

Kuva uwo munsi, batangira kujya babonana kenshi bagahurira muri bwa busitani. Baganiraga kenshi kandi bakaganira kuri byinsi. Bagiranaga inama, bagahanana, bagafashanya mu masomo, mu bigomba amafaranga iyo babaga bayafite n'ubundi bufasha bwose. Nguko uko baje guhindura ubusitani bwakodesherezwaga ubukwe n'ibindi birori, bakabwiyegurira, gahunda zabo zose zikaba ari aho zaberaga. Ubwo buzima bwose babanyemo ni bwo bwabereye Rwema urugero rwiza, maze bumugaragariza ukuntu Gihozo yakomeje kumubera umwana mwiza mu bihe byose byaba ibibi n'ibyiza. Aho ni ho yakomoje, maze mu gihe yarimo yitegura ibizamini bisoza amashuri yisumbuye, amusaba ko yamubera umukunzi w'ubuzima bwe bwose.

Kanyange yari ateze amatwi yitonze kugira ngo yumve inkuru musaza we atigeze amubwira mu magambo arambuye. Nubwo bajyaga bacishamo bakajya kureba uko abarwayi bamerewe, cyangwa bakitaba abaganga ubwo babaga babahamagaye, ntibyatuma yibagirwa aho inkuru yari igeze, ku buryo bagarukaga akaba ari we wibutsa Gihozo aho akomereza. Yari amwicaye iruhande, ari mu masaha y'umugoroba, hari imbeho itari nyinshi. Nta jambo yashakaga ko ritakara hasi kuko yumvaga musaza we yarahuye na marayika. Yari ameze nk'urimo kubireba mu mashusho kuko buri kintu bavugaga yakibonaga nk'ikirimo kuba.

Mu gusozwa inkuru, Gihozo agira icyo yisabira Kanyange. Aramubwira ati: "None rero mwana wa mama, umbabarire tugumane kugeza igihe Rwema azakirira. Ntunyirukane ndagusabye. Nubwo najya mu rugo, sinabasha kugira umutuzo ngo nsinzire nzi ko aryamye hano. Nta n'ubwo narya ngo bimanuke, nzi ko we atabasha kurya. Nizere ko utaza kunyirukana. "

Kanyange amaze kumva ibyabo byose, amureba mu maso, amufata ibiganza byombi maze amubwira mu ijwi rituje ati: "Giho, humura! Rwema azakira nidufatanye kumusengera. Bishobora gutinda ariko azakira yongere kuba muzima. Niba ushaka kumuba hafi, ndagushyigikiye. Reka dufatanye kurwana uru rugamba. Tumurwanirire turebe ko Imana yamukura aho umwanzi yashatse kumushyira."

Gihozo ashimira Kanyange cyane maze kuva uwo munsi biyemeza gusenyerana umugozi umwe mu kwita kuri Rwema. Ibintu byose batangira kujya babikorana. Bari bafite abarwayi babiri kandi bombi bagomba kubitaho. Ukuza kwa Gihozo korohereje Kanyange akazi kuko nk'iyoye

bageraga mu kazi koroheje, hakoraga umwe undi akaba aruhutse, noneho yaruhuka akagaruka mu kazi, mugenzi we na we akaruhuka.

Bamaze kwiyemeza gufatanya ako kazi, bakajya bafata umwanya bari kumwe, bagasengera abo barwayi bombi. Ku masengesho yihariye ya Rwema n'umumotari, bakajya gusenga nibura kabiri ku munsu, bagasengera abarwayi, bakabereka Imana, bayinginga ngo imanuke ibatabare, rimwe na rimwe bakanakora ayo kwiyiriza ubusa. Baza no gushyiraho n'irindi sengesho bakoraga mu gitondo rigamije gusengera abarwayi bose barwariye muri ibyo bitaro n'abandi bose barwaye muri rusange. Ubwo babyukaga saa kumi za mu gitondo bagasengera abarwayi bose. Saa saba z'anywa na saa yine z'ijoro, ni umwanya bahariye gusengera abarwayi babo bombi.

Nyina wa Rwema yamaganiye kure Gihozo, Kanyange na we yungamo

Umunsu umwe, umubyeyi wa Kanyange aza kubasura kwa muganga maze ahasanga Gihozo. Nuko yitegereza ukuntu uwo mwana w'umukobwa arimo gukora ibintu byose atiganda, aratungurwa. Yishimira ukuntu yamubonye. Yishimira ukuntu umuhungu we afite umuntu umwitaho ku buryo yiyemeza kuza kwa muganga, akahamara igihe amufasha.

Nuko agira amatsiko yo kumenya uwo muntu ufite uwo mutima mwiza atyo maze ahamagara Kanyange kugira ngo amubaze. Kanyange amusobanurira byose akurikije ibyo Gihozo yari yamubwiye. Nyina akibyumva, umutima umuvamo, umusatsi umworosokaho. Yareba Gihozo akabona atari ubwa mbere amubonye, ariko ntabashe kumenya neza ahantu amuzi. Gusa nanone yarushaho kubitekerezaho, akumva ko harimo ikintu kitari cyiza. Yari asanzwe abona Gihozo buri munsu uko yasuraga umuhungu we kwa muganga ariko ntabyiteho. Hari ubwo yajyaga agira ngo afite abandi barwayi yaje kwitaho hanyuma akaba yaramenyanye na Kanyange, kuko bombi barwariye ku bitaro bimwe. Kuva uwo munsu, abona ko Gihozo na Kanyange bafitanye umubano wa hafi. Nuko asaba Kanyange kumuzanira Gihozo bakaganira namara gusura umuhungu we mu cyumba cy'abarwayi.

Kanyange ntiyamenya impamvu nyina ashaka kuganira na Gihozo. Ntiyamenya impamvu nyina amumubajijeho amakuru arambuye. Ni ko gukuka ko wenda abikoze kubera ko yababonye akaba ashaka kumumenya bihagije, akanamenya impamvu arimo kwita cyane ku muhungu we. Ariko se ni iyihe mpamvu yari gutuma umutima umuva mu gitereko nyuma yo kumenya Gihozo ?

Kanyange amaze kubona ko nyina arangije ibyamuzanye akaba agiye gutaha, asaba Gihozo kuza bakajyana gusuhuza nyina. Gihozo abanza kugira ubwoba kubera ibyo yishinjaga se yakozwe, ariko arihangana aragenda kuko nta yandi mahitamo yari afite.

Nyina wa Kanyange amubaza ibimwerekeyeho byose ahereye ku ho atuye, ababyeyi be n'impamvu yamuzanye kwa muganga akaza kwita kuri muhungu we. Gihozo yisobanura mu kinyabupfura, ahereye ku ruhande abivuga byose atagira icyo yikanga, ariko biranga biba iby'ubusa. Asanga nyina wa Kanyange azi neza ababyeyi be n'ibyabo byose. Nyina wa Kanyange amaze kumwumva, aramubwira ati: "Kuva uyu munsu, singushaka hano kwa muganga, ujijisha ngo uraza kwita ku muhungu wanjye. Ibyo mwamukoreye birahagije,

ntakeneye abo kumushinyagurira di. Imana ni yo nkuru nibishaka azakira. Nyuma yo kumuriganya imitungo ye, murashaka no kumwambura ubuzima? Ntimuranyurwa n'inguma yikoreye z'ibyuma mwamuteraguye?"

Gihozo agerageza gusaba imbabazi ariko umubyeyi wavuganaga umujinya yanga kumwumva. Gihozo akomeza kumusobanurira ko ibyo ababyeyi be bakoze byabaye adahari kandi ko nta ruhare yabigizemo, undi amubera ibamba. Umwana arira ayo kwarika ariko ntiyumvwa na gato. Nyina wa Kanyange amubwira ko uretse no kutagaruka kwa muganga, akwiye kwibagirwa Rwema kuko ntaho bahuriye kandi nta n'aho bazigera baturira. Amwibutsa rwose ko kubana kwabo kudashoboka igihe akiriho. Umwana akibyumva arajumariirwa, abura uko agenze. Hejuru yo guhemukirwa na se umubyara, n'uwo yagahungiyeho kugira ngo nibura amuhumurize na we akaba amutereranye.

Nuko Gihozo ataha yikoreye amaboko kuko umukecuru yari yarahiye ko atongera kuharara. Agera imuhira yacitse intege cyane ku buryo na we yongeye kurwara nk'uko yarwaye mbere akimenya ko ababyeyi be bahemukiye Rwema, nuko abura icyo akora n'icyo areka. Kubaho adafite Rwema no kwiyumvisha ko ntaho bazongera guhurira, biramukomerera cyane. Kwicara mu rugo agatuza, atabona amakuru y'umukunzi we, atazi niba arimo korohereye, ntibyamuha amahoro na make. No kubana n'ikimwari cy'uko umubyeyi we ari we wamuhemukiye, byari bikomeye.

Nk'uko yari asanzwe abimenyereye iyo yabaga ari mu mage nk'ayo, yongera kwitabaza inshuti ze kugira ngo yumve ko zamwungura inama. Aherako ajya kureba Kamariza na Mahoro ababaye cyane, yarananutse kuko yari amaze iminsi atarya kandi ahangayitse. Ntiwabashaga kumureba ngo umenye ko ari Gihozo wigeze kumenya.

Nyuma yo kubatekerereza ibyamubayeho byose n'ukuntu nyina wa Kanyange yamushwishuriye, bombi bicwa n'agahinda. Mahoro amubaza ikibazo kimwe: "Ese Rwema azi ko so ari we wakoze ibyo bintu byose?" Undi amusubiza ko atabizi, gusa amubwira ko azabimenya uko byagenda kose. Undi yamubwiye ko kuva atazi uko Rwema abifata, akomeza kumukunda no kumuba hafi kugeza igihe azakirira, akamenya icyo abitekerezaho.

Kamariza we amusaba kutita ku by'amagambo ya nyina wa Kanyange. Amwibutsa ko we na Rwema bakundanye nta wundi muntu uhari. Ko ari bo bonyine bashobora guhagarika urukundo rwabo. Nta wundi ufite uburenganzira bwo kubyivangamo atazi aho byatangiriye.

Kamariza akomeza agira ati: "Njye ndumva wakomeza ukamukunda kandi ukamukunda nk'uko wabikoraga. Nta ruhare na ruke wigeze ugira mu byabaye byose. Ikindi kandi nta cyo wishinja. Uko mu ijuru buri wese azabazwa ibyaha bye, ni ko no mu gihugu cyacu buri wese abazwa ibyo yakozwe. Humura kandi Rwema naramubonye ni umuntu w'umugabo utagendera ku magambo. Afite ibitekerezo bya kigabo kandi ashyira mu gaciro. Nitugira amahirwe agakira ni we uzaguhaha umwanzuro wa nyuma kuri ibyo ngibyo. Ariko nk'umuntu mwabanye mukanyurana muri byinshi, ntekereza ko atagutenguhaha akuziza amakosa y'ababyeyi bawe nkaho ari wowe wabatumye gukora ibibi."

Gihozo yumva bamuremye agatima, yumva akomeye rwose. Nuko anezweza n’uko afite inshuti zisigaye zimwumva kandi byaratangiye zimurwanya. Abona ko nibura afite abantu yakwiyegamiza. Mahoro amugira inama ko umunsi Rwema yakize, yazamwegera akamubwiza ukuri kw’ibintu byose, nta na kimwe aciye ku ruhande. Amugira inama yo kuzamwumvisha ukuntu n’ubwo byabaye nta ruhare yabigizemo, akanaboneraho kumusaba imbabazi no kuzisabira ababyeyi be.

Iyi nama Gihozo arayikunda cyane, abona ko bwaba ari uburyo bwiza bwo kongera gusubirana n’umukunzi we, no kumwereka ko na we yababajwe n’ibyamubayeho. Byari no kuba byiza kuko Rwema atari kubanza kubyumva ahandi ngo abone kubibaza Gihozo neza.

Ntabwo byari byoroshye ariko yagombaga kubigerageza. Gutekereza ukuntu azahinguka imbere ya Rwema, akamubwira uko umuryango we ari wo wamuhemukiye akiri muto, ukamukurikirana kugeza aho ushatse kumwambura ubuzima nyuma y’imyaka myinshi, bimubera ihurizo rikomeye. Nuko aterwa ubwoba n’uko Rwema atigeze yifuza kubabaza, azaba agiye kumubabaza uwo munsi. Agira ubwoba kandi ko umunsi yabivuze, umukunzi we azahita amwanga, ntibazongere kuvugana na rimwe. Kubona amagambo abivugamo na byo ntibyari bimworoheye, gusa yagombaga kuba intwari akabivuga. Ni umukoro inshuti ze zari zimuhaye. Byari ngombwa kuwutekerezaho neza kuzageza igihe umukunzi we azakirira.

Nuko abaza inshuti ze icyo yaba akora hagati aho, kuko atari ahawe amahoro no kwicara mu rugo azi ko umukunzi we arembeye mu bitaro, nyamara adashoboye kumusura ngo amwiteho. Mahoro amugira inama yo kugenzura neza, akamenya iminsi nyina wa Kanyange azira kwa muganga. Ibi byari kumufasha kujya ajyayo hariyo Kanyange gusa, amasaha yo gusura kwa nyina yagera, agataha. Icyo na cyo cyari igitekerezo cyiza ariko Gihozo agashidikanya ko Kanyange na we azamwakira kandi yaramenye ukuri kuri hagati aho.

Abana b’abakobwa babonye ko Gihozo afite gushidikanya cyane, bemera kumukorera iryo genzura bakamenya igihe nyina wa Kanyange asurira umuhungu we. Bamubwira ko na we agomba gukora ibishoboka byose akumvikana na Kanyange ku buryo amureka akajya amwemerera kumusura rwihishwa.

Inama iba iyo, barayinoza bose. Gihozo arabashimira cyane kubera ukuntu bemeye kumutega amatwi kandi bakamugira inama zimufasha gukomeza gukunda umukunzi we. Na bo bamwongerera icyizere cy’uko urukundo rwabo ruzakomeza bityo bimurema agatima. Uwo munsi yumva araruhutse, agahinda kose yari amaranye igihe agasiga aho.

Kubera ukuntu bagenzi be babonaga ameze, kubera kumara iminsi atabasha kugira icyo arya, bagiye kumugurira ibyo kurya no kunywa kugira ngo barebe ko yakongera kugarura agatege, maze agatangira urugamba rweruye rw’urukundo ameze neza.

Mahoro aramubwira ati: “Iyo urugamba rukomeye ruba rugiyeye kurangira. Twe turi abafana bawe kandi tukuri inyuma igihe cyose. Tugiye kurwana uru rugamba kugeza ku iherezo kandi ndakurahiye ntituzarutsindwa.”

Bemeza neza gahunda yo kuneka kwa muganga ngo bamenye igihe nyina wa Kanyange aba adahari, maze Gihozo ajye aboneraho asure Rwema. Uwo mugoroba umubera mwiza cyane,

bamwibagiza ibibazo byose, bamwereka ko ubuzima n'ubucuti afitanye na Rwema bugomba gukomeza atitaye ku mpamvu iyo ari yo yose. icyari gisigaye kuri we kwari ugusengera umukunzi we kugira ngo abashe kuva mu bitaro.

Nibura Gihozo abasha kongera kurya, kwiyumvamo icyizere cy'ubuzima no kugerageza gukomeza kubaho nk'uko yari asanzwe abaho. Asigara ategereje kumenya uko ibintu bimeze kugira ngo abashe kongera kwisurira umukunzi no kumwitaho.

Hashize iminsi, Mahoro na Kamariza bamubwira ko gahunda yagenze neza, bakaba bamenye igihe yajya agira kwa muganga kwita ku mukunzi we. Gihozo abyakirana ibyishimo, asigara yibaza niba Kanyange azamwakira neza kuko na we yari yamaze kumumenya ariko yiyemeza kujyayo byanze bikunze.

Umunsi ugeze ategura ibyo ashyira umurwayi maze ajyayo. Akihagera, Kanyange atinzwa gusa no kumubona maze amwamaganira kure, amubaza niba ibyo nyina yamubwiye atarigeze abyumva. Gihozo aramwinginga cyane, amusaba imbabazi, undi na we aranga aramutsembera. Gihozo asubira mu rugo ababaye, yibaza ukuntu atabashije kureba Rwema nibura mu maso ngo amenye uko amerewe. Ibyo yari agemuriye abarwayi abisigira abandi barwayi bo muri ibyo bitaro, maze arataha.

Hashize iminsi itanu Gihozo ajyayo, Kanyange ataramwemerera kugera aho Rwema arwariye, amushinja ko umuryango we ari wo wahemukiye musaza we. Iyo minsi yose, Gihozo ayimara mu gahinda ariko ntiyacika intege. Uko yajyaga kwa muganga ni ko yajyanaga ibyo kurya no kunywa, imbuto n'amazi yabaga yateguriye Rwema ariko Kanyange akanga ko abimugezaho. Nuko Gihozo agahitamo kubifashisha abandi barwayi bari aho ngaho, iminsi iba myinshi bigenda bityo. Nibura yashakaga ko Imana yo mu ijuru ibona ko yagize umutima wo kwita ku barwayi nubwo abo yifuzaga atari bo yashoboye kwitaho.

Kanyange wareberaga hafi ibyo byose, akomeza gutungurwa n'ukuntu Gihozo afite umutima ukomeye, akaba umukobwa uzi guharanira icyo yiyemeje, kugeza akigezaho. Nuko anatungurwa n'ukuntu afite umutima mwiza, kugeza ubwo yiyemeza gufasha abarwayi bose barwariye aho kubera gusa urukundo akunda musaza we. Ibi bimutera kubona ko akunda musaza we by'ukuri kandi ko nubwo ababyeyi be ari abagome, we ashobora kuba atandukanye na bo. Nuko amugirira impuhwe, yigira inama yo kumureka ku munsu ukurikiyeho kugira ngo asuhuze Rwema. Yagombaga kubikora rwihishwa kuko nyina atagomba kubimenya.

Umunsi wakurikiyeho, wari uwa gatandatu Gihozo adasiba kwa muganga kandi buri uko agiyeyo akajyana ibyo yabaga yageneye abarwayi. Yagerayo akabamesera, akabaganiriza, akabasengera, abashoboye kujya hanze akabasindagiza bakota izuba, mbese yari yabaye inshuti y'abarwayi. Yari yiyemeje gukomeza ibyo bikorwa bye kuzageza igihe azamenya ko Rwema yakize. Ibyo byose bikamukomeza umutima, bigatuma yiyumva nk'uri hafi ya Rwema, maze bikamushimisha, iyo bwiraga atabona ko mu cyumba cye hiriwe hacaracaramo abaganga benshi. Byamwizezaga ko umukunzi we ashobora kuba arimo koroherwa, ko ndetse ashobora no kugira atya agasohoka akaba yamubona.

Kuri uwo muni, arimo kuganira n'abarwayi mu cyumba, abasaba kubyuka bakicara ku buriri kugira ngo badakomeza kuryama, nuko abona Kanyange yinjiye mu cyumba yarimo. Yihutira gusuhuza Kanyange, amubaza uko Rwema amerewe. Atungurwa no kubona Kanyange asa nk'uwahindutse, maze aramubwira ati: "Injira mu cyumba cye, ujye kumureba."

Gihozo akeka ko yumviranye ariko nanone atinya kongera kubaza neza ibivuzwe, kuko yakekaga ko ashobora kubisubirishamo Kanyange, akisubiraho bigatuma atabona amahirwe yo gusuhuza umukunzi we. Nuko areka ibyo yarimo arahaguruka, afata amata yari yazanye agaburira abarwayi bose, maze yerekeza mu cyumba cya Rwema.

Ageze muri icyo cyumba, asanga abarwayi bombi baryamye ariko bigaragara ko batakiremye cyane nka mbere. Basaga nk'abashinziriye. Yicara iruhande rwa Rwema, amufata ikiganza cy'iburyo maze avugana agahinda amagambo yo kumusaba imbabazi, ati: "Umbabarire cyane mukunzi. Umbabarire cyane ko ntashoboye kukurinda ababisha. Nta ruhare nabigizemo rwose uzambabarire untege amatwi. Imana yo mu Ijuru igufashe uve kuri iki gitanda."

Kanyange yari ahagaze mu muryango w'icyumba areba ukuntu Gihozo arimo kuririra imbere ya musaza we. Kubera ukuntu byari biteye agahinda, Kanyange ananirwa kwihangana, na we amarira amuzenga mu maso, ariko amagambo Gihozo yakomeje kuvuga, noneho amutera guturika ararira, amarira arashoka.

Gihozo akomeza gutakamba asaba imbabazi ari na ko acishamo agasengera Rwema, amufashe mu kiganza kugira ngo arebe ko nibura yakira. Hashize umwanya, Kanyange na we wari waje kwegera Gihozo arimo kurirana na we, amwigiza ku ruhande maze yegura Rwema aramukangura.

Rwema agikanguka, abona abakobwa babiri imbere ye barimo kurira. Ntabwo yari yagakize neza ariko yashoboraga kureba umuntu akamumenya ndetse akamubwira amagambo make. Nuko arabasuhuza, arangije amubwira mu ijwi rituje cyane bigaragara ko ababara, ati: "Hu...mu...ra. Ima...na ni yo ...nkuru..." Ntiyagira andi magambo avuga ahubwo ahita asinzira.

Nuko bajya kureba aho umumotari arwariye ku kindi gitanda, bareba uko ameze cyane ko we yari atangiye gutora agatege no kugira ibintu aya yirishije. Barongera basengera hamwe nk'uko bari basanzwe babigenza maze baratandukana. Gihozo arataha asiga Kanyange kwa muganga nk'uko yari asanzwe abigenza, atahana ibyishimo bimusaze kuko yari abashije kumenya amakuru ya Rwema no kwibonera ko hari icyizere cyo gukira.

Kuva uwo muni, Kanyange yongera kwemerera Gihozo kujya aza agasuhuza Rwema, bigera aho bombi bongera gufatanya kumwitaho nk'uko babikoraga mbere. Ibi byose ariko bigakorwa mu ibanga rikomeye kuko nyina wa Kanyange atari kumenya ko Gihozo ajya aza kwa muganga kureba umuhungu we ngo aborohera.

Uko iminsi yagiye yicuma, ni ko abarwayi bagiye bakira. Batangira kujya bahaguruka bakajya hanze bicumbye akabando ari na ko babasha kugira icyo bashyira mu nda. Bikomeza bityo, bigera aho basezererwa mu bitaro, bandikirwa imiti bagomba gufatira mu rugo. Uko bagaragaraga, hari icyizere cyo gukira kandi bagakira nta bumuga bundi bibasigiye.

Rugarika yavuye ku izima

Rugarika yari akiri muri gereza. Ntiyari yakaburanye ngo amenye aho ibye byerekeza. Umugore we yajyaga kumusura mu minsi yagenwe, buri muni akamwibutsa ko akwiye kuva ku izima agasaba imbabazi. Akamwibutsa ko n'abishe abantu iyo bireze, bakemera icyaha hanyuma bakagisabira imbabazi, bagabanyirizwa ibihano nkanswe we watwaye imitungo gusa. Kugira ngo abimwumvishe neza, asaba abaturanyi n'inshuti z'umuryango bajya gusura Rugarika, kujya bamufasha bakamwumvisha ko akwiriye kwerura, akavugisha ukuri kw'ibintu byose, akanaboneraho gusaba imbabazi. Bose bakajya bamwumvisha ko uretse no kubohoka ku mutima, bizamufasha kugabanyirizwa igihano.

Ibyo bitekerezo byose byazengurukaga mu mutwe wa Rugarika akibaza icyo yakora n'icyo yareka bikamuyobera. Kubera kubibwirwa kenshi n'abamusuraga bese, abanza kujya yanga kubonana na bo kuko yakekaga ko bese ari byo baje kumubwira.

Umunsi umwe yicaranye n'abandi bafunganywe, ababaza niba koko kuvugisha ukuri ku byaha biba byakozwe hari icyo bifasha umuntu. Benshi bamuha ubuhamya, banamugira inama yo kuvugisha ukuri agasaba imbabazi kuko ari byo bizatuma abaho atuje kandi bikanamugabanyiriza igihano.

Izo nama zose zubaka Rugarika ku buryo yageze aho akabona ko akwiriye kureka kwinangira umutima, akaba umuntu ukwiriye nk'uko abagirwaho inama kenshi. Nyuma yo gufata umwanzuro uhamye, abimenyesha umugore we maze amusaba kuzihanganira ibizababaho byose kuko bari bagiye gusubiza imwe mu mitungo y'abandi batwaye. Bombi babyemeranyaho maze biyemeza kuvugisha ukuri bagasigara nta muntu bafitanye ikibazo.

Uko ni ko byagenze mu rukiko. Nta n'ubwo kuruca byigeze bigorana cyangwa ngo abamuregaga bagorwe no kuburana kuko byose yabyiyemereye rugikubita. Yababwiye impamvu yashatse kwambura Rwema ubuzima. Asaba imbabazi umuryango wa Rwema, azisaba imbaga y'abantu bari aho, anisabira ko igihano akwiriye yagihabwa kugira ngo nibura yumve ko hari igice gito abashije kwishyura kubera ibyaha yakoze.

Nyuma y'urubanza, urukiko rukatira Rugarika gufungwa imyaka ibiri no gusubiza imitungo umuryango wo kwa Rwema. Rugarika yakirana imyanzuro y'urubanza umutima mwiza.

Dore ibyari bihishwe byose bigiye hanze. Ibyo umuryango wa Gihozo wakoze biramenyekanye byose. Gihozo asigarana imitima ibiri: ku ruhande rumwe ashimishwa n'uko se avuye ku izima akavugisha ukuri ndetse akanasaba imbabazi. Ubutabera bwari bubonetse. Ku rundi ruhande, agira ikibazo cy'uko aza guhinguka imbere ya Rwema nyuma y'ibyo bibazo byose.

Kuba se akatiwe gufungwa iyo myaka, kuba bari bagiye gusubiza imitungo yose bagasa nk'aho basigarana ubusa, kuba Rwema amaze iminsi arembeye mu bitaro kandi byaraturutse kuri se, byose ni ibibazo byakomeje kumubuza amahoro. Ubuzima bwari bugeze habi cyane. Yakomeje kwibaza niba yakomezanya na Rwema cyangwa se yabireka agakomeza ubundi buzima, akabura icyemezo abifatira. Yatekerezaga ko ashobora kutabivamo agasanga Rwema yaramaze kubivamo, bikamubera bibi kurushaho. Nuko ahitamo kwicara agatuza, agategereza ko Rwema azagira icyo amubwira.

Ibyo bikomeza kumukomerera, kuko yashakaga no kumenya icyo Rwema amutekerezaho. Nta yandi mahitamo yagiraga, uretse gutuza, akiyemeza ko nyiri ubwite yazamuhamagara akamubwira ikimuri ku mutima nk'uko n'ubundi yamuhamagaye akamubwira ko amukunda. Mu mutima we, yakomeje gukunda Rwema ku buryo ibyo bitari kuba intandaro yo gutandukana na we. Ikindi ni uko we atagiraga icyo yishinja ku buryo yari kwiyumva nk'uwahemutse. Muri byose, agashimishwa no kuba Rwema yarabashije gukira nubwo atari yakabashije kongera gusubira ku ishuri. Yari yaritanze uko ashoboye kugira ngo arebe ko yava kwa muganga.

Rwema na we aho yari ari, akomeza kurakarira Gihozo n'umuryango we. Nuko afata umwanzuro wo kumureka burundu akikomereza ubundi buzima. Uwo mwanzuro yawushyigikiwemo n'inshuti ze magara, Ntwari na Nshizirungu. Umuryango wamwambuye imitungo yari yarasigiye n'ababyeyi, umuryango washatse kumwambura ubuzima, uwo si umuryango yumvaga ko agomba gushakamo. Yakomeje kurenganya Gihozo cyane amuziza ko yari azi ukuri ntakumubwire mbere y'igihe. Kuri we, urwo ntiyarufata nk'urukundo, ahubwo abifata nko kumwiyegereza kugira ngo abone uko amugambanira. Yumvaga kandi nta kuntu se Rugarika yacura umugambi wo kumuhemukira ngo abure kumenya ayo makuru. Yakabaye yaramubwiye hakiri kare, ko se ashaka kumuhemukira niba koko yaramukundaga.

Akomeza kwibwira ati: " Gihozo yahisemo kuja na se inama kugira ngo bampemukire. Wa mutima mwiza yanyerekaga nta kindi wari ugamiye. Ni uburyo bwo kunyiyegereza kugira ngo babone uko bankura mu nzira, bityo bazaherane ibyacu. Nari narayobewe icyo abikorera byose, burya ni ukugira ngo ambone. Ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka rero. Nta handi azankura, icyakora mbonye ko nta we ukwiriye kwizerwa pe! Wa mugani wa Bibiliya 'Uwizera umwana w'umuntu avumwe.'"

Kubera umujinya yari afite, yigira inama yo kwangiza buri kintu cyose kimwibutsa Gihozo. Nuko ahera ku mafoto bari bafitanye, impano bahanye, amabaruwa bandikiranye n'ibindi byose byamwibutsa ibyo bakoranye, maze atangira kubitwika no kubijugunya. Yari amurakariye cyane ku buryo yumvaga ko atamubabarira.

Ibyo byose abikora Kanyange abikurikiranira hafi, kuko we yari yarabonye ukwitanga Gihozo yagize ubwo musaza we yari mu bitaro arembye. Kanyange afata bimwe mu bintu bihuza Rwema na Gihozo, abikura mu cyumba cya Rwema maze ajya kubihisha kure. Ntiyashakaga ko akomeza kubyangiza, kubitwika no kubijugunya kuko byari kuzababaza Gihozo cyane. Ikindi kandi yari afite icyizere ko musaza we nashira uburakari, azongera agakundana na Gihozo kuko uwakoze ibyaha yabyiyemereye akanabihanirwa. Gihozo akaba atari yaragize uruhare muri ibyo bikorwa bya kinyamaswa.

Rwema amara amezi atandatu yaranze Gihozo urunuka. Ayamara atanamutekereza, yewe atanifuza kumva umuntu uvuga amazina ye. Icyakora nyuma y'amezi atatu Rugarika amaze gufungwa, Rwema yahise asubira ku ishuri kuko yari amaze kwijajara.

Rwema yasubije amaso inyuma afata undi mwanzuro

Mu kiruhuko cy'ukwezi kwa munani, Kanyange asaba Rwema niba yamubonera umwanya, bakajyana ahantu kunywa no kurya, banaganira kuko hari hashize igihe kirekire bataganira. Rwema arabyishimira cyane maze amubwira aseka ati: “Mbega mushiki wanjye nkunda! Washaka kunsohokana nkabyanga se? Tuzagende igihe ushakira rwose. Ndahari wese.”

Mushiki we aramushimira maze bafatira hamwe umunsi bombi bazaba babohotse, kugira ngo ari bwo bazasohokana. Byari ibyishimo hagati yabo cyane ko n'ubundi bari basanzwe babanye neza. Ikindi kandi bombi bari bamaze gukura. Bagiraga byinshi byo kuganira nk'abasore, byerekeranye n'imishinga y'ubuzima, iterambere, urukundo, amasomo, imyifatire, urwenya n'ibindi bitandukanye.

Rwema yakundaga mushiki we bikomeye. Kuba ari we wenyine yagiraga, bikamutera kumukunda bidasanzwe. Uretse ko ari na ko bakuze bumvikana muri byose, bakagirana inama, bagahanana, bakubahana mbese ugasanga umwe ahora yishimiye undi. Iyo babaga batera urwenya buri wese yabaga yirata ko ari we mwiza kurusha undi. Kanyange akabwira musaza we ko atamurusha kuba mwiza kandi yirabura cyane. Kanyange akiratana inzobe ye n'uruhu rukeye kurusha urwa Rwema. Akajya anamubwira ko kubera ukuntu ari mubi, azamutanga gushaka kuko abagabo batazatinda kumubenguka bakamujyana Rwema akiri muri ayo.

Urwo rwenya wasangaga ruryoshye kuko uwabarebaga atabazi yabonaga barimo guterana ubuse. Buri wese yabaga afite ukuntu yihagazeho kugira ngo yemeze mugenzi we ko afite icyo amurusha. Ni impaka zitajyaga zirangira. N'umubyeyi wabo yirindaga kwinjira mu by'abana be ahubwo baba batangiye izo mpaka zabo, akaba yiyicariye ku ruhande abumva akabihorera. Yabaga yisekera gusa avuga ukuntu umwe yabashije kwemeza mugenzi we, akaburizamo ibitekerezo bye.

Ibyo ari ko ntikwabaga ari uguhangana kuko byabaga ari nko gukina. Nta n'ubwo byari bishingiye ku kuri, ahubwo byabaga ari ukugira ngo baganire bakina.

Umunsi bemeranyije kujya gusangira uragera, nuko bajya aho bari bateguye maze baricara, batangira kuganira. Byari byiza cyane. Bagiyeye bambaye neza imyenda ibabereye, ubabonye wese akagira ngo ni umusore urimo gutereta inkumi. Umuntu atapfa kurabukwa ko ari abavandimwe.

Mu kiganiro cyabo, Kanyange araterura, aravuga ati: “Rwema musaza wanjye, ndagukunda kuko ari wowe wenyine mfite. Njya nshimira Imana ko yampaye musaza wanjye nishimira. Yampaye musaza wanjye nkunda. Nkukundira ikinyabupfura ugira. Nkukundira ibitekerezo ugira. Nkukundira ko uri umuntu ushyira mu gaciro ukareba igikwiriye ukaba ari cyo ukora. Nkukundira ko utajya uvangura abantu. Wubaha bese kandi ukitangira bese. Uwo mutima mwiza uzawuhorane.”

Rwema atungurwa cyane n'ayo magambo. Ni ubwa mbere mushiki we yari amwicajye ahantu hatuje nk'aho akamubwira amagambo akomeye atyo. Ibyo yamubwiye ntibyamutunguye cyane kuko n'ubundi yari asanzwe abanye neza na mushiki we, ahubwo ukuntu yabimubwiye atuje, bari bonyine ni byo byamutunguye.

Kanyange arakomeza ati: “Nkwifuriza ibyiza mu buzima bwawe. Kuva ku nsinzi mu ishuri, ku kugira umukunzi mwiza ukageza ku rugo rwiza. Byose ndabikwifuriza.”

Rwema wari ukiri mu rujijo, abaza Kanyange impamvu amubwira amagambo nk’ayo kandi basanzwe bayaganira. Kanyange ntiyamwitaho ahubwo we akomeza kumubwira ibyo yashakaga kumubwira.

Ndagira ngo ngire umugani ngucira kuko ndashaka ko inyigisho zirimo zigira icyo zikwigisha mu buzima bwawe:

Umunsi umwe, imbwa yasanze injangwe yafashwe mu mutego irimo gutaka cyane. Iyo mbwa ntiyari ishonje kuko yari imaze kuronka umuhigo. Yitegereza injangwe iri mu mutego, umuniho wayo uyitera impuhwe maze iribwira iti: “Ubwo namaze kubona icyo ndya, reka mfashe iyi njangwe ive mu mutego wenda na yo yazantabara ejo.” Imbwa yegera injangwe, maze injangwe igira ubwoba bwinshi kuko yari izi ko ibyayo noneho birangiye.

Nuko injangwe itungurwa no kubona imbwa ishishikajwe no gucagagura imigozi yari iyifashe, no kuyikura mu yindi mitego yose yari iyikanyaze. Kubera ko injangwe yari imazemo umwanya munini, ivamo yananiwe cyane ku buryo itabashaga no kwiruka ngo ikizwe n’amaguru. Imbwa irayifata, iyijyana mu isenga yayo, ifata ku nyama yari yahize uwo muni maze iyitaburiraho. Yari imaze umunsi itariye kuko yari yiriwe mu mutego.

Ibyo byose injangwe ibikorana ubwoba kuko yari izi ko ikimara kurya, imbwa ihita iyinopfora. Imbwa irwaza neza injangwe bimarana iminsi ine, imbwa ikajya guhiga ikazanira injangwe.

Rimwe byicaranye mu isenga nyuma yo kurya, injangwe ibaza imbwa iti: “Ese ko wangiriye neza bigeze aha, uzandya ryari ngo mbe nitegura gusezera kuri iyi si?” Imbwa irayisubiza iti: “Naba naranze kukurya udashoboye kwiruka, nkatekereza kukurya ubu ngubu? Humura nta cyo nzagutwara. Nubishaka uzagume hano tuhabe twembi cyangwa wigendere. Nasanze nanjye nta cyo nakwishisha kuko iyo uba nk’abandi uba waragiye. Ariko none dore buri uko ntashye nkusanga hano. Nsanga nawe wagerageje gukora uko ushoboye, ukazana icyo wabonye tukongeranya maze tukarya tugahaga. Iyo nagiye hirya iyo ngakubita igihwereye, wowe ukaronka icyo gihe ntiturara imbehe. Nawe waburirwa, tukarya ibyo nazanye. Urumva ko dufashanya muri byinshi.”

Injangwe irishima cyane, inezezwa no kubona imbwa ifite umutima mwiza ityo. Imbwa na yo ishimishwa n’ukuntu injangwe yayigumye iruhande, ikirengagiza ubwoba yari ifite ko ishobora kuzayigira ifunguro umunsi umwe. Ishima ukuntu urukundo bari bafitanye rwatumye babasha kuba bamwe, ntibabe bakirenza umunsi batariye.

Injangwe yiyemeza kuba muri urwo rugo, igahora iruhande rw’iyo mbwa. Nuko ihiga umuhigo wo kuzagira icyo iyitura kuko na yo yatabaye ubuzima bwayo ntacyo igendeyeho, kandi na nyuma yaho igakomeza kuyitaho. Nta kintu na kimwe yaryaga imbwa itariyeho. Nta kintu na kimwe yayihishaga. Byakundaga kuganira igihe cyose biri kumwe kandi bigafashanya kumenya ahari umuhigo.

Umunsi umwe, imbwa irakuzindukira ijya guhiga ahantu kure. Mu ishyamba yarimo, hakabamo abahigi ariko yo ntikabimenye. Aho bayiboneye barayirukankana n’amacumu reka sinakubwira. Aho hantu barimo bahahiga imbwa z’inyagasozu zose kuko zari zimaze iminsi zirara mu matungo y’abatwaga, zigiyeye kuyabamara. Iyo mbwa ntiyamenye ko bimeze bityo. Muri uko kwirukanswa, umuhigi umwe aza kuyitukura icumu mu kuguru maze inanirwa kugenda.

Gukiza amagara yiruka byari bitagishobotse. Nuko ihitamo kureba ahantu yihisha. Ku bw’amahirwe, abahigi barayishakisha barayibura maze bakomeza urugendo kandi bayisize mu gihuru cyari aho. Mu mbaraga nke zari zisigaye, imbwa igerageza gusindagira, itera isekuru ariko irataha.

Ukuguru kwayo ntikwashoboraga gukundagira. Mu yandi magambo, ntiyari igishoboye kujya guhiga. Injangwe ibirebera ku ruhande, iribwira iti: “Ubuzima nasubijwe ubwo nari mu mutego hano ni ho bugiye kugirira agaciro.” Nuko yiyemeza kwita ku mbwa kugeza igihe izakirira.

Injangwe ikabyuka kare cyane ikajya ku muhigo. Saa sita igashaka ikintu itahana kugira ngo imbwa ibashe kurya, igasubiraye ku gicamunsi kugira ngo ijye gushaka ibyo kurarira. Byose ikabikora ishakisha umuti wavura ya mbwa kugira ngo ibashe gukira. Hashize iminsi iza guhura n’injangwe iba mu rugo nuko iyitekerereza ibibazo yagize. Injangwe iyirangira ibyo ijya ibona abantu bivurisha iyo barwaye.

Injangwe itahukana ubwungo, yunga imbwa maze nyuma y’icyumweru irakira, itangira kongera kujya guhiga. Injangwe n’imbwa bikomeza kubana bifashanyije bityo kandi nta na kimwe kigeze gishaka guhemukira ikindi.

Kanyange arangije uwo mugani, asobanurira musaza we amwe mu masomo y’ingenzi ari mu mugani. Irya mbere ni uko abantu birengagije ibyo bita ko bibatandukanya bagera kuri byinshi. Irya kabiri ni uko ugira neza ukayisanga imbere. Irya gatatu ni ukwibuka gushimira.

Ubwo Kanyange arahindukira, areba musaza we mu maso, aramubwira ati: “Ese ntukeneye umukunzi umeze utyo? Umukunzi uzagufasha atitaye ku mvano y’ibibazo ufite? Ntukeneye umukunzi wo kukuba hafi igihe utamerewe neza? Umukunzi uzakwitangira cyane yirengagije ubuzima bwe kugira ngo ubwawe bumererwe neza? Uwo mukunzi ndamukwifurije.”

Imbwa n’injangwe byakomeje kubana akaramata. Ubuzima byabanyemo byageze kuri byinshi kubera ukuntu byahisemo kunga ubumwe. Injangwe yakabaye yarakize igahitamo kwigendera ariko yahisemo kuguma iruhanda rw’uwo mugiraneza kugira ngo baharanire ibyiza imbere”.

Rwema amubwira ko akeneye umukunzi nk’uwo nubwo ataramubona akaba atanazi aho azava. Kanyange amubwira ko umukunzi we atari kure ahubwo bari kumwe. Rwema ayoberwa niba ibyo ari kumva ari byo birimo kuvugwa.

Kanyange arongeraga aramubwira ati: “Umwana wakunda umuntu atitaye ku myumvire abamugenga bafite; Umwana ukunda umuhungu kandi ba nyirawe bamumucaho bakanamurahirira ko igihe bakiriho atazabana na we; umwana wiyemeza gusengera umuntu azi neza ko kumubabarira bitazoroha. Umwana uzirikana gushimira. Uwo mwana uramufite kandi azakubera byose. Kuki ubundi utamufungurira umutima ?”

Nuko amaze kubona ko Rwema ari mu rujijo rukomeye, amubwira yeruye ibyabaye byose ubwo yari mu bitaro. icyakora ntiyihutira kumubwira ko ari Gihozo. Arangije kumubwira ibyo azi kuri Gihozo, byaba ibyo we yamwibwiriye, ibyo yiboneye, n'ibyo abandi bamumubwiyeho. Amugaragariza neza ukuntu umwana yitanze akajya aza kwa muganga yiyibye kugira ngo abashe kumwitaho kandi azi neza ko iyo nyina wa Rwema abimenya, bitari kumubera byiza.

Rwema yumvise iyo nkuru aratungurwa. Ntiyari azi ko Gihozo yahabaye igihe cyose yari arwariye kwa muganga. Ntiyigeze amenya ko Gihozo yanahindutse umugiraneza w'abarwayi kugira ngo nibura abe hafi ya Rwema. icyamutangaje kurusha ibindi ni ukuntu yabikoze kandi azi neza ko uwo atabara yatewe ibikomere na se, Rugarika.

Nuko abaza mushiki we impanvu amubwira ayo magambo yose, maze na we amubwira ko afite umuntu ufite umutima wuzuye urukundo amufitiye. Amubwira ko ari umuntu wirengagiza ibyo abandi bita ko batandukaniyeho, akamuguma iruhande kandi agaharanira ibyishimo bye. Ni umukobwa utareba ibyo abandi baza kumuvugaho agakora icyo abona ko gikwiriye. Umukobwa witandukanya n'umuryango we kugira ngo abashe kwita ku muntu umuryango we ufata nk'umwanzi. Amubwira ko abona Gihozo nk'umugore we kandi umukwiriye.

Nubwo Rwema atahise yemerera aho ngaho ngo asubize Kanyange uko abyumva, yongeye gukumbura Gihozo. Yakumbuye ibiganiro bagiranye, ibihe byiza bagiranye, ukuntu basangiye ibibi n'ibyiza, n'ibindi bintu byose. Urukumbuzi rwongera kumurenga ubwo yashatse ifoto ya Gihozo ngo nibura yongere ayirebe ariko akayibura: yari yarangije ibintu byose byamwibutsa cyangwa bikamuhuza na we.

Rwema ahita ava aho maze ahitamo kujya kubiganirizaho inshuti ze ngo azigishe inama, anamenye niba koko zarajyaga zibona Gihozo ku bitaro inshuro nyinshi. Bagenzi be ntibatinda kumubwira ko nta muntu wamwitayeho nk'uko Gihozo yabikoze, banaboneraho kumumenyesha ko uwo mukobwa yabasabye kuzamusabira imbabazi kuko ibyabaye byose nta ruhare yabigizemo kandi ko akimukunda uko byagenda kose.

Rwema ababaza niba babona ko bikwiriye ko yakomeza gukundana na we, maze bamubwirira icyarimwe bati: "Ntuzite ku magambo y'abarwanya urukundo rwanyu kuko mwakundanye badahari. Ibyabaye byose nta ruhare na ruto abifitemo."

Ibitekerezo byabo biramuganza maze abura icyo yongeraho, ahubwo atangira kwishinja kuba yarababaje Gihozo kandi ari we wamwisabiye kumukunda ubuziraherezo. Aratekereza maze na we asanga koko adakwiriye kuba imbata y'amateka, ahubwo yari akwiriye guca inzigo yari hagati y'imiryango yombi maze akaba isoko yo kwiyunga kwayo. Asanga akwiriye kugaragaza itandukaniro nk'umuntu wamaze kwisobanukirwa, wize kandi usobanutse.

Kuva ubwo atangira gutekereza icyo yakora nk'umuntu mukuru maze asanga kwintangira umutima nta cyo byamumarira. Inama za mushiki we na bagenzi be zaramwubatswe maze yongera kugirira Gihozo urukundo, yumva amugiriye impuhwe kubera ukuntu yamurakariye, ntiyongere no kumwiyereka nyuma y'uko avuye mu bitaro. icyari gisigaye cyari ugushaka Gihozo bakongera bakicara, bakaganira ku bibazo bibugarije, bagafata umwanzuro uhamye nk'abantu bakuru.

Yari azi neza ko urwo rukundo ruzagira ibibazo byinshi. Yari azi neza ko abarurwanya bazaba benshi, atibagiwe nyina n’ ababyeyi ba Gihozo. Kuba yari afite mushiki we umushyigikiye na bagenzi be, byari bimuhagije kandi bikamutiza imbaraga, akumva ko agomba gutsinda urwo rugamba uko byagenda kose.

Kanyange ni we wamufashije kugira ngo yongere ahure na Gihozo. Kuko Kanyange yari asanzwe avugana na Gihozo, kuva Rwema yava mu bitaro. Nuko amuhamagaye kuri telefoni kugira ngo bahure bavugane, Kanyange abwira Gihozo ko hari ibintu ashaka kumubwira bikomeye kandi byihutirwa. Amusaba ko baturira muri bwa busitani yajyaga ahuriramo na Rwema.

Icyakora Gihozo ntiyasobanukirwa neza nubwo yari asanzwe avugana na Kanyange. Ikindi kandi ntibavuganaga byimbitse ku buryo byari gusaba kubanza gutumirana gutyo. Icyamugoye gusobanukirwa cyane, ni ukuntu bagombaga guhurira muri bwa busitani yajyaga ahuriramo na Rwema. Ni ubwa mbere bari bagiye kuhahurira.

Ku munsu bavuganye, Gihozo ahagera mbere y’uko amasaha bavuganye agera, nk’uko yahageze umunsu aza kuhahurira na Rwema amusaba urukundo. Yari afite amatsiko y’ibyo Kanyange amutumiriye kandi yari yiteguye kugira icyo amufasha, niba yaramusabaga ubufasha. Ni umutima yari asanganywe kandi nta kindi byamusabaga kugira ngo afashe umuntu runaka mu byo amusabye.

Nuko yiyicarira aho mu busitani, atekereza ku buzima bwe buri imbere, uko buzamera n’ibyo yakora ngo yiteze imbere. Ibitekerezo bikamujyana muri byinshi ariko umutima ntiwari hamwe kuva se yafungwa kuko ubukungu bwahungabanye cyane. Ni we wari usigaye mu rugo afasha nyina kugira ngo bakomeze guhangana n’ubuzima.

Muri ako kanya, abona Kanyange arahasesekaye, maze baricara batangira kuganira. Babwirana amakuru kuko batari baherukanye maze baganira utuntu dutandukanye twabo nk’abakobwa.

...

Hashize umwanya utari muto, Kanyange abwira Gihozo ko hari umuntu ashaka kumwerekana. Amubwira ko ari umuntu w’agaciro cyane mu buzima bwe, kandi ko byaba byiza ahuye na we bakamenyana. Gihozo akeka ko wenda undi agiye kumwerekana umuhungu basigaye bakundana. Nuko arabyemera, maze Kanyange akura terefoni mu mufuka ahamagara umuntu aramubwira ati:“Wabangutse ko wadukerereje ra? Twagutegereje twakubuza.”

Rwema wari hafi aho, ahita aza yihuta, yerekeza kuri Gihozo ashaka kumuhobera. Barahoberana karahava. Gusa Gihozo ntiyisanzura nk’uko bisanzwe kubera ko yari azi ko hagati ye na we hajemo igihu kitari cyakeyutse. Bamaze kuramukanya, barongera bicara ha handi bajyaga bicara barimo kuganira. Kanyange ahita yiheza ababwira ko hari umuntu wundi agiye kwirebera. Abaha umwanya aragenda maze na bo batangira kuganira. Rwema ntiyoroherwa no kubona aho ahera, ariko nk’umugabo yagombaga kugira icyo akora byanze bikunze.

Gihozo aho yari yicaye umutima wateraga kubi! Yabonye asigaranye na Rwema atari yakamenye icyo atekereza, biramubangamira cyane.

Rwema aramuhindukirira, atangira kumuganiriza no kumubaza ibibazo bitandukanye. Byose yabivugaga ubona ashize amanga, mbese amuganiriza nk'uko baganiraga mbere, ku buryo byafunguye umutima wa Gihozo.

- Umeze ute se Giho?
- Ndaho. Wowe umeze ute?
- Nanjye meze neza.
- Ni njye wari wasabye Kanyange ko agutumira tukaganira.
- Eeeeh! Noneho se turaganira ibiki uyu muni?
- Ndashaka ko tunganira ku rukundo rwacu.
- Reka da! Ngaho nkuteze amatwi.

“Nafashe aya mezi yose kugira ngo ndebe ko nakira ibikomere nari mfite ku mubiri no ku mutima. Nari nkeneye gufata igihe cyo kwimenya neza, kwitekererezaho no kureba aho ubuzima bunganisha. Nyuma y’ibyo byose, naje kwibuka ko nahoranye umuntu hafi yanjye. Umuntu wabaga ahari iteka uko nabaga mukeneye.

Naje kubarirwa inkuru y’uko uwo muntu atigeze ampunga mu bibazo byose nagize. Naje kumenya ko uwo muntu yakomeje kumbura itara rimurika ubwo nari mu mwijima. Ngo hari benshi babonye kuri urwo rumuri batabikeka kandi byose bitewe nanjye. Namenye ko uwo muntu yaretse byose akiyemeza kuza ansanga.

Uwo ni we nahoranye igihe cyose, nubwo inzigo yageze aho yitambika mu nzira yanjye. Ni we umutima wanjye wahoze wifuza. Uwo abavandimwe n’inshuti banshimira. Umutima utinda kwakira ibintu kubera ubuzima tubamo, imiryango ikatugora kubera ibibazo yo ubwayo yifitiye tutazi. Ariko icy’ingenzi ni ukurenga icyo mitego yose, umuntu akagera ku cyo yatumbiriyeho kuva kera.”

Gihozo yumvaga ayo magambo ya Rwema akagira ngo arumvirana, bavugaga ibikurikiyeho bikamutera urujijo. Ntabwo yumvaga neza icyo Rwema yashakaga kuvuga. Kuri we, Rwema yasaga n’uvugira mu migani, aterura icyo ashakaga kuvuga. Kubera uko yamwubahaga, yagombaga kumureka akavugaga kugeza asoje ibyo yateguye. Ntiyifuzaga kumuca mu ijamba ngo amusobanuzwe neza ibyo ashakaga kumubwira.

“Nabanje kurakarira isi n’abayituye, nibwira ko byanze bikunze ntagomba guhindukira ngo nongere kureba inyuma. Numvaga ibiri yo ari ibirimburira gusa. Ibitekerezo byanganishaga ku myanzuro idakwiriye kuko ubuzima bwari bwanyigishije ibibi. Nategereje ko nakongera guhitamo ariko amahitamo akabura. Nabuze ururabo rwasimbura urwo nateye kuko rutari rwakumye. Impumuro yarwo yari ikinsanganira buri gihe uko najyaga kwihumuriza urundi

rukuma. Ibyo byangaragarije ko nindamuka nkurikiye urundi, urwo nitereye ruzabura amazi rukuma.

Umutima wampatirije gutuza, abavandimwe bantoza kurugarukira, kuko nubwo izindi bisa zumye ntizitange imbuto nzima, rwo rwakomeje kwihanganira ibihe bikomeye ruratoha. Ni yo mpamvu nasanze ngomba guturiza hamwe nkakomeza ibyo natangiye. Umugabo ni uhangana n'ibibazo, si ubihunga. Ni ubishakira ibisubizo birambye kandi agaha abantu n'ibintu agaciro bikwiriye. Nanjye rero nahisemo gusubira aho nahoze. Nkasubiza ibintu mu murongo bigomba kuba birimo kuko nasanze ari icyo gikwiriye.”

Kugeza ubwo, Gihozo atangira kugenda asobanukirwa aho Rwema aganisha. Ntibyari bikimugoye, aho byari bigeze ukuri kwari kurimo kugenda gusobanuka. Yishimira kuba Rwema yongeye kugaruka mu buzima bwe. N'ubundi yari azi Rwema nk'umugabo utagendera ku mabwire, umugabo ugira ibitekerezo bihamye kandi agashyira mu gaciro. Yari amuzi nk'umuntu uba uzi igikenewe muri buri kintu kandi akamenya kugihanganira. Ni yo mpamvu atari yakamukuyeho agatima. Rwema yasanze Gihozo akimutegereje, aka wa mugani wa wa muhanzi ati: “Uzasanga agatima kagihari.”

Rwema yicara atuje, areba Gihozo ategereje ko yagira icyo amubwira kuko yari amaze umwanya utari muto amuteze amatwi. Gihozo na we akomeza gutekereza aho ari buhere kuko byasaga no korosora uwabyukaga. Yari yarategereje ko Rwema azagaruka. Ntiyigeze acika intege. Yari yizeye ko umunsi ukuri kwagiye ahabona, Rwema agafata icyemezo kizima, azagaruka.

Nyuma yo kumva amagambo ya Rwema, na we aramusubiza ati: “Humura, ubwira uwumva ntavunika. Mbere y'uko mpura n'uwaturishije umutima wanjye, yarabanje aransuhuza ubundi ambwira icyo ashaka. Nari nizeye ko nahitamo kugenda azagaruka akansezeraho nk'uko yansuhuje agitangira. Ntaramubona ansezeraho sinigeze niheba ngo ntekereze ko yagiye. Nari nkimwumva hafi yanjye. Niba rero aje ansanga, nagira amahirwe ntansezeraho ahubwo aje kugira ngo dufatanye urugamba, ndabishimira Imana. Ndamwakiriye kandi ndamwishimiye nk'uko byahozе.”

Amagambo ya Gihozo agwa Rwema ku mutima maze kwihangana biramunanira, amusaba ko amuhobera. Byagaragaraga ko Rwema yishimye cyane, kuba asanze umukunzi we yari akimutegereje. Nuko anezezwa cyane n'amagambo amubwiye kuko yamwubatse umutima.

Nuko Gihozo ntiyarekera iyo, ahubwo abaza Rwema ibibazo bitandukanye: Ese inzigo iri hagati y'imiryango yacu izatuma urukundo rwacu rugira icyo rugeraho? Kuki wowe wongeye kunkunda nyuma y'uko umuryango wanjye waguhemukiye bikabije? Ese umubyeyi ukubiyara we azaha umugisha uru rukundo?

Umuhungu yari azi neza ko izo mpungenge zihari mbere y'uko zivugwa. Asaba umukunzi we gutuza, agashikama hanyuma bagafatanya guhangana n'ibibazo byose bibugarije. Amwibutsa ukuntu bahuriye mu modoka maze akamwitaho ntacyo agendeyeho. Amwibutsa ko bari babiri gusa ubwo baturaga. Amubwira ko uwahemutse yahaniwe ibyo yakozе kandi akabisabira imbabazi. Ko nta ruhare rwa Gihozo rwarimo. Akomeza kumushimira nanone ko yamubaye hafi

igihe yari arwaye. Anaboneraho kandi kumubwira ko bamubwiye ubwitange bwose yamugararije kugeza umunsi yakiriyeho.

Rwema akomeza kumusaba gushikama akamuba hafi. Na we koko yari azi neza ko nyina atazaha umugisha urukundo rwa muhungu we na Gihozo. Yari azi kandi ko n'ababyeyi ba Gihozo batazabashyigikira nyuma y'ibyabaye byose. Ariko kugira mushiki we n'inshuti za bombi zibashyigikiye, bikamuha gukomera no kumva ko urugamba bazarutsinda uko byagenda kose.

Gihozo wari umaze guhumurizwa, arabyemera maze abwira Rwema ati: “Ndakwinginze ntuzansige. Uko byamera kose, tuzagumane kuko wongeye kunsiga nakwiheba. Nubwo ababyeyi b'imiryango yombi babyanga, njye sinzakuvaho. Nzagumana nawe kugeza ku iherezo.”

Rwema amusezeranya guhagarara ku ijamba rye nk'umugabo, biyemeza kudacibwa intege n'ibyo babona, amagambo n'ibindi bicantege byose kugeza ku mwuka wa nyuma. Barongera baraganira maze hashize umwanya bahitamo gutaha kuko umunsi wari uciye ikibu.

Urukundo rwabo rurongera ruratutumba. Kuri iyi nshuro, ntibakomeza gukundana iyo, ahubwo batangira kujya basurana mu rugo, umwe akajya gusura undi iwabo. Uko uwo mubano wakomeje, ni ko urukundo rwarushagaho kugenda rwiyoungera mu mitima ya bombi. Ni ko kandi bagendaga barushaho gukura, bakegereza iminsi yo gushinga urwabo. icyemezo cyo kubana bari baragifashe, kuko imyaka bari bamaze bakundana yari ihagije.

Icyakora abana birinda guhita batangariza ababyeyi ko bateganya kubana. Babyumvikanaho bombi maze bemeranya gutegereza ko Rugarika afungurwa, bakabona gushyira urukundo rwabo ku mugaragaro bakanatangiza umushinga w'urugo rwabo.

Igihe Rugarika yagombaga kumara muri gereza kirangiye, arataha. Yatashye ari umuntu uciye bugufi, utavuga menshi kandi bigaragara ko yahindutse nubwo akabaye icwende katoga. Nta wari wakemeye ko azaha umugisha urukundo rw'abo bana kandi ari bo baturutseho ifungwa rye, ubukene bukabije yari asigaranye, akanatakaza icyubahiro yari afite muri rubanda.

Kuko Rugarika yari amaze gufungurwa, Gihozo na Rwema biyemeza ko bagomba kubishyira ku mugaragaro kuko nta mpamvu yo gukomeza gukundana rwihishwa. Babimenyesha Kanyange, maze ababwira ko abashyigikiye ijana ku rindi, kandi ko nta kizamubuza no gushyigikira ko babana. Ntwari na Nshizirungu na bo babwiye Rwema ko nta cyatuma atarongora umukobwa yakunze. Bamwemerera ubufasha bwose yabakeneraho kugira ngo inzozo ze azigire impamo.

Reka rero inkuru izagere kwa nyina wa Rwema! Abo bana bari bagiye babyambariye maze nyamuhungu na we abuza umukecuru kugira aho atarabukira, ngo arashaka kumwerekana umukobwa yakunze, akaba yifuza kuzamugira umugore. Imyiteguro ishoboka yarakozwe maze umukecuru yicara mu rugo ategereza ugomba kuba umukazana we.

Nyuma yo kwerekana umukobwa watwaye umutima w'umuhungu we, umukecuru ntiyagira icyo avuga. Abwira muhungu we amagambo abiri gusa: “Ni byiza.” Nuko ntiyongera kugira icyo abivugaho ahubwo arabareka bakora ibyo bakora, birangiye abashyitsi barataha.

Rwema yicarana na nyina ngo amubaze uko yabonye umugeni we n’uko yabyakiriye. Nyina abicaza bombi we na Kanyange, maze amubaza igisubizo gikakaye cyarimo ibintu batari barigeze bamenya kuva bavuka, ibyo batatekerezaga ko byashoboka.

“Ndagira ngo untege amatwi witonze. Hari ibintu byinshi uba utazi. Ni na yo mpamvu utagomba kwishora mu bintu byose utagishije inama. Ndakwibutsa kandi ko icyiza ari ugukurikiza inama niba udashaka kuzicuzza.

Njye ubona hano si ndi umubyeyi wawe wakubonye mu nda. Ifoto naguhaye uriho n’umugore, ni iyawe na nyoko. Wari ufite imyaka itatu. Ni yo mpamvu nagusabye kuyibika neza kugira ngo izakubere urwibutso mu buzima bwawe bwose.

Uriya mubyeyi yaragukundaga cyane, ku buryo yari gutanga ibyo afite byose kugira ngo ubeho. Yarakunsigiyeye ansaba kukurera nkaguhaye uburere bukwiriye, ukazavamo umugabo uhamye. Ibyo narabimusezeranyije, mwemerera ko uzakubera umubyeyi aho atari. Uriya mubyeyi ni mukuru wanjye. Ibyo yansabye narabikoze kandi ndacyabikora. Nta cyo uzabura nkishoboye kandi nzakurwanirira kugeza igihe uzaba ushoboye kwirwanirira.

Rwema yaje gusanga uwo yita umubyeyi we atari we

Byose byatangiyeye ubwo so yari avuye kwiga mu mahanga maze nyuma gato y’ubukwe bwe, ajya kugura isambu ku Ruyenzi. Yaguze ahantu hanini pe, kuko yari afite akazi keza yizeye ko kagomba kumuha amafaranga ahagije. Abantu bahatuye batangira kumugirira ishyingirira kubera icyo sambu yose yari aguze. Ni we wari usigaye ahafite isambu nini.

Icyakora ntiyabasha kwishyurira icyarimwe ayo mafaranga yose, ahubwo asigaramo umwenda ungana na kimwe cya kane cy’amafaranga yose yari yayiguze. Ubwo bituma bandika ku rupapuro rw’ubuguzi ko ahawe ubwo butaka kugira ngo abe abukoresha ariko ko azabwegurirwa amaze kwishyura amafaranga yose.

Gasana atangira kubaka no gukoresha ubutaka bwe, ariko abaturanyi bakomeza kumubera babi: bakamwangiriza, imyaka iri mu murima bakayonona, yagira agatungo agira mu rugo bakakiba. Ndabyibuka neza mwana wa, ko hari n’igihe bamwiciye inkoko rwoye zigera kuri eshanu.

Gasana amaze kubona amafaranga yari asigaye kugira ngo yishyure umwenda, ajya kureba Rugarika ngo bandike urundi rupapuro rwemeza ko yeguriwe ubutaka burundu kuko arangije kubwishyura. Urwo rupapuro barwita *resi*. Kuri uwo muni mubi rero, Gasana yajyanye n’umugore we gusa kuko batari bazi ko bahita basangaye Rugarika. Uyu na we bamusanga mu rugo ari kumwe n’inshuti ze barimo kunywa amayoga, abandi banasinze reka sinakubwira.

So amaze kubakubita amaso, agira amakenga maze yiyemeza ko uwo muni nta yindi *resi* bandika kuko yasanze bameze batyo. Icyakora Rugarika we ntiyari yasinze. Bituma Gasana amumenyesha ko yamubonye amafaranga yari asigaye, amusaba ko yashaka umwanya bakazandika *resi* ya burundu.

Rugarika aramuhatiriza, amusaba ko niba yayazanye yayamuha bakandika *resi* ya nyuma. Amwumvisha ko nta kigoye kirimo, cyane ko hari abantu benshi n'ubundi byari gukorwa neza. Akomeje kubona Gasana abishidikanyaho kuko yabonaga uko abari aho basaga n'abasinze, aramubwira ati: “Humura Gasa, abasinze ni bo bake kandi icyo tubakeneyeho ni igikumwe cyabo gusa, ubundi abazi gusinya bagasinya. Turifashisha abatarasinda rero nta kibazo.”

Gasana na nyoko bageze aho barabyemera kuko babonaga koko harimo nka batanu cyangwa batandatu batarasinda. Rugarika asaba Gasana *resi* ya mbere kugira ngo arebe umubare w'amafaranga yari yarasigayemo, abone ayo agiye kwishyurwa uko angana. Gasana ahita amuha urupapuro maze aramwegera kugira ngo amwereke neza aho amafaranga yanditse. Rugarika amaze kuyabona, abwira Gasana ko ategereza akajya mu nzu kureba *resi* na we yari yasigaranye ngo arebe ko handitseho amafaranga angana n'ari ku ya Gasana. Nuko yinjira mu nzu ye, agendana na *resi* ya Gasana.

Gasana abonye ko undi agendanye *resi* ye, yumva umutima uramukubise maze akomeza gukurikiza amaso Rugarika wari winjiye mu nzu ye y'ibyatsi. Rugarika ageze mu kirambi, Gasana yari akimukurikije amaso nubwo atamurebaga neza, afata ya *resi* ayishyira mu kanwa arayikanjakanja maze igipapuro kimaze kunoga neza arakimira. Nuko yihina hirya azana agacuma k'urwagwa ahereza Gasana n'umugore we anateguka ko babaha aho kwicara.

Gasana wari wamubonye asa nk'utamira ikintu, akomeza kugira amakenga maze amubaza impamvu adasohokanye impapuro ahubwo akazana inzoga. Rugarika amubwira yumumirije ati: “Ni ibisanzwe mu rugo rwanjye. Kirazira ko umuntu yaza kunsura ngo agende ntamuzimaniye. Mbere yo kugenda, nimubanze mwice akanyota. Naho iby'impapuro byo sinigeze ntekereza no kujya kuzizana. Uyu ni umwanya wo kurya no kunywa, si uw'impapuro.”

So ahita arakara maze asaba ko bamuha *resi* ye agataha iby'inzoga bakabireka. Rugarika amwibutsa ko nta n'umwe mu bari aho bose wabonye ko yamuhaye *resi*; kuko bari basinze, bitaye ku kwinywera gusa. Amumenyesha ko yibagirwa ibya *resi* cyangwa yaba abishoboye akamubaga kuko yari yageze mu nda kare. Yakomeje agira ati: “Nkugiriye inama wakwibagirwa *resi*. Ubu tuvugana iri mu nda yanjye niba uyishaka koko, bagutize icyuma umbage. Erega waje mu isambu yacu, wirirwa uHINGA imisozi n'imisozi ukeza wenyine warangiza ukanarya wenyine. Abandi inzara yaratwishe ariko wowe uhora umena ibiryo “.

Akomeza kongeraho amagambo menshi, ati: “Ahari handitse ko waguze isambu nanjye ntiyahagihari. Ubu ubishatse waba utekereza ahandi ujya kuko n'iriya nzu wubatsemo, narangije kubwira abantu bose ko ari nje waguha akazi ko kuyinyubakira mu isambu yanjye, hanyuma ukaza kuyinsaba ngo nyigukodeshe. Ubu rero ndaje nkuhagurukire ngutumure mu nzu yanjye maze ndebe iyo uzajya. icyakora nk'umuntu twabanye, ndakureka ubanze usarure imyaka ufite nishiramo uzibwirize utumuke.”

Aha rero byari bikomereye Gasana. Iyo biza kuba nko muri iyi myaka, yari kuba yarafotoje icyo cyangombwa akabika ifoto yacyo, kikamurengera muri ayo makuba. Biriya byuma bifotora ntibyari byakaje. Uriya mutindi rero yari yarabwiye abantu bose koko ko yakodesheje imirima n'inzu ye kuri Gasana. Bose bagombaga kumwumva kuko yajyaga yikora akabatereka amayoga.

So ntiyigeze abimenya kuko akenshi babaga bahugiye mu kazi iyo za Kigali bakahaza gake cyane.

Nuko so ananirwa kwihangana kuko yari yabonye Rugarika amira bunguri iyo resi, maze agira umujinya ukomeye cyane. Abari aho bose bagiye kubona babona Gasana afatanye na Rugarika mu mashati, batazi icyo bapfuye. Gasana akubita Rugarika na we wari wagezwemo n'akayoga maze aramunozza koko! Kubera umujinya, aterura intebe y'imvunwa yari aho maze ayikubita Rugarika mu musaya arawumena, Rugarika arahwera.

Kuko kurwanira mu rugo rw'undi muntu bifatwa nko kumutera, Gasana yafashwe nk'uwateye Rugarika akajya kumukubitira iwe, kugeza n'ubwo agambirira kumwica. Umuntu wari uzi uko byagenze mu bari aho bose ni nyoko wenyine ariko yaravugaga ntiyumvwe. Ntiha gire n'umuturage umurengeza kuko bari basanzwe babafitiye ishyari.

Ikindi abantu bose bannyegaga umuryango wa Gasana babatuka, babavumira ku gahera, bababwira amagambo mabi, bababaza ukuntu Rugarika yaba yarabacumbikiye mu nzu ye, batagira iyabo, akabaha imirima ye ngo bayihinge nta kiguzi abasabye, barangiza bakamwitura gushaka kumwica. Babise indashima, babita abahemu n'andi mazina mabi yose yabayeho n'ayari ariho muri icyo gihe.

Rugarika ajyanwa kuvurwa ari intere kuko umwana w'umuhungu yari yamubabaje koko. Ndabyibuka icyo gihe, yarinze kugera muri bya bitaro bikuru bya CHUK. Abantu bahoranaga ubwoba bavuga ko aramutse apfuye, Gasana yahita ahanishwa igihano cy'urupfu kuko cyabagaho icyo gihe.

Abana bari bakurikiranye inkuru agahinda kabishe bose. Kanyange yari yatangiye kurira; yihanagura amarira buri mwanya. Rwema yari yicaye ameze nk'igiti, atavuga atananyeganyega. Nta wahamya neza ko yari agiteze amatwi uwo mukecuru wamubwiraga ibyabaye atarabaho. Aho byari bigeze, bombi bumvaga Rugarika yakabaye yarahise apfa bikagira inzira. Umukecuru akomeza kubabarira inkuru.

Hashize iminsi Rugarika aza gukira, maze so akatirwa gufungwa amezi atandatu kuko babifashe nko kurwana gusa, ntibyafatwa nko kugambirira kwica. Uwo mubyeyi ukubyara ahita aza iwanjye ahamara ayo mezi yose. Byari ibihe bimukomereye ku buryo yanatekereje kwiyahura akabinganzirizaho, akanaboneraho kunsaba ko nzakurera nkakubera umubyeyi.

Nuko tuganiriza uwo mubyeyi, mfatanyije n'abandi babyeyi b'inshuti zanjye tumwumvisha ko kwiyahura atari igisubizo kuko nta cyo byari gukemura. Arabyemera, arindira ko umugabo we afungurwa maze bakoresha amafaranga make bari basigaranye, bakodesha inzu mu Muji wa Kigali. Rugarika asubira mu isambu ye, arongerera arayikoresha.

Amahirwe ntiyasekeye abo babyeyi kuko nyuma y'imyaka ibiri baje kugwa mu mpanuka y'imodoka, bagusiga uri akana gatoya. Nuko biba ngombwa ko nibuka amagambo nyoko yambwiye, ndagufata mpitamo kukurera no kukubera umubyeyi nyakuri nk'uko n'ubundi yari yarabinsabye.

Nagerageje gukurikirana iby'iyi sambu yanyu ariko kubera intege nke, abari gushinja barabura kandi banteye ubwoba ko ninkomeza kubikurikirana nzabigwamo. Nahisemo kubireka nshyira imbaraga mu kubarera kugira ngo nimukura muzabikurikirane. Abo ngabo bayijyamo maze bayibyaza umusaruro, twe twicwa n'inzara. Ntibigeze bagira umutima wa kimuntu ngo wenda baduheho kimwe cya kabiri, natwe tubone uko twabaho. Byose barikubiye.

Abo nkubwira rero, bo ntibari bagahaniwe kutwambura imitungo kugeza igihe nawe wabiboneye. Uri umwana mukuru nta cyo utabonye. Wanabonye ibyo bagukoreye. Wari hafi gushiramo umwuka iyo Imana idakinga ukuboko. Biri no mu byatumye utangira kugira amanota make mu ishuri. Twagize amahirwe biba uri muri kaminuza. Iyo uba ukiri hasi ishuri ryari kukunanira.

None se mwana wanjye, uragira ngo mvuge iki ? Nshyigikire ubukwe bwawe urongora mu muryango waduhemukiye ? Ubu se nakumva nte ko wabuze abandi bakobwa beza ku buryo umutima wawe uyobera kuri uriya kandi uzi neza ibyabaye byose ? Nk'umwana mukuru wagombaga kubanza gutekereza, ukareba niba ibyo urimo gukora bikwiriye cyangwa bidakwiriye.”

Rwema ava aho yumiwe. Kwakira amakuru mashya atigeze amenya mu myaka yose yari amaze, bimubera ingorabahizi. Ntiyigeze amenya ko ubuzima bwe bwarinze kugera aho hose. Aho yisanga adafite umubyeyi n'umwe. Amakuru yagizwe ibanga akarinda arenda imyaka makumyabiri yose. Yakomeje kubitekerezaho, akibaza icyo yacumuye ku buryo ibyo byose ari we biteraniraho, bikamuyobera.

Kanyange amuba hafi aramukomeza. Amara iminsi amwitaho, amuganiriza kandi amwumvisha ko uko byagenda kose ubuzima bukomeza, kandi ko nta cyarogoya umugambi w'Imana. Amwibutsa ko ibyo bidakuraho ko bakiri umuryango umukunda ngo akomeze kumubera mushiki we nk'uko bakuranye. Amuba hafi kugeza abyakiriye, akiyemeza gukomeza ubuzima.

Kwa Rugarika na bo ntibakira neza inkuru ya Rwema na Gihozo. Rugarika avuga ko kuba yarasabye imbabazi, atari byo bagenderaho ngo bakomeze bakundane. Abamenyesha ko uko yaba ameze kose, atashyigikira ko babana.

None ko imiryango yose yari ibatereranye? Ko ababyeyi bombi bari bavuze ko batashyigikira ubwo bukwe? Byari kugenda bite ? Rwema yari guhatiriza se agakomezanya na Gihozo kandi abakuru batabivugaho rumwe na bo ?

Kanyange, inshuti za Rwema n'iza Gihozo bose bakomeza gushyigikira urukundo rwa bagenzi babo. Babafasha kwakira buri kigeragezo cyose bahuye na cyo mu rukundo. Bababonagamo ubutwari bukomeye. Babafataga nk'ikimenyetso kizatuma bagarura ubumwe, ubwumvikane n'ubwiyunge muri iyo miryango. Urukundo rwabo rwari inshingano z'urwo rubyiruko rwose kuko rwarubonaga nk'inzira izabafasha kurandura inzigo no kuvanaho amacakubiri. Buri wese yararuharariraga. Bityo, babafashaga guhangana n'icyabaca intege cyose, bakabatoza gukomera kandi bakabumvisha ko bari mu rugamba batagomba gutsindwa.

Muri iyo minsi, Kanyange yegera nyina amwumvisha ko Rwema ari umwana wababaye bihagije. Amubwira ko uwo muhungu yagize ibikomere byinshi, birimo ibyaturutse mu muryango

w'umukobwa yakunze. Asaba nyina kwirinda kuba indi mpamvu yatuma Rwema agira ikindi gikomere cyo kudashaka umukobwa akunda, kandi ari we wakamushyigikiye. Akomeza kumusaba nibura gushyigikira Rwema mu rugendo rwe akabikorera ibyishimo bye, kuko Rwema atari akiri umwana utazi gutandukanya icyatsi n'ururo.

Kanyange amara iminsi itari mike aganiriza uwo umubyeyi kugira ngo abyemere. Kanyange akamuganiriza buri munsu kandi akamwereka ko kubyemera ari ugufasha Rwema, kugira ngo bamufashe guhangana n'ibikomere yahuye na byo. Ni we Rwema yari ahanze amaso muri icyo minsi kuko ari we wenyine wari kubasha guturisha umutima w'uwo mubyeyi.

Rwema ntiyari guhatiriza ngo akore ibyo umubyeyi wamubereye nyina, akamurera nk'uko yareze umwana we bwite, adashaka. Ntiyifuzaga kumubabaza kuko yibaraga ahubwo nk'umubereyemo umwenda. Umukecuru wari wararahiriye mukuru we kuzakora ibishoboka byose umuhungu we akishima, asanga atagomba kuba intandaro yo kubabara kwa Rwema, maze yemera ko agiye kubashyigikira. Gusa asaba Rwema kubanza kumenya Gihozo neza, agasuzuma ko azamubera umugore yifuje kuva kera. Anamusaba kubanza kumenya ko afite umutima mwiza, utandukanye n'uwo umubyeyi be n'abandi bese bakora ibikorwa bigayitse.

Rwema biramushimisha cyane maze bimutiza umurindi wo gukomeza gukunda Gihozo no gukomeza umushinga wabo wo kubana. Nubwo Rugarika we yari atarava ku izima, nta cyo byari bibwiye abana cyane kuko bo bagombaga kubana uko byamera kose. Icyangombwa, ni uko bo bari bakundanye kandi bariyemeje kugera ku ntego yabo.

Ubukwe bwa Rwema na Gihozo

Nuko ubukwe burategurwa, butegurwa Rugarika atabishyigikiye. Hari imihango imwe n'imwe y'ubukwe atigeze yitabira kuko atashakaga kurebana na Rwema n'abaturuka mu muryango we. Ku bwe ntiyifuzaga rwose ko ubwo bukwe bubaho.

Umunsi w'ubukwe, abageni bari babukereye. Rwema abwambarira ikositimu y'umukara tsiri, irimo ishata y'umweru. Yambara kandi karuvati y'irabura ijyanye n'iryo kotu. Ku mufuka wo hejuru w'ikotu, hariho uturabyo dutukura. Iyo kositimu yari yicaye ku nkwezi nzeza y'igihogo, yakandagizaga ukabona koko ko akandagiye. Bari baraye bayiteye umuti, mu gitondo barongera barayihanagura. Mbese irashashagirana!

Umugeni na we yambara ikanzu y'abageni, ku mutwe no ku gituza hari indabyo zitukura nk'iza Rwema. Byari ibyishimo ku mpande zombi. Abambariye umukobwa bo bambara amakanzu asa. Uwo munsi, barebye abakobwa banganya umubyimba n'ububere, maze baba ari bo bambara ayo makanzu meza y'ubururu asatuye kugeza ku kibero hejuru, yari yateganyirijwe abagomba kwambarira umugeni. Abambarira Rwema na bo bambara amakositimu y'ubururu arimo amashata y'umuhondo. Byari biryoheye ijisho kubireba.

Mu gisharagati, abageni bari babereye kandi bishimanye. Bageze aho, basaba abageni guhaguruka bagahoberana, Rwema asaba ko yabanza agahoberana na nyirabukwe wabayeho intwari ntabatererane nk'uko seburukwe yabikoze, maze akabababwira hafi kuva ku munsi wa mbere kugeza ubukwe bubaye. Nuko aramuhobera maze na Gihozo ahobera nyirabukwe, nuko barahindukira barebana mu maso, Rwema afata Gihozo mu biganza maze aramuhobera,

aramusoma. Abari aho bose amashyi ngo ‘kaci kaci.’. Ubukwe burangiye, abageni bajya mu rugo rushya ruherereye mu Karumuna ka Bugesera.